UMUGENZI
IGICE CYA MBERE



Binjira mu rurembo Siyoni

UMUGENZI

LE VOYAGE DU CHRETIEN EN KINYARWANDA

ITANGIRIRO

Nyuma yo gusoma édition ya kane yanditswe na PRINTER'S HOUSE SOLUTION LTD mu 1980 ngasanga ari cyiza cyane, nifuje ko cyarushaho gufasha benshi bari mu rugendo rujya i Siyoni, bityo ngira igitekerezo cyo kugisubiramo kubera impamvu eshatu nkuru zikurikira:

- Kuvugurura imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda kubera ko imyandikire yo muri Edition ya kane itajyanye n'igihe;

- Gukosora amakosa y'imyandikire (typing errors);

- Icyifuzo cyo kugeza aka gatabo ku bantu benshi binyuze mu kugashyira kuri internet no kuba kahererekanwa kandi kagasomerwa kuri telefoni ngendanwa, dore ko nanjye ubwanjye nabanjye kugashakira kuri internet nkakabura.

Ikindi ntabura kubabwira ni uko usibye iyi edition yifashishijwe mu gukosora aka gatabo, hari n'izindi eshatu zayibanjirije arizo iya mbere yo mu 1933, iya kabiri yo mu 1959 n'iya gatatu yo mu 1979.

Ingero z'amwe mu magambo n'amazina yari yanditswe nabi: *"nakerense" ryahinduwe "**nakerenseje**" (kuri page 34), "MUREHESI" ryahinduwe "**MUHEHESI**" (page 94), "Eliya" yahinduwe "**Eliyakimu**" (kuri page 128), "butuma" ryahindutse "**bituma**" (kuri page 151) n'ayandi.*

Ingero z'imwe mu mirongo yo muri Bibiliya itari iri yo n'indi itanabaho*: (9 Abates. 5.6) kuri page 134 wakosowe bikaba (1 Abates 5:6), (Yesaga 26.2) kuri page 159 wakosowe hakandikwa (Yesaya 26.2), (Itang 1.26) kuri page 107 wakosowe ukaba (Itang 19:26) n'iyindi. N'ubwo bimeze bityo, hari ahantu habiri tutashoboye gukosora kuko hadahura n'ibyanditswe. Aho ni Abarom 10. zo (tuhasanga kuri page 83) na (Mat 1:2) (tuhasanga kuri page 117): twaharekeyemo kugira ngo tudahindura injyana y'igitekerezo kiri muri Edition twifashishije.*

Ingero z'ivugururura uburyo amarangamirongo ya Bibiliya yanditswemo*: (Zab III:10 byahinduwe Zab 111:10); (Ibyak. 16.30,31 byahinduwe Ibyak 16:30-31); (2 Abakor. 10. 18 byahindutse 2 Abakor 10:18).*

Muri rusange, ikosora ryakozwe nta kintu ryahinduye ku gitekerezo nyirizina kiri mu muri edition yo muri 1980.

Edition ya 4 yavuguruwe mu 2016 bikozwe na MVUYEKURE Emmanuel ufite contacts zikurikira:

Tel: +250788550961
E-mai: mvem2009@yahoo.com

AMAGAMBO ATEGUZA

Umwanditsi w'iki gitabo yitwaga Yohana Bunyan. Yavukiye mu Bwongereza mu mwaka wa 1628. Se yari umucuzi, kandi nawe yize uwo mwuga. Yize imyaka mike gusa mu ishuri ry'abana, yiga gusoma no kwandika gusa. Yari afite ubwenge bwinshi bwa kavukire, ariko nta buryo yabonye bwo kwiga byinshi. N'ubwo yari azi kwandika no gusoma, imyandikire ye iteka yarimo amakosa menshi.

Akiri umusore, Yohana yakundaga gukora ibyaha cyane, ariko yabikoraga umutima umurega, azi ko Imana izabimubaza. Umunsi umwe yumvise bigisha ku cyaha cyo kwica isabato, yumva ijwi ry'Imana mu mutima we rimubaza riti:

Urahitamo kureka iki? Kureka ibyaha byawe ukazajya mu ijuru, cyangwa kubikomeza ukazajya muri Gehinomu? Agira ubwoba bwinshi; maze ariheba, yibwira ko atagishobora gukizwa. Bukeye ahura n'abagore batatu bakijijwe, baganiraga iby'Imana bahagaze ku irembo ry'urugo. Atangazwa n'amahoro yabo n'ubuhamya bwabo bwo kubabarirwa ibyaha no gukizwa n'Umwami Yesu, amenya ko abo bagore babonye Yesu koko.

Icyakora ntiyakizwa uwo mwanya. Yongera guhura na *Apoluoni* na *Bwihebe* ibihe byinshi. Ndetse hari ubwo yari hafi kumera nka wa mugabo wo mu kazitiro kwa Musobanuzi. Ariko bitinze, agera ku musaraba, umutwaro umuva ku mugongo, arakizwa.

Atangira kuvuga ubutumwa hose. Imana iramukoresha. Maze mu mwaka wa 1660, himikwa umwami mushya utaremeraga ko abatararobanuriwe ubupasitori mu buryo butegetswe bavuga ubutumwa. Yohana araregwa, ajya mu rubanza bamutegeka kureka kuvuga ubutumwa. Aranga, baherako bamushyira mu nzu y'imbohe.

PREFACE

Amaramo imyaka cumi n'ibiri! Kuba mu nzu y'imbohe kwamuhaye uburyo bwiza bwo gusoma igitabo cy'Imana no kukirondora cyane. Kandi Imana imukoresha mu zindi mbohe. Icyamubabazaga ni kimwe gusa; ni ibyo gufasha umugore we n'abana. Ntiyashoboraga gucura, nuko yiga undi mwuga wo kuboha utuntu, abohesha urudodo, akabigura amafaranga akayohereza iwe.

Ntiyanditse byinshi muri icyo gihe. Bitinze baramurekura abona umudendezo wo kuvuga ubutumwa no gukorera Imana. Mu mwaka wa 1676, bongera kumufunga amezi make nibwo yanditse iki gitabo. Kiboneka mu mwaka wa 1678. Abantu baragikunda ku buryo butangaje, gikwira hose mu gihugu, cyane cyane mu ngo z'aboroheje. Gikundwa n'abana n'abakuru. Ubu kimaze guhindurwa mu ndimi zirenga 120!

Ubwa mbere imfura n'abanyabwenge basuzuguraga iki gitabo, bati; nta mucuzi wo kwandika igitabo! Ariko buhoro buhoro, gitangira kumenyekana muri bo (Yohana yarapfuye kera). Baragisoma baragitangarira. Basanga ni ingezi rwose! Bibaza uko umuntu w'umukene w'umwuga ugayitse, utize n'ibyubwenge, yashoboye kucyandika. Birabayobera. Icyabimuhesheje ni kimwe: yari azi igitabo cy'Imana uburyo butangaje. Bisa n'aho yagifashe cyose mu mutwe! Ni ukuri gutinya Uwiteka ni itangiriro ry'ubwenge *(Zab 111:10).* Iki gitabo cye cyuzuye amagambo y'Imana akurikiranye; ni menshi cyane.

Tugisoma iki gitabo, twibuke yuko ari nk'ubuhamya bwa Yohana Bunyan ubwe. Rya senga yaryamyemo akaharotera, mu itangiriro ryacyo ni ya nzu y'imbohe yari afungiwemo! Tujyane nawe, tugerane na we ku irembo ryo kwihana, no kwa Musobanuzi. Kandi cyane cyane ku musaraba w'Umwami Yesu, duture umutwaro w'ibyaha. Maze natwe dukomeze urugendo. Iyo nzira ni nziza cyane, kandi rero, nta yindi igera i Siyoni!

IBIRIMO

IBISHUSHANYO

Urupapuro

UMUGENZI

1. UMUNTU WARI UHETSE UMUTWARO

NANYURAGA mu butayu, ni bwo iyi si, mbona ahantu hari isenga, ndyamamo, ndasinzira, ndota inzozi. Muri izo nzozi, mbona umugabo wambaye ubushwambagara, ahagaze ateye umugongo urugo rwe, afite igitabo mu ntoke, ahetse umutwaro uremereye mu mugongo (*Zab 38:4*). mwitegereje mbona abumbuye icyo gitabo, aragisoma. Akigisoma, ararira, ahinda umushyitsi. Maze, atakibasha kwihangana, arataka, araboroga, ati: ”Ngire nte?” (*Ibyakozwe 2:37; 16:30; Abaheburayo 2:2-3*.)

Akimeze atyo, ataha iwe; agezeyo, amara umwanya ashoboye wose yiyumanganije, kugira ngo umugore we n’abana be batabona umubabaro we. Ariko ananirwa kumara umwanya munini acecetse, kuko umubabaro we ugwira. Nicyo cyatumye aheruka kubungura ubwenge. Atangira kubabwira atya, ati: “Mugore wanjye nkunda, namwe bana nabyaye, jyewe inshuti yanyu y’amagara, nishwe n’umubabaro undemereye cyane. Kandi nabariwe inkuru y’impamo yuko uyu mudugudu wacu uzatwikwa n’umuriro uvuye mu ijuru. Muri iryo rimbuka riteye ubwoba, jyewe ubwanjye, nawe mugore wanjye, namwe bana nkunda, tuzarimbukana bibi, keretse ubuhungiro ntarabona bwaboneka bwo kudukiza”.

Bumvise ibyo, bene wabo baratangara cyane: si uko bemeye yuko ibyo yababwiye ari iby’ukuri, ahubwo ni uko bibwiye yuko yafashwe n’indwara isarisha. Nuko kuko bwari bwije, bakibwira yuko ibitotsi byabasha kumukiza, bihuta kumuryamisha. Ariko ijoro ringanya n’amanywa kumubabaza, nicyo cyatumye mu kigwi cyo gusinzira, akesha ijoro asuhuza umutima, arira.



Mukristo arangirwa inzira

Bukeye, bamubaza uko ameze, arabasubiza ati: ”Ndarushaho kumera nabi”. Maze yongera kuganira nabo, ariko bo batangira kunangirwa imitima. Kandi batekereza kwirukanisha indwara ye kumutota no kumukankamira. Ubundi baramusekaga, ubundi bakamutota, ubundi bakamuzinukwa rwose nicyo cyatumye atangira kwigunga mu nzu ye, kugira ngo abasabire, ababababarire, no kugira ngo yiganyire umubabaro we. Kandi yagendagendaga mu mirima wenyine, ubundi asoma, ubundi asenga: amara iminsi agira atyo.

2. MUBWIRIZABUTUMWA

Bukeye mubona agendagenda mu mirima, asoma igitabo cye, nk'uko yamenyereye, agira agahinda kenshi. Akigisoma, araturika arataka, nk'uko yagenjeje cya gihe kindi, ati: Nkwiriye gukora nte, ngo mbone gukira? (*Ibyak 16:30-31*).

Mbona akebaguza, nk'ushaka kwiruka. Maze arahagarara kuko atabashije kumenya aho ajya. Mbona umugabo witwaga MUBWIRIZABUTUMWA, aza aho ari, aramubaza ati: "Uratakishwa n'iki?" aramusubiza ati: "Mutware, nabwirijwe n'iki gitabo mfite mu ntoke, yuko naciriweho iteka ryo gupfa, kandi ubwa nyuma nkaba mbikiwe kujya mu rubanza (*Abaheb 9:27*), Kandi numva yuko urupfu ntarushaka, n'urubanza ntazashora kurutsinda. MUBWIRIZABUTUMWA aramubaza ati: "ni iki gituma udashaka gupfa, ko ubu bugingo bufite ibyago byinshi?" Uwo mugabo aramusubiza ati: "Ni uko ntinya yuko uyu mutwaro mpetse mu mugongo uzanzika, ukangeza hasi y'ikuzimu, nkagwa ahatanyiteguriwe muri Gehinomu (*Yesaya 30:33*). kandi, mutware, ubwo ntiteguye kujya mu nzu y'imbohe (niyo rupfu rw'umubiri), siniteguye no kujya mu manza, ubwa nyuma nkicwa urupfu rw'iteka. Gutekereza ibyo niko kuntakisha."

Maze Mubwirizabutumwa aramubaza ati: "ubwo umeze utyo, ni iki kiguhagaritse aho?" Mubwirizabutumwa amuha umuzingo w'igitabo cy'uruhu, wanditsweho ngo "Nimuhunge umujinya uzatera". *(Mat 3:7)*

Aragisoma, yitegereza Mubwirizabutumwa cyane, aramubaza ati: "Mpungire he?" Mubwirizabutumwa amutungira urutoke hirya y'agasozi kagari cyane, aramubaza ati: "Urarora ririya rembo rito?" *(Mat 7:13-14)* Uwo mugabo ati: "Oya". arongera aramubaza ati: "Urarora ririya tabaza ryaka cyane?" *(Zab 119:105; 2 Pet 1:9).* Aramusubiza ati: "Sinzi, ahari ndaribonye". Maze Mubwirizabutumwa aramubwira ati: "uboneze kuri ririya tabaza, ujyeyo, udateshutse. Nukora utyo, uri bubone iryo rembo. Nurikomangaho, urabwirwa ibyo ukwiriye gukora".

Maze ndota atangiye kwiruka. Ariko ataragera kure y'urugo rwe, umugore we n'abana babibonye baramuhamagara ngo agaruke. Yipfuka mu matwi, akomeza kwiruka, avuga ati: "Bugingo, bugingo, bugingo budashira!" *(Luk 14:26)* Nuko ntiyakebuka *(Itang 19:17),* ahubwo akomeza guhunga yerekeza hagati mu kibaya.

3. ABATURANYI BA MUKRISTO

ABATURANYI b'uwo mugabo basohorwa no kureba uko yiruka; kandi akiruka bamwe baramuseka, abandi baramukangisha, abandi baramuhamagara ngo agaruke.

Muri bo harimo babiri bagambiriye kumugarura bamuhase. Umwe muri bo yitwaga MUDAKURWAKWIJAMBO, undi yitwa NYAMUJYIRYANINO. Icyo gihe yari amaze kubaha intera: ariko bo bajya inama yo kumukurikira; baragenda, hashize umwanya muto bamusohoraho. Arababaza ati: "Bagenzi banjye, muzanywe n'iki?"

Bati: "tuzanywe no kukugira inama yo kugarukana natwe." Arabasubiza ati: "Oya, ntibishoboka. Mutuye mu mudugudu witwa RIMBUKIRO, aho nanjye navukiye. Mbonye yuko ari ko uri, kandi hazaza igihe vuba cyangwa kera, muzapfirayo, muzikwe, mugere hasi y'ikuzimu. Nuko nshuti zanjye, mwemere ibyo mvuze tujyane.

Mudakurwakwijambo aramubaza ati:"uti iki? Dusige inshuti zacu n'ibitunezeza byose?"

Mukristo (niko uwo mugabo yitwaga) aramusubiza ati: "Ye, kuko ibyo mwasiga byose bidakwiriye kugereranywa n'ibike mu byo nshaka guhabwa, kugira ngo binezeze *(Abaroma 8:18).* Kandi mwakwemera kujyana nanjye, ntimusubire inyuma, mwazamera nkanjye, kuko aho njya bafite ibibahaza bigasigara *(Luk 15:17).* Nimuze muhinyuze amagambo yanjye ".

Mudakurwakwijambo ati: "Ibyo ushaka ni ibiki, bikurekesha iby'isi byose?"

Mukristo ati ati: "Ndashaka ibiragwa bitabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka *(1 Pet 1:4)* bibitswe mu ijuru, aho bitabasha kwangirika, kugira ngo ababishaka bazabihabwe mu gihe cyategetswe n'Imana. Ibyo byanditswe mu gitabo cyanjye, niba wemeye kugisoma, urabibonamo. Mudakurwakwijambo ati: "Ashwi. Kura aho igitabo cyawe. Uragarukana natwe, cyangwa urarorera?"

Mukristo ati: "Ndanze; kuko nafashe ya suka *(Luka 9:62)*

Mudakurwakwijambo ati: "nuko rero Nyamujyiryanino, duhindukire, dutahe. Hariho abibone b'abasazi benshi bameze nk'uyu; kandi iyo bibwiye ibitari byo, bibwira ko barusha ubwenge abantu barindwi bashobora kuvuga impamvu zo kubihakana".

Nyamujyiryanino ati: "Witukana! Mukristo uyu mwiza, niba ibyo avuze ari ukuri, aturusha gushaka ibyiza. Ku bwanjye, umutima wanjye unyoshya kujyana nawe".

Mudakurwakwijambo ati: "Uti iki? Nawe ubuze ubwenge? Nyumvira dusubire iwacu. Ninde uzi aho uzajyanwa n'umuntu usaze utyo? Subirayo, subirayo, niho uri bube ugize ubwenge".

UMUGENZI

Mukristo abwira Nyamujyiryanino, ati: "Ahubwo tujyane, Nyamujyiryanino. Ibyo navuze biriho, n'ibyiza bindi byinshi, kandi byabonwa. Nawe niba utabyemeye soma ibyo muri iki gitabo cyanjye. Kandi kugira ngo umenye yuko ibiririmo ari iby'ukuri, byose bihamwa ko ari koko n'amaraso y'uwacyandikishije".

Nyamujyiryanino abwira Mudakurwakwijambo ati: "Nuko Mudakurwakwijambo, singishidikanya, ahubwo ngambiriye kujyana n'uyu mwiza no kujya nsangira nawe ibyo abona". Maze abaza Mukristo ati: Nshuti yanjye nziza, mbese uzi inzira ijya aho heza?"

Mukristo aramusubiza ati: "Nayobowe n'umugabo witwa Mubwirizabutumwa, ngo nkwiriye kwihutira kugera ku irembo rito twerekeye, niho turi bubwirirwe iby'inzira".

Nyamujyiryanino ati: "Nuko nshuti yanjye tugende. Bombi barajyana, maze Mudakurwakwijambo aravuga ati: "Jyeweho ndasubira iwanjye, sinshaka kujyana n'abayobejwe batyo b'ibicucu".

Maze ndota yuko Mudakurwakwijambo amaze gutaha, Mukristo na Nyamujyiryanino banyuraga mu kibaya baganira. Batangira kuganira batya.

Mukristo abaza Nyamujyiryanino ati: Nshuti yanjye Nyamujyiryanino, uri mugabo ki? Nishimiye yuko wemeye ko tujyana. Mudakurwakwijambo nawe, iyaba yarababajwe nkanjye n'imbaraga z'ibitaraboneka n'ubwoba bitera, ntaba yatebutse kudusiga ngo atahe".

Nyamujyiryanino ati: "nuko Mukristo, kuko dusigaye twiherereye ongera umbwire iby'aho tujya, uko bisa, kandi ibyo dukwiriye gukorera kugira ngo tubitunge,

Mukristo ati: "Ndushaho kubyibwira mu mutima kuruta kubivugisha ururimi, ariko kuko ushaka kubimenya ndabigusomera mu gitabo cyanjye".

Nyamujyiryanino ati: "uratekereza yuko amagambo yo mu gitabo cyawe ari ay'ukuri rwose?"

Mukristo aramusubiza ati: "Ni ay'ukuri, kuko cyandikishijwe n'Itabasha kubeshya *(Tito 1:2)*".

Nyamujyiryanino ati: "Uvuze neza. Ariko se, ni ayahe ? Mukristo ati: Hariho Ubwami butazashira uzabamo, n'ubugingo buhoraho tuzaherwa kugira ngo tuzabe muri ubwo bwami iteka ryose (*Zab 145:13; Luk 12:32; Yoh 10:27-29*).

Nyamujyiryanino ati: Uvuze neza. Ariko se ibindi ni ibiki?"

Mukristo ati: "Nta kurira kuzabayo cyangwa agahinda, kuko nyiraho azahanagura amarira yose ku maso yacu" *(Ibyahish 7:16-17; 21:4)*

Nyamujyiryanino ati: ariko se, tuzabanayo na bande?"

Mukristo ati: "Tuzabanayo n'abantu ibihumbi n'inzovu badutanzeyo. Muri abo nta n'umwe ugirira mugenzi we nabi, ahubwo bose barakundana kandi ni abera. Bose bagendera mu maso y'Imana, bagahagarara imbere yayo bashimwa nayo iteka ryose. Kurangiza byose mu magambo make, tuzabonayo abakuru bambaye amakamba y'izahabu (Ibyahish 4:4); kandi tuzabonayo abantu batemaguwe n'ab'isi n'abatwitswe n'abagaburiwe inyamaswa n'abaroshywe mu nyanja, babahora urukundo bakundaga Nyiri icyo gihugu, bose ari bazima, bambaye kudapfa nk'umwenda *(Yoh 12:25; 2 Abakor 5:2-4).*

Nyamujyiryanino ati: "Ayo magambo ndayumvise: ibinezaneza byenda kunyica. Ariko se birashoboka kubitunga? Dukore iki kugira ngo tubihabwe?

Mukristo ati: Ibyo Umwami utwara icyo gihugu yabyandikishije muri iki gitabo *(Yesaya 55:1-2; Yoh 6:37; 7:37; Ibyahish 21:6; 22:17).* Uko ibyo bisobanurwa mu magambo make, niba tubikunda rwose, azabiduhera Ubuntu".

Nyamujyiryanino ati: "Yewe, byo biranejeje cyane: twihute cyane: twihute!

Mukristo ati: "Simbasha kwihuta nk'uko nashaka kuko mbuzwa n'uyu mutwaro mpetse".

UMUGENZI

4. ISAYO GAHINDA GASAZE

Maze ndota yuko bamaze kuganira bagera batyo ku isayo irimo ibyondo byinshi, yari iringanije icyo kibaya. Nabo kuko batitondaga, batungurwa no kugwa muri iyo sayo. Kandi iyo sayo yitwaga GAHINDAGASAZE. Bamaramo umwanya bagerageza kwisayura, bivurunga cyane mu byondo. Mukristo atangira gusaya cyane kuko yari ahetse wa mutwaro.

Maze Nyamujyiryanino aramubaza ati: ”Mukristo we! Mbese ugeze he?

Mukristo aramusubiza ati: ”Nanjye simbizi rwose”.

Nyamujyiryanino abyumvise, atangira gushoberwa, ararakara, abaza mugenzi we, ati: ”Uku ni kwa kwishima wahoze umbwira? Ubwo tubanje kubona ibyago dutya, mu rugendo rwacu rusigaye bizacura iki? Nabonye mva hano nkiri muzima, nagusigiye icyo gihugu cyiza, akaba ari wowe ukiragwa wenyine!

Maze agira umwete, yisayura agana ku ruhande rw’isayo rwerekeye iwabo. Aragenda, Mukristo ntiyasubira kumubona. Nuko Mukristo asigara wenyine, avoyagurika mu isayo Gahindagasaze. Ariko ntiyareka kugira umwete wo kugera hakurya, aherekeye rya rembo rito. Agerayo ariko ananirwa kwisayura n’umutwaro ahetse. Maze ndota umugabo witwa MUTABAZI aza aho ari aramubaza ati: ”Ni iki kikugejeje hano?”

Mukristo ati: Umugabo witwa Mubwirizabutumwa niwe wanyoboye iyi nzira, kandi niwe wanyeretse ririya rembo, kugira ngo mpunge umujinya wenda gutera. Nkijyayo, nsaya hano”.

Mutabazi ati: ”Ni iki cyatumye utitegereza amabuye yo gutarukiraho?”

Mukristo ati: ”Ni uko nirukanwaga n’ubwoba cyane, bituma mpungira mu nzira y’ubusamo, ndasaya”.

Mutabazi ati: “Mpa ukuboko kwawe”.

Amuha ukuboko, aramukurura, amukuramo *(Zab 40:2),* amushyira ahumutse, amutegeka gukomeza kugenda.

Maze negera uwamukuyemo, ndamubaza nti: "Ubwo inzira iva mu mudugudu w'i Rimbukiro, ijya kuri riya rembo rito, idaca ahandi keretse hano, ni iki cyatumye badatinda iyi sayo, kugira ngo abagenzi bajyayo bagende neza?"

Aransubiza ati: "Iyi sayo ntiyatindwa. Igituma idatindwa ni uko ihora ishyirwamo ico n'ibyondo byose bizanwa no kwemezwa k'umuntu ko ari umunyabyaha. Nicyo gituma yitwa Isayo Gahindagasaze. Iyo umunyabyaha akanguwe n'uko amenye ko ari uwo kurimbuka, umutima we wuzura ubwoba bwinshi no gushidikanya kwinshi n'ubwihebe bwinshi; nuko ibyo biteranira hamwe bigasanganira muri iryo sayo. Nicyo gituma ari habi hatya. Umwami ntakunda ko hagumya kumera hatya. Nanjye ubwanjye nzi yuko ibyigishwa byiza uduhumbagiza, byuzuye amagare inzovu ebyiri, byamizwe n'aha hantu, kandi ibihe byose bajyaga babikura ahantu hose ho mu bwami bw'Umwami wacu. Kandi abahanga b'ibyo bavuga yuko ari ibyo birushya ibindi kuhatinda, ariko haracyari isayo Gahindagasaze, kandi niko hazahora, nibamara gukora ibyo bashobora byose.

Ariko Umwami yategetse ko bahashyira amabuye yo gutarukiraho; kandi koko ariho akomeye meza hagati y'iyi sayo. Ariko iyo ijuru rirwaye, isayo rirushaho kuzikura ibyondo, bigatuma ayo mabuye aboneka biruhije. Kandi naho abantu bayabonye, impungenge zibatera guteshuka, bagasaya rwose, n'ubwo ayo mabuye yo gutarukiraho ahari. Ariko iyo bamaze gutambuka ririya rembo, bagenda aheza.

Nuko ndota Nyamujyiryanino asohoye iwe. Abaturanyi be baza kumusuhuza, bamwe muri bo bamushima ubwenge kuko yagarutse, abandi bamwita umupfu kuko yaharanye amagara na Mukristo; abandi bamukoba bamwita umunyabwoba, bati: "Ubwo wari utangiye urugendo ukagarurwa n'ibirushya bike, si ukwitera igisuzuguriro? Nuko Nyamujyiryanino yicarana nabo amwaye. Maze hashize umwanya ashyitsa umutima mu nda: abaturanyi be barahindukira, bafatanya nawe kunegura Mukristo. Nuko ibya Nyamujyiryanino birashize.

5. BWENGEBWISI

IBYO bikiri aho, Mukristo yagendaga wenyine, yitegura umugabo uje guhura nawe, bahurira mu mayirabiri. Uwo bahuye uwo yitwaga BWENGEBWISI; yari atuye mu mudugudu witwa BWENGEBWAKAMERE, umudugudu ukomeye cyane, uhereranye n'uwo Mukristo yavuyemo. Uwo mugabo abonye Mukristo akeka uwo ari we: kuko ibyo kuva mu mudugudu kwe witwa Rimbukiro byari byaramamaye cyane, si mu mudugudu wabo gusa, ariko n'ahandi. Nuko BWENGEBWISI amukekeshwa no kubona agenda aremerewe no kumva asuhuza umutima, aniha. Nicyo cyatumye abanza kumubaza ati: "Wa mugabo we urajya he, uremerewe utyo?"

Mukristo aramusubiza ati: "Ndaremerewe koko, nta wundusha umubabaro! Kandi umbajije uti "urajya he?" Ndajya kuri ririya rembo nerekeye kuko ari ho nabwiwe yuko ari ho bazambwiririza ibinkuzaho uyu mutwaro uremereye.

Bwengebwisi aramubaza ati: "Mbese ufite umugore n'abana?"

Mukristo aramusubiza ati: "Ndabafite ariko sinkibasha kubishimira nka mbere, kuko nanijwe no kuremererwa n'uyu mutwaro. Ngira ngo meze nk'utabafite *(1 Abakor7:29)"*.

Bwengebwisi aramubaza ati: "Nakugira inama wanyumvira?"

Mukristo ati: "Yaba nziza, nakumvira; kuko nshaka cyane kugirwa inama nziza.

Bwengebwisi ati: "Inama yanjye ni iyi: tebuka cyane wururutse umutwaro wawe, kuko ari ntabwo uzashyitsa umutima mu nda, utaragenza utyo. Kandi utaragenza utyo, ntiwabasha kwishimira imigisha Imana yaguhaye.

Mukristo ati: "Icyo nicyo nshaka, gukurwaho uyu mutwaro uremereye; ariko ubwanjye simbasha kuwururutsa mu mugongo. Nicyo gitumye njya iyo ngiyo, kugira ngo nywukurweho, nk'uko nkubwiye.

Bwengebwisi ati: "Ni nde wakubwiye ko ari yo nzira ukwiriye kunyuramo, kugira ngo ukurweho umutwaro wawe?"

Mukristo ati: “Ni umugabo nibwiye ko ari umunyacyubahiro ukomeye cyane: ndamwibutse, yitwa Mubwirizabutumwa.

Bwengebwisi ati: “Inama yakugiriye ni mbi. Mu isi nta nzira ihwanyije gutera ubwoba n’imiruho n’iyo yakohereje kunyuramo. Nawe numwumvira, uzabona ko ari ko biri. Na none mbonye yuko ugiriyemo ibyago, kuko mbonye wivurunze mu isayo Gahindagasaze: ariko iyo sayo ni itangiriro ry’ibyago biza ku banyura muri iyo nzira. Nyumvira, dore ndi umusaza, nkuruta ubukuru. Mu nzira unyuramo uzasangamo imiruho n’umubabaro n’inzara n’ibyago no kwambara ubusa no gucumitwa inkota; uzasangamo n’intare n’ibiyoka n’umwijima, n’urupfu ntuzabura kurusangamo. Ibyo byose ni iby’ukuri koko, abantu benshi barabihamya. None ni iki gitumye utebuka utyo kwiyicisha kumvira umushyitsi.

Mukristo ati: Uyu mutwaro mpetse urusha ibyo byose uvuze kuntera ubwoba. Nawukurwaho, ibyo byo mu nzira biribazwa.

Bwengebwisi ati: “Watangiye ute kuwugira?

Mukristo ati: ”Nawutangijwe no gusoma iki gitabo mfite mu ntoke”.

Bwengebwisi ati: “Nanjye niko nakekaga. Bikubayeho nk’uko biba no ku bandi benshi badakomeye; bishyira mu byo badashobora kugeraho, bakagwa mu mibabaro bahagarika umutima nka we. Uko guhagarika umutima ntikubakuramo ubugabo gusa, nk’uko mbonye yuko ubukuweho, ari ko gutuma birukira kwigerezaho, kugira ngo bahabwe ibyo batazi”.

Mukristo ati: Ariko jyeweho nzi icyo nshaka, ni ugukurwaho uyu mutwaro uremereye”.

Bwengebwisi ati: “Ariko ni iki gituma ushaka kuwukurirwaho muri iyo nzira irimo ibyago byinshi? Wakwihanganira kunyumva, nakubwiriza uburyo wabona icyo ushaka, udatewe n’ibyago ugiye kwisanganiza. Kandi ako gakiza kari hafi. Nuko mu cyimbo cy’ibyo byago, uzabona amahoro menshi no kugubwa neza”.

Mukristo ati: “Ndakwinginze ungire iyo nama”.

Bwengebwisi ati: “Dore muri biriya birorero, ahitwa i NGESONZIZA, harimo umugabo witwa MWIKIRISHAMATEGEKO;

ni umunyabwenge bwinshi wubahwa cyane; azi neza gukura imitwaro ku bantu, nk'uwo uhetse uwo. Kandi ubwanjye nzi neza yuko yafashije benshi bameze batyo. Kandi azi no kuvura abasajijwe n'imitwaro yabo. Wajya aho ari ntiwabura gufashwa vuba. Inzu ye ntiri kure, ni nk'urugendo rw'igice gito cy'isaha. kandi yaba atariyo, afite umuhungu mwiza witwa MVUGONZIZA, ahwanije na se gukora uwo murimo. Aho niho uri bukurirweho uwo mutwaro, kandi waba udashaka gusubira mu mudugudu wavuyemo (nanjye sinshaka ko usubirayo), nuko uzatumire umugore wawe n'abana bawe, mubane muri uwo mudugudu. Hariyo amazu, arimo ubusa waguramo imwe, watanga bike. Ibyo kurya byaho ni byiza kandi bigurwa igiciro gito, abantu muzaturana ni abanyangeso nziza, bazakubaha, bitume urushaho kugubwa neza.

Mukristo yumvise ibyo amara akanya ashidikanya, maze yemera kumwumvira, yibwiye ati: "Niba uyu avuze ukuri nagira, ubwenge nakurikiza inama angiriye. Maze aramubaza ati: " Inzira ijya kuwo muntu mwiza iri he?

Bwengebwisi aramwereka ati: Ntureba uriya musozi muremure?

Mukristo ati: "Ndawubonye"

Bwengebwisi ati: "Komeza inzira ikikiye uwo musozi, inzu uri bubanze kugeraho niyo ye.

Nuko Mukristo ateshwa inzira ye, akomeza inzira ijya kwa Mwikirishamategeko, kugira ngo amufashe. Maze ageze hafi y'uwo musozi, abona utumbagiye cyane, kandi abona uruhande rwawo ruhereranye n'inzira rubogamye cyane, bituma atinya gukomeza kugenda, kugira ngo umusozi utamugwira. Nuko arahagarara ayoberwa icyo ari bukore, Kandi umutwaro we urusha kumuremerera uko wamuremereraga atarateshwa inzira. Kandi uwo musozi urabya ibirimi by'umuriro *(Kuva 19:16-18)*, agira ngo agiye gushya, aratutubikana, ahinda umushyitsi *(Abaheb 12:21)*. Atangira kwicuza kuko yumviye Bwengebwisi. Maze Mubwirizabutumwa aramwegera; amugezeho, amureba igitsure gikomeye, aramubaza ati: "Wazanywe n'iki aha?"



Mukristo na Mubwirizabutumwa ku musozi Sinai

Mukristo araceceka ntiyagira icyo amusubiza.

Mubwirizabutumwa arongera aramubaza ati: “Si wowe nabonye uririra inyuma y’umudugudu wa Rimbukiro?”

Mukristo aramusubiza ati: “Mutware ni jye”.

Mubwirizabutumwa ati: “Sinakuyoboye inzira ijya kuri rya rembo rito?”

Mukristo ati: ”Mutware wayinyoboye”.

Mubwirizabutumwa ati: ”Nuko rero ni iki cyatumye utareka kuyoba? None dore nturi mu nzira.

Mukristo ati: “maze kwambuka isayo Gahindagasaze, nahuye n’umuntu: niwe wanyoheje kujya mu birorero biri imbere, ngo ndabonamo umugabo ubasha kunkuraho umutwaro wanjye”.

Mubwirizabutumwa ati: “Asa ate?

Mukristo ati: “Yasaga n’umuntu mwiza; ambwira byinshi. Bitinze nemera ibyo ambwiye, nza hano. Maze mbonye umusozi ubogamiye iyi nzira cyane ushaka kungwira, ndahagarara”.

Mubwirizabutumwa ati: ”Uwo muntu yakubwiye iki?”

Mukristo ati: ”Yambwiye kwihuta ngo nkurweho uyu mutwaro. Nanjye nti: “Nicyo nshaka”. Nti nicyo gutumye njya kuri ririya rembo, kugira ngo bambwirireyo ibyo ndi bukore ngo ngere ahantu ho kuwukurirwaho. Ambwira yuko anyereka inzira nziza y’ubusamo itarimo ibyago nk’iyo wanyoboye. Kandi ambwira ibya Mwikirishamategeko n’umwana we; ndabyemera nteshwa inzira. None sinzi icyo ndi bukore”.

Mubwirizabutumwa ati: ”Ba uhagaze ho hato, mbanze nkubwire amagambo y’Imana”.

Mukristo ahagarara atengurwa.

Mubwirizabutumwa aramubwira ati: ”Mwirinde mutanga kumva Iyo ivuga. Ubwo ba bandi batakize, kuko banze kumva uwabahanuriye mu isi, twe tuzarushaho cyane kudakira, niba dutera umugongo Itubwira iri mu ijuru *(Abaheb 12:25).* Kandi ati, niba azasubira inyuma, umutima wanjye ntumwishimira *(Abaheb 10:38)”.*

Maze abisobanura atya ati: “Nawe urirukira mu byago. Utangiye kwanga inama wagiriwe n’Imana Isumba byose, ukura ikirenge cyawe mu nzira y’amahoro, usigaza ho hato ukajya mu kaga ko kurimbuka iteka”.

Uwo mwanya Mukristo amwikubita imbere nk’upfuye; arataka ati: Mbonye ishyano, ndapfuye”! Mubwirizabutumwa abibonye amufata ukuboko kw’iburyo, aramubwira ati: “Abantu bazababarirwa icyaha cyose n’igitutsi *(Mat 12:31)”* Kandi: ”We kuba utizera, ahubwo ube uwizeye *(Yoh 20:27)”.* Mukristo asubiza umutima mu nda ho hato, arabyuka, amuhagarara imbere.

Mubwirizabutumwa aramubwira ati: “Gira umwete wo kumenya ibyo ngiye kukubwira. Reka nkubwire uwakubeshye uwo ari we, n’uwo yakoherejeho uwo ari we. Uwo mwahuye yitwa Bwengebwisi, kandi koko izina niryo muntu. Kuko aryoherwa n’amagambo y’iyi si gusa *(1 Yoh 4:5):* ni cyo gituma ajya ajya mu mudugudu witwa Ngesonziza gusengerayo. Kandi igituma arushaho gukunda iyo myigishirize ni uko imukiza kurenganywa azira umusaraba *(Abagal 6:12).* Kandi kuko ameze atyo ashaka kugoreka inzira zanjye, n’ubwo ari nziza.

Nuko mu nama yakugiriye, ukwiriye kwangamo amagambo atatu cyane.

Irya mbere ni uko yakuyobeje.

Irya kabiri ni uko yahirimbaniye kukwangisha umusaraba.

Irya gatatu ni uko yakuyoboye mu nzira ijya mu mitegekere y’urupfu *(2 Abakor 2 :7).*

Irya mbere, ukwiriye kwanga ko yakuyobeje, kandi nawe ukigaya ko wamwumviye. Ubwo wagenjeje utyo, uba ugaye inama wagiriwe n’Imana kugira ngo wemere iyo wagiriwe na Bwengebwisi. Umwami Yesu yaravuze ati: ”Mugire umwete wo kwinjira mu irembo rifunganye (niryo rembo nakoherejemo). Kuko irembo rifunganye n’inzira ari ntoya ijya mu bugingo; kandi abayinyuramo ni bake *(Mat 7:14).* Muri iryo rembo rito no muri iyo nzira iricamo, niho wa munyabyaha yagutesheje, asigazaho hato, akakuzanira kurimbuka. Noneho wange ko yakuyobeje, nawe wigaye rwose ko wamwumviye.

Irya kabiri ukwiriye kwanga ko yahirimbaniye kukwangisha umusaraba, kuko wategetswe kuwukunda, ukakurutira ubutunzi babitse bwose *(Abaheb 11:25-26).* Kandi umwami w'icyubahiro yakubwiye yuko ushaka gukiza ubugingo bwe azabubura; kandi yuko umukurikira, ntiyange se na nyina n'umugore we n'abana be na bene se na bashiki be, ndetse n'ubugingo bwe, uwo adashobora kuba umwigishwa we. *(Mat 10:39; Luk 14:26).* Iby'Iy'ukuri yavuze yuko utabasha kubona ubugingo utabifite, umuntu yakoshya ate yuko bikuzanira urupfu? Iyo myigishirize nayo ukwiriye kuyanga urunuka.

Irya gatatu, ukwiriye kwanga ko yakuyoboye inzira ijya ku kugabura kuzana urupfu. Nicyo gituma ukwiriye kwitegereza uwo yakoherejeho, ukamenya ko adashobora na hato kugukiza umutwaro wawe. Uwo yakoherejeho ngo akunihure witwa Mwikirishamategeko, ntabasha kugukiza umutwaro wawe. Nta muntu n'umwe yigeze gukuraho umutwaro, kandi ntawe ateze kuzawukuraho. Ntimubasha gutsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko kuko iyo mirimo itabasha gukuzaho umuntu wese umutwaro we. Nuko rero Bwengebwisi si uwo mu bwoko bw'Imana, kandi Mwikirishamategeko ni umuriganya; kandi umwana we Mvugonziza nubwo amwenyura, ni indyarya gusa, ntabasha kugufasha. Kandi nta kindi wabaririwe inkuru y'abo bapfapfa, keretse kugira ngo uyobywe inzira nari nkuyoboye, ukuzweho agakiza kawe n'ubwo buriganya.

Maze Mubwirizabutumwa ahamagara ijuru guhamya ibyo avuze: uwo mwanya kuri uwo musozi Mukristo yari ahagaze munsi hava amagambo n'umuriro. Atinya cyane, umusatsi umuva ku mutwe. Aye magambo ni aya ngo: "Abiringira imirimo itegetswe n'amategeko bose ni ibivume, kuko byanditswe ngo havumwe umuntu wese udahirimbanira ibyanditswe, ngo abikore *(Abagal 3:10*)".

Nuko Mukristo ariheba ko ari bupfe, arataka cyane avuma igihe yahuriye na Bwengebwisi, yigaya cyane ko yamwumviye, akorwa n'isoni yibutse yuko amagambo ye akurikije kamere y'umuntu gusa, yashoboye kumutesha inzira itunganye. Maze arongera abaza Mubwirizabutumwa ati: "Utekereza ute? Ndacyafite ibyiringiro byo gukira? Nakwemererwa gusubira mu nzira nziza, nkajya kuri rya rembo, simpejeshwe n'icyaha cyanjye, nkagaruka n'isoni? Nihaniye kuko numviye wa mugabo: ariko icyaha cyanjye cyababarirwa?"

Mubwirizabutumwa aramusubiza ati: "icyaha cyawe kirakomeye cyane, kuko kirimo ibibi bibiri. Wayobye inzira nziza, kandi uca mu nzira ibuzanywa. Ariko umukumirizi w'irembo ari bukwakire, kuko akunda abantu. Icyakora wirinde utongera kuyoba ukarimbukira mu nzira yawe, kuko umujinya we ukongezwa vuba *(Zab 2:12)*'. Nuko Mukristo atangira gusubirayo; Mubwirizabutumwa aramusoma, aramumwenyurira, amusezeraho, ati: "Ku Mana".

6. IREMBO

Mukristo agenda yihuta, ntiyagira uwo bavugana mu nzira, kandi umubajije ijambo ntamusubize. Ahubwo agenda nk'uca ahabuzanywa, ntiyabasha kwibwira ko avuye mu kaga, ataragera mu nzira yaretse akumvira inama ya Bwengebwisi. Hashize umwanya agera ku irembo. Hejuru y'iryo rembo handitswe ngo, MUKOMANGE MURAKINGURIRWA *(Mat 7:7*). Akomanga ubwa mbere n'ubwa kabiri, arakomeza, agira kenshi. Kandi ariririmbisha ati

Ab'imbere ndabasaba
Mwemere ko ninjira,
Nubwo nyir'iyi nzu mwiza
Nzi ko namugomeye
Simbikwiriye na hato,
Ariko ankinguriye,
Sinzasiba iteka ryose
Kuririmba ishimwe rye! (Ijwi 75)

UMUGENZI

Nyuma ku rugi rw'irembo haza umuntu witwaga RUKUNDO, aramubaza ati: "Uri nde? Uturutse he? Urashaka iki?

Mukristo ati: "Ndi umunyabyaha ubabajwe n'ibyaha byinshi bindemereye. Nturutse mu mudugudu wa Rimbukiro, ndajya ku musozi Siyoni. Kugira ngo nkizwe umujinya wenda gutera; noneho ndashaka kumenya yuko wemeye kunkingurira, kuko nabwiwe yuko inzira ijyayo ica muri iri rembo.

Rukundo ati: "Ndabyemeye rwose".

Avuze atyo aramukingurira. Maze Mukristo akinjira, wa wundi amukururira kumwinjiza vuba.

Mukristo aramubaza ati: "Unkururiye iki? Undi ati hafi y'iri rembo hariho igihome gikomeye, BEEZEBULI *(Mat 12:24)* niwe mutware wacyo. Uwo n'abo babana barasa abegereye iri rembo kugira ngo bapfe bataninjira.

Mukristo aramusubiza ati: "N'ubwo ibyo binteye ubwoba, ndanezerewe".

Amaze kwinjira umukumirizi aramubabza ati: "Ni nde wakuyoboye iyi nzira?"

Mukristo aramusubiza ati: "Mubwirizabutumwa ni we wantegetse kuza aha ngo nkomange, nk'uko nkoze: kandi ngo uri bumbwire ibyo nkwiriye gukora".

Rukundo ati: Urugi rukingutse rushyizwe imbere yawe; ntawe ubasha kurukinga".

Mukristo ati: "Nonaha ntangiye kureba umumaro uvuye mu bwihare bwanjye".

Rukundo ati: "Ni iki gitumye uza wenyine?"

Mukristo ati: "Ni uko mu baturanyi banjye ari nta n'umwe wamenye ko ari mu kaga, nk'uko jyeweho nabimenye".

Rukundo ati: "Nta wamenye yuko uri buze?"

Mukristo ati: "Umugore wanjye n'abana banjye babanje kubona ngenda, barampamagara ngo ngaruke, kandi n'abaturanyi banjye bamwe bahageze banampamagara ngo ngaruke: maze nipfuka mu matwi ndaza".

Rukundo ati: "Nta wagukurikiye ngo akoshye kugaruka?"

IREMBO

Mukristo ati: “Mudakurwakwijambo na Nyamujyiryanino bankurikiye: maze babonye yuko ntabakundiye, Mudakurwakwijambo asubirayo antuka, ariko Nyamujyiryanino azana nanjye umwanya muto”.

Rukundo ati: “Ni iki cyamubujije kugera aha?”

Mukrito ati: “Twazanye kugera aho twagereye ku isayo Gahindagasaze, dusangamo Gitunguro, Maze uwo muturanyi wanjye Nyamujyiryanino akuka umutima, ntiyakunda gukomeza inzira, ahubwo agana ku ruhande rw’isayo rugana iwabo, arisayura, arambwira ati: “Ngusigiye icyo gihugu cyiza, abe ari wowe ukiragwa wenyine. Maze tugenda intatane, akurikira Mudakurwakwijambo, jyeweho nza kuri iri rembo”.

Rukundo ati: “Ni ishyano! Ndamubabariye. Mbega akunda ubwiza bwo mu ijuru urukundo ruke rutamwemeza kwihara ngo abone ibirushya n’aho ari bike?

Mukristo ati: “Ibya Nyamujyiryanino mbivuze uko biri, ariko navuga n’ibyanjye, ntibyabiruta. Yasubiye iwe koko, ariko nanjye nayobeye guca mu nzira y’urupfu, kuko nohejwe n’amagambo y’uwitwa Bwengebwisi.

Rukundo ati: “Niwe mwahuye? Nzi yuko atabuze kukugira inama ngo ujye ku nshuti ye Mwikirishamategeko, kuruhurwa na we. Bombi ni abariganya gusa. Mbese wumviye iyo nama?

Mukristo ati: “Nayumviye ngeza aho ubwoba bwamburije. Nagiye gushaka Mwikirishamategeko, ngeze aho nibwiriye yuko umusozi uhereranye n’inzu ye ugiye kungwira: sinabuze guhagarara”.

Rukundo ati: “Uwo musozi wishe benshi, kandi uzica n’abandi benshi. Wahiriwe wowe utamenaguwe na wo”.

Mukristo ati: “Nahiriwe koko. Kandi sinzi uko mba nabaye, iyaba Mubwirizabutumwa tutongeye guhura, ngo asange nibwira imibabaro yanjye. Reka reka, nagize Imana ko yongeye kuza aho ndi, kuko mba ntabashije na hato kuza aha. None nje ngo undebe uku; ikiruta ni uko nakishwe n’uwo musozi, biruta ko nahagarara ntya mvugana n’Umwami wanjye. Kandi ungiriye Ubuntu bwinshi, kuko wemeye kunyinjiza aha”.

Rukundo ati: “Ntitugira uwo tubuza tumuhoye icyo yakoze ataraza aha, n’aho byaba byinshi bibi. Ntubirukana na hato *(Yoh 6:37)*. Noneho, Mukristo mwiza, reka nguherekeze akanya gato, nkwigisha iby’inzira ukwiriye kunyuramo. Reba imbere; urareba iriya nzira ifunganye? Niyo nzira yawe. Yaharuwe na ba sogokuruza bera n’abahanuzi ba kera na Kristo ubwe n’intumwa ze. Igororotse ubudakebakeba: niyo nzira yawe”.

Mukristo ati: “Ntaho icyamiye cyangwa ihuriye n’izindi, byatuma utahazi ayoba?”

Rukundo ati: “Ihuye n’izindi nyinshi koko, ariko izo zirakebakeba kandi ni ngari: nyamara ubasha gutandukanya inzira n’imbi utya, kuko inzira yonyine ari yo igororotse ifunganye *(Mat 7:14)*

Maze ndota Mukristo amubaza kandi yuko abasha kumukuraho umutwaro ahetse, kuko yari atarawukurwaho, kandi atabashije kuwikuraho na hato”

Rukundo ati: “Ihangane n’umutwaro wawe, ugere ahantu ho gukirizwa: kuko ariho uzivushiriza mu mugongo wawe, ukagwa”.

Maze Mukristo arakenyera yitegura kugenda. Rukundo aramubwira ati: “niwicuma umwanya uragera ku nzu ya MUSOBANUZI, ukomange ku rugi ari bukwereke ibyiza cyane”. Maze Mukristo amusezeraho, nawe amusezeraho, ati: “ku Mana”.

7. MUSOBANUZI

Nuko Mukristo aragenda, agera ku nzu ya Musobanuzi, akomanga ku rugi kenshi. Bishyira kera ku rugi haza umuntu, aramubaza ati: “Ni nde?”

Mukristo ati: Mutware, ndi umugenzi, nabwiwe n’inshuti ya nyiri iyi nzu, ngo nze hano mbone umumaro. None ndashaka kuvugana nawe.

Nuko wa wundi asubirayo, ajya guhamagara nyiri inzu, nawe aje abaza Mukristo ati: “Urashaka iki?”

Mukristo aramusubiza ati: “Mutware mvuye mu mudugudu w’i Rimbukiro, ndajya ku musozi Siyoni, kandi umukumirizi wo ku irembo rirasukirwaho ryo muri iyi nzira yambwiye ngo, ningera hano uranyereka ibyiza cyane byo kungendesha neza mu rugendo rwanjye”.

Musobanuzi ati: “Ngwino, nkwereke ibikugirira umumaro”.

Maze ategeka umugaragu we gukongeza itabaza, abwira Mukristo kumukurikira. Binjirana mu nzu imbere, ategeka uwo mugaragu gukingura urugi rw’imbere. Ararukingura Mukristo abona igishushanyo kimanitse ku nzu. Icyo gishushanyo ni icy’umuntu witonda cyane; yararamye atumbiriye hejuru afite igitabo mu ntoke kirusha ibindi byose kuba cyiza, kandi amategeko y’ukuri yanditswe ku minwa ye, iby’isi abiteye umugongo; ameze nk’uwinginga abantu, kandi ikamba ry’izahabu rimanitse hejuru y’umutwe we.

Mukristo arabaza ti: “Ibi bisobanurwa bite?”

Musobanuzi aramusubiza ati: Uwo ni inyamibwa mu bantu igihumbi. Abasha kuvuga nk’uko ya ntumwa yavuze iti: “N’ubwo mufite abayobora muri Kristo inzovu, ntimufite ba so benshi. Ni njye wababyaje ubutumwa bwiza muri Kristo Yesu, bana banjye bato, abo nongera kurabukwa, kugeza aho Kristo azaremerwa muri mwe *(1 Abakor 4:15; Abagal 4:19*). Kandi ubwo umureba araramye, atumbiriye hejuru, akagira igitabo mu ntoke kirusha ibindi byose kuba cyiza, amategeko y’ukuri akandikwa ku minwa ye, ni ukugira ngo bikwereke yuko umurimo we ari ukumenya ibihishwe no kubihishurira abanyabyaha. Nicyo gituma ureba ahagaze nk’uwinginga abantu. Kandi ubwo ureba ateye umugongo iby’isi, ikamba rikaba rimanitse hejuru y’umutwe we, ni ukugira ngo bikwereke ko agayiye ibya none urukundo akunda umurimo wo gukorera Shebuja, bituma atazabura kugororerwa icyubahiro n’ubwiza mu gihe kizaza. Kandi igitumye iki gishushanyo ari cyo mbanza kukwereka, ni uko uwo muntu ari we wenyine wategetswe n’Umwami nyiri igihugu ujyamo ngo akuyobore, nugera mu binaniranye byo mu nzira. Ni cyo gituma ukwiriye kwita cyane ku cyo nkweretse no kujya ucyibuka cyane, kugira ngo utazakurikira abirarira ko babasha kukuyobora neza, ariko inzira yabo ijya mu irimbukiro.

UMUGENZI

Maze afata Mukristo mu ntoke, amwinjiza mu nzu nini yuzuye umukungugu mwinshi cyane, kuko iteka batayikuburaga na hato. Nuko Mukristo amaze kuyitegereza akanya, Musobanuzi ahamagara umugabo, aramubwira ati: "Kubura". Arakubura, uwo mwanya umukungugu utumukira hose, ujya Mukristo mu mazuru, ushaka kumuzibiranya. Maze Musobanuzi abwira umuja wari uhagaze aho, ati: "Zana amazi, uminjagire mu nzu". Azana amazi, arahaminjagira; maze bakubura iyo nzu, bayiboneza bitababababaje.

Mukristo ati: "Ibyo bisobanurwa bite?"

Musobanuzi ati: "Iyo nzu ni umutima w'umuntu wese watunganijwe n'ubuntu bwiza buvugwa mu Butumwa. Uwo mukungugu ni ibyaha yavukanye n'ibyo yononesheje umutima we byamwanduje wese. Uwabanje gukubura ni amategeko ya Mose: uwazanye amazi, akayaminjagiramo ni ubutumwa bwiza. Wabonye yuko uwa mbere atangiye gukubura, umukungugu ugatumukira hose, ukamubuza kuboneza inzu, ahubwo ugashaka kukuzibiranya. Ibyo ni ukugira ngo bikwereke yuko amategeko ya Mose atabasha gukura ibyaha mu mutima, n'ubwo abihishura, akabibuza. Ahubwo arabihembura *(Abarom 7:9)*, akabiha imbaraga *(1 Abakor 15:36)*, akabigwiza mu mutima w'umuntu *(Abarom 5:20)*, kuko atamushoboza kubinesha. Kandi wabonye umuja aminjagira amazi mu nzu, bituma bayiboneza bitababababaje. Ibyo ni ukugira ngo bikwereke yuko Ubutumwa Bwiza, iyo bwinjiranye n'ubuntu bw'Imana mu mutima w'umuntu, ibyaha bineshwa bigatsindwa. Nk'uko wabonye uwo muja aminjagira amazi mu nzu umukungugu ntutumuke: kandi umutima wozwa no kwizera Ubutumwa, ukaba ukwiriye guturwamo n'Umwami w'icyubahiro *(Yoh 25:3; Ibyak 25:9; Yoh 24: 23)*

Kandi ndota Musobanuzi afashe Mukristo mu ntoke, amujyana mu nzu nto, irimo abana bato babiri bicaye ku ntebe. Umukuru yitwaga MUNYEPFA, umuto yitwa MWIHANGANYI. Munyepfa yasaga n'uganya cyane, ariko Mwihanganyi yari ashyikije umutima hamwe.

MUSOBANUZI

Mukristo arabaza ati: “Munyepfa aganyira iki?”

Musobanuzi aramusubiza ati: “Aganyira ko umurezi wabo bombi ashaka ko bategereza kuzahaga ibyiza byabo mu itangiriro ry’umwaka utaha. Ariko Munyepfa byose arabishaka nonaha, Mwihanganyi yemeye gutegereza.

Nuko kuri Munyepfa haza umuntu amuzaniye isaho yuzuye amafaranga, ayamusuka imbere. Munyepfa arayatoragura, arayishimira; kandi aseka Mwihanganyi amuratira. Hashize umwanya muto, aba ayamaze, arakena, asigarana ubushwambagara gusa.

Mukristo ati: “Nsobanurira ibyo neza”.

Musobanuzi ati: “Abo bahungu ni ibishushanyo. Munyepfa ni igishushanyo cy’ab’iyi si, Mwihanganyi ni icy’ab’igihe kizaza. Nk’uko ubibonye, Munyepfa ashatse ibye byose none muri uyu mwaka, bisobanurwa ngo, muri iyi si. Uko ni ko ab’iyi isi bameze: bifuza guhabwa ibyiza byabo byose none, ntibabasha kwihangana ngo bategereze undi mwaka (uwo niwo si yindi izaza) bagahabwa ibyiza byabo. Ahubwo bakunda wa mugani ngo Ijana riragurwa rirutwa n’imwe itashye, bakawurutisha iby’Imana yahamije byose by’ibyiza byo mu gihe kizaza. Ariko wabonye uko yamaze ibye vuba cyane, ntagire ikindi asigirana keretse ubushwambagara. Ku iherezo ry’iyi si, uko ni ko bizaba ku bahwanye na we bose”.

Mukristo ati: “Noneho mbonye yuko Mwihanganyi ari we ufite ubwenge bwiza, ku mpamvu nyinshi. Iya mbere ni uko ategereza ibirushaho kuba byiza: iya kabiri ni uko azagirana ibye n’ubwiza bwabyo, ubwo wa wundi azaba afite ubushwambagara gusa”.

Musobanuzi ati: “Ongeraho n’ibi; ubwiza bwo mu gihe kizaza ntibuzasaza, ariko ibya none bishira vuba. Nicyo gituma Munyepfa atagira impamvu nziza yo kuratiririza Mwihanganyi yuko yabanje guhabwa ibyiza birutaho. Kuko ibibanza bitabura gusimburwa n’ibiheruka, ariko ibiheruka bitagira ibibisimbura, kuko ari nta kindi kibikurikira. Nicyo cyatumye bivugwa kuri wa mutunzi ngo Wahawe ibyiza byawe ukiriho; Lazaro na we yahawe ibibi: none aguwe neza hano, naho wowe urababazwa cyane *(Luk 16:25*)”

Mukristo ati: “Noneho mbonye yuko kwifuza ibya none atari byiza, ahubwo ko ibiruta ari ugutegereza ibizaza”.

Musobanuzi ati: “Uvuze ukuri, kuko ibiboneka ari iby’igihe gito, naho ibitaboneka, bikaba iby’iteka ryose. (*2 Abakor 4:18).* Icyakora n’ubwo bimeze bityo, ibya none bihereranye cyane no kwifuza kw’imibiri yacu; ni cyo gituma byumvikana vuba. Ariko ibizaza ntibigira ihuriro na kamere y’umubiri; ni cyo gituma bigumya kunyurana”.

Maze ndota Musobanuzi afashe Mukristo mu ntoke, amujyana ahantu hari umuriro waka mu nkike y’amabuye: mbona umuntu uhagazeho, udatuza kuwusukamo amazi menshi, ngo awuzimye; ariko umuriro ukarushaho kwaka cyane.

Mukristo arabaza ati: “Ibi bisobanurwa bite?”

Musobanuzi ati: “Uyu muriro ni umurimo ubuntu bw’Imana bukorera mu mitima yacu. Usukamo amazi ngo awuzimye ni Satani: ariko igituma umuriro ukomeza kwaka, n’ubwo awusukamo amazi, ndakikwereka: ngwino urebe.

Amujyana inyuma y’inkike, asangayo undi muntu ufite imperezo y’amavuta, akajya ayasuka mu muriro rwihishwa.

Mukristo ati: “Ibi bisobanurwa bite?”

Musobanuzi ati: “Uyu ni Kristo udatuza gukomeza umurimo watangiye gukorerwa mu mutima w’umuntu, awukomeresha amavuta, ni yo buntu bwe; nuko n’ubwo Satani ahirimbanira cyane konona imitima y’abantu ba Kristo, ikomeza kuzura ubuntu bwe *(2 Abakor 12:9).* Kandi, urareba uko uyu muntu ahagararira inyuma y’inkike kugira ngo akomeze gucana umuriro; ibyo ni ukukwigisha yuko abageragezwa turushywa no kumenya uko uwo murimo w’ubuntu bw’Imana ukorerwa mu mitima yacu”.

Kandi Musobanuzi yongera gufata Mukristo mu ntoke, amujyana ahantu heza, hubatswe inyumba nziza cyane. Mukristo yishimishwa cyane no kuyireba, Kandi hejuru yayo, abonaho abantu bagendagenda bambaye imyenda y’izahabu.

Nuko Mukristo aramubaza ati: “Twakwinjira?”

MUSOBANUZI

Musobanuzi amujyana bugufi bw'urwuri, Asanga abantu benshi baruhagaze iruhande, nk'abashaka kwinjira ntibabihangare. Kandi bugufi bw'urugi hari hicaye umuntu ufite ameza imbere ye ariho igitabo n'icupa rya wino ngo yandike izina ry'uwinjira wese. Kandi mu muryango hari hahagaze abantu benshi bawurinda bifurebye ibyuma, bafite intwaro, biteguye gukomeretsa uko bashobora abashaka kwinjira. Mukristo abibonye aratangara. Nyuma, abantu bose bashubijwe inyuma no gutinya abafite intwaro. Mukristo abona umuntu w'intwari yegera uwo mwanditsi; aramubwira ati: "Mutware, andika izina ryanjye. Araryandika. Maze uwo mugabo akura inkota, yambara ingofero y'icyuma, atwaranira mu bafite intwaro. Baramukubita cyane, ntiyakuka umutima na hato, Atangira kubakubita inkota cyane nk'umunyamaboko. Nuko amaze gukomeretsa inguma nyinshi abashaka kumubuza, no gukomeretswa izindi nyinshi nabo, abacamo bose, yinjira mu nyumba. Uwo mwanya humvikana ijwi ryiza ry'abagendagendaga ku ipfundo ry'inzu, bati:

lnjira injira, mugenzi,
Ugororerwe
Ubugingo budashira
Wabikiwe! (Ijwi 56)

Nuko arinjira, bamwambika imyenda nk'iyabo, Mukristo aramwenyura; aravuga ati: "Ngira ngo menye uko ibyo bisobanurwa". Maze ati: "Reka ngende". Musobanuzi aramusubiza ati: "Ba uretse, mbanze nkwereke n'ibindi bike, ubone kugenda.

Yongera kumufata mu ntoke, amujyana mu nzu irimo umwijima; harimo umuntu wicaye mu kazitiro k'icyuma. Uwo muntu agaragaje umubabaro mwinshi. Yicaye yiyunamiriye, yitangiriye itama, asuhuza

umutima nk'uwenda gupfa. Mukristo arabaza ati: "Ibi bisobanurwa bite?"

Musobanuzi aramusubiza ati: "Mubaze arakubwira".

Mukristo abaza uwo mugabo ati: "Uri ute?

Uwo mugabo aramusubiza ati'. "Ndi uko ntari ndi kera"

Mukristo aramubaza ati: "Kera wari umeze ute?"

Uwo mugabo ati: "Nari umuntu wibwira ko ndi umukristo; kandi niyitaga intungane, n'abandi ni ko banyitaga. Nibwiraga ko ntunganiye kujya mu rurembo rwo mu ijuru, nkishimira kwibwira yuko nzasohorayo.

Mukristo ati; "Ariko none uri ute?"

Uwo mugabo ati: "None ndi umwihebe, nzitiwe no kwiheba, nk'uko nzitiwe n'aka kazitiro. Simbasha gusohoka, ndetse none sinkibibasha.

Mukristo ati: "Ni iki cyaguteye kumera utyo?"

Uwo mugabo ati: "Ni uko naretse kuba maso no kwirinda; nakundiye kwifuza kwanjye ko kunjyana aho gushaka. Nakoze ibyaha by'ibyitumano byo kugomera umucyo w'Ijambo ry'Imana no kugira neza kwayo. Nababaje Umwuka Wera, aragenda, sinkimufite. Nihamagariye Satani, araza, ambamo, Narakaje Imana, irandeka. Ninangiye umutima uburyo butuma ntakibasha na hato kwihana".

Mukristo abaza Musobanuzi ati: "Bene uyu nta cyiringiro na gike asigaranye?"

Musobanuzi aramusubiza ati: "Mubaze"

Mukristo abaza uwo mugabo ati: "Nta cyiringiro ugifite na gike yuko utazarindirwa iteka muri ako kazitiro kwiheba?

Uwo mugabo ati: "Ntacyo".

Mukristo ati: "Kuki? Umwana w'Ishimwa si umunyambabazi nyinshi? Uwo mugabo ati: "Namwibambiye ubwa kabiri *(Abaheb 6:6)*, naramusuzuguye *(Luk 19:14)*, nasuzuguye gukiranuka kwe, nakerenseje amaraso ye, nahemuye Umwuka utanga ubuntu *(Abaheb 10:28-29).*

Ubwo nakoze ibyo. Nivukije ibyasezeranijwe byose, nshigaje amagambo ateye ubwoba bwinshi, avuga gucirwaho iteka kutazabura kumbaho n'umujinya w'umuriro w'inkazi uzandya kuko ndi umwanzi w'Imana".

Mukristo ati: "lbyaguhinduye kumera utyo wabikoreye kugira ngo ubone iki?"

Uwo mugabo ati: "Nabikoreye kugira ngo mpaze kwifuza kw'iyi si, mbone ibinezeza byayo n'indamu zayo. Nibwiraga yuko nzabibonamo kwishima no kwinezeza kwinshi, ariko none ibyo byose bindya nk'inyo, bikambababaza nk'umuriro.

Mukristo ati: "Ariko none ntiwabasha guhinduka ngo wihane?"

Uwo mugabo ati: "Imana yankuyeho kwihana. Ijambo ryayo ntirimpumuriza yuko mbasha kwizera. Ndetse ubwayo niyo yamfungiye muri aka kazitiro k'icyuma, Abantu bose bo mu isi ntibashobora kunkuramo. Mbonye ishyano!

Kwibwira iby'igihe kidashira kurambabaza. Nzihanganira nte imibabaro izambabaza mu gihe kidashira?"

Musobanuzi abwira Mukristo ati: "Ujye wibuka uko uyu muntu ari, akubere akabarore iteka ryose".

Mukristo ati: "Ibyo birantinyishije cyane. Imana imfashe kuba maso no kwirinda no gusenga, nzibukire impamvu y'umubabaro w'uyu muntu. Ariko mutware, igihe cyo kugenda ntikiragera?"

Musobanuzi ati: "Ba uretse ho hato, mbanze nkwereke ikindi kimwe, ubone kugenda".

Yongera gufata Mukristo mu ntoke, amujyana mu yindi nzu irimo umuntu wabyukaga ku buriri kandi acyambara, yahindaga umushyitsi, agatengurwa. Mukristo arabaza ati: "Ni iki gihindisha uyu muntu umushyitsi?" Musobanuzi amutegeka kubwira Mukristo impamvu zabyo. Uwo mugabo aramubwira ati: "Iri joro ryakeye, narose ijuru rihindutse umukara cyane, kandi n'inkuba nyinshi zikubita n'imirabyo irabya. Ndatinya, mpagarika umutima rwose. Nuko ndaramye, mbona ibicu byiruka vuba cyane birusha uko bisanzwe. Maze numva ijwi ry'impanda rirenga, mbona umuntu wicaye ku gicu, ingabo nyinshi zo mu ijuru zimugose. Bose bari bambaye umuriro waka;

ijuru na ryo ryaragurumanaga. Numva ijwi rirenga riti: "Abapfuye nimuzuke, muze mucirwe imanza. Uwo mwanya, ibitare birameneka, ibituro birasama, abapfuye barimo bavamo. Bamwe bishimaga cyane bararamye, abandi bashakaga kwitwikira imisozi ngo bihishe. Maze mbona Uwicaye ku gicu, abumbuye igitabo, ahamagara abo mu isi bose ngo baze aho ari. Ariko umuriro mwinshi uva kuri We wakaga imbere ye, ugashyira intera hagati ye n'abagiye gucirwa imanza, nk'ikwiriye gushyirwa hagati y'umucamanza n'abarezwe *(1 Abakor 15:51-52; 1 Abates 4:16; Yuda 15; Yoh 5:28-29; 2 Abates 1:7-10; Ibyahish 20:11-14)*. Kandi numva abakorera Uwicaye ku gicu babwirwa ngo nimuteranye urukungu n'umurama n'ibishushungwa, mubijugunye mu nyanja yaka umuriro *(Mat 3:12; 13:30; 25:30; Ibyahish 20:15)*. Uwo mwanya urwobo rudafite akagero rwasamira bugufi cyane bw'aho nari mpagaze, havamo umwotsi mwinshi n'amakara yaka n'amajwi ateye ubwoba. Kandi barategekwa ngo Nimuhunike amasaka yanjye mu kigega *(Luk 3:17)*. Uwo mwanya benshi barazamurwa, bajyanwa mu bicu, ariko jyeweho nsigara hasi *(1 Abates 4:16-17)*. Kandi nshaka kwihisha, sinabibasha; kuko uwicaye ku gicu akimpanze amaso. Nibuka ibyaha byanjye, umutima wanjye undega urudaca *(Abarom 2:14-l5)*. Maze ndakanguka.

Mukristo ati: "Ariko ni iki cyatumye ubitinya utyo?"

Uwo mugabo ati: "Ni uko nibwiraga yuko umunsi w'amateka usohoye, nanjye nkaba ntawiteguye. Ariko icyarushije ibindi kuntera ubwoba ni uko abamaraika bateranije bamwe bakansiga, kandi n'uko urwobo rw'i Gehinomu rwasamiye bugufi cyane bw'aho nari mpagaze. Kandi nababazwaga n'ibyo umutima wanjye umpana, nkibwira yuko wa Mucamanza ampanze amaso iteka andeba igitsure.

Musobanuzi abaza Mukristo ati: "Ibyo byose umaze kubimenya?

Mukristo ati: "Ye, ndabimenye: ibyo binteye ibyiringiro n'ubwoba".

Musobunuzi ati: "Ujye ubyibuka, kugira ngo bikubere imihunda yo kukurya isataburenge, ngo ugire umwete mu rugendo rwawe".

Mukristo arakenyera, yitegura kugenda. Musobanuzi ati: "Umwuka Wera, umufashe abane n'Uwiteka, kugira ngo amuyobore inzira ijya muri rwa rurembo rwo mu ijuru". Nuko Mukristo agenda aririmba ati:

Hano nahabonye
Ibingirira
Umumaro mwinshi
By'igikundiro.
lbiteye ubwoha
Nahishuriwe
Mu rugendo rwanjye
Bizankomeza."
Ni iki cyabateye
Kubinyereka?
Mbyibwire, mbimenye
Uko bingana?
Shimirwa ibyo byiza,
Musobanuzi!
Nshimiye n'Imana
Yakuntumyeho. (Ijwi 175)

8. UMUSARABA

MAZE ndota yuko inzira Mukristo yari akwiriye kunyuramo izitiwe impande zombi n'inkike yitwa GAKIZA *(Yes 26:1)*. Mukristo akurikira iyo nzira, n'ubwo aremerewe agenda yiruka, ariko bimuruhije cyane, ku bw'umutwaro ahetse. Nuko ariruka, agera ahantu hazamuka ho hato, hejuru yaho hashinze umusaraba, kandi hepfo yaho azamutse hari imva irangaye. Mukristo amaze gusohora kuri uwo musaraba, wa mutwaro uhambuka ku bitugu bye, umuva mu mugongo, uragwa, uratembagara, ugera ku munwa w'imva, ugwamo, ugenda buheriheri.

Maze Mukristo arishima, aranezerwa, avugana umutima unezerewe, ati: Anduhuye umubabaro we! Anzurishije urupfu rwe."



Mukristo ageze ku Musaraba

UMUSARABA

Maze amara umwanya, ahagaze atangara: kuko byamutangaje cyane yuko kureba uwo musaraba kwamuhambuye umutwaro we. Nicyo cyatumye agumya kuwitegereza cyane, amarira ngo bugubugu *(Zekariya 12:10)*. Agihagaze awitegereza, arira, asangwa n'abantu batatu barabagirana.

Baramuramutsa bati: "Amahoro abe kuri wowe".

Umwe aramubwira ati: "lbyaha byawe urabibabariwe *(Mar 2:5)* ".

Undi amwambura ubushwambagara bwe, amwambika indi myenda *(Zek 3:4)*.

Uwa gatatu amushyira ikimenyetso mu ruhanga *(Abef 1:13)* amuha umuzingo w'igitabo, amutegeka kugenda awusoma, ati nugera ku irembo ry'ururembo rwo mu ijuru, uzawubahe".

Maze basubirayo. Mukristo yitereshwa gatatu n'ibyishimo aririmba ati:

Iteka nagendaga
Ndemerwe n'ibyaha;
Ntihagira ikibasha
Kumara umubabaro.

Kugeza ubwo nageze
Ahantu heza cyane
Hangiriye umumaro
Ntazibagirwa ukundi.

Iri ni itangiriro
Ry'umunezero wanjye;
Aho niho umutwaro
Wamvuye mu mugongo.

Ndashima umusaraba;
Ndashima ya mva nziza;
Ariko cyane cyane,
Ndashima Uwambambiwe! (Ijwi 129)

9. ABASINZIRIYE N'ABURIYE INKIKE

NDOTA agenda atyo, kugeza aho yagereye mu gikombe, abonamo abantu batatu basinziriye hirya y'inzira ho hato, bafunze iminyururu ku maguru. Umwe yitwaga MUSWA, undi yitwa BUTE, uwa gatatu yitwa RUHANGARA.

Mukristo abonye baryamye batyo, ajya aho bari ngo ahari yabakangura, arabahamagara ati: "Yemwe abasinziriye, muhwanye n'abasinziriye ku isonga y'igiti. Nuko nimukanguke, tugende: kandi mwemere nanjye ndabafungura iyo minyururu. Kandi ati: "Uzerera nk'intare yivuga *(1 Pet 5:8)* yanyura aha, ntimwabura kuba umuhigo w'amenyo ye". Barakanguka, baramureba, bamusubiza batya: Muswa aramusubiza ati: "Simbonye ko hariho akaga". Bute aramusubiza ati: "Reka nongere nisinzirire ho hato". Ruhangara aramusubiza ati: "Ikibindi cyose giterekwa ku yacyo ndiba".* Bavuze ibyo barongera bararyama barasinzira, Mukristo akomeza urugendo.

Ariko ababazwa n'uko abantu bari mu kaga kameze gatyo batitaye ku kugira neza k'umuntu ushatse kubakiza ku mbabazi, abakanguye, abagiriye inama, yemeye kubafungura iminyururu. Akibabajwe n'ibyo, abona abantu babiri burira inkike y'ibumoso bw'iyo nzira ifunganye, kugira ngo bayigeremo; barihuta, bamugeraho vuba. Umwe yitwaga MIHANGOYIDINI, undi yitwaga NDYARYA. Bamugezeho, Mukristo aganira nabo atya.

Arababaza ati: "Murava he, mukajya he?"

Baramusubiza bati: "Twavukiye mu gihugu cyitwa NDIRARIRA, turajyanwa ku musozi Siyoni no gushimirwayo". Arababaza ati: "Ko mutinjiye mu irembo rirasukirwaho ryo muri iyi nzira? Ntimuzi yuko byanditswe ngo, Uwinjira mu rugo rw'intama, atanyuze mu rugo rw'intama, atanyuze mu irembo, ahubwo akuririra ahandi, uwo ni umujura n'umunyazi!" *(Yoh 10:1).*

* *Uwo mugani usobanurwa ngo, umuntu wese niwe wikiza.*

Baramusubiza bati: "Abo mu gihugu cyacu bose bagira ngo inzira y'iryo rembo ni uruboko. Nuko bamenyereye kunyura mu nzira y'ubusamo, bakurira inkike nk'uko dukoze".

Arababaza ati: "Ariko Umwami nyiri ururembo tujyamo, ntazabita abaca mu mateka, kuko mucumuye amategeko yandikishije?"

Baramusubiza bati: "lbyo byikubabaza; ibyo dukoze ni umuhango w'ab'iwacu, kandi ndetse tubasha kuzana n'abagabo bo guhamya yuko uwo muhango wahereye kera, hashize imyaka iruta igihumbi.

Arababaza ati: "Uwo muhango wanyu, mwaburanywa, mwawutsindira?"

Baramusubiza bati: "Umuhango umenyerewe ukamara imyaka iruta igihumbi, ntitwabura kwemerwa n'umucamanza utabera ko uhwanye n'amategeko. Kandi ubwo tugeze muri iyi nzira, uko twagezemo kose ntibihwanye? Ubwo turimo, turimo: nawe winjiye mu irembo ntuturusha kuba mu nzira, n'ubwo twuriye inkike. None uturusha iki?"

Arabasubiza ati: "Ngenda nk'uko mbwirizwa n'amategeko ya Databuja, mwebweho mugenda nk'uko mubwirizwa n'ibyo mwibwira by'ubupfu. Na none mumaze kwitwa abajura na nyiri iyi nzira, nicyo gitumye nibwira ndashidikanya yuko mutazemerwa ko muri beza, nimugera aho ino nzira iherera. Mugeze mu nzira ku bwanyu mudakurikije itegeko rye, muzavamo mwenyine mutagiriwe imbabazi ze.

Ntibagira icyo bamusubiza, keretse kumubwira bati: "Upfa iki ku byacu? Maze bose bakomeza inzira, ntibaganira byinshi: keretse ko bamubwiye bati, Twibwira tudashidikanya yuko utazaturusha kwitondera amategeko y'Imana neza. Nicyo gitumye tutamenya ikigutandukanya natwe, keretse uwo mwenda wawe; nawo ntiwawuhawe n'abaturanyi bawe ngo uhishe isoni z'ubwambure bwawe?

Arababwira ati: “Amategeko ntazabakirisha, kuko mutanyuze muri rya rembo *(Abagal 2:16)*. Nawo umwenda nambaye, nawuhawe na Nyiri aho njya: ibyo byo muvuze ukuri ko nawuherewe guhisha isoni z’ubwambure bwanjye, nanjye nibwira ko ari ikimenyetso cyo kungirira neza: kuko nari nambaye ubushwambagara gusa ntarawuhabwa. Kandi ngenda nihumuriza ntya: ningera ku irembo rya rwa rurembo, Umwami nyirarwo ntazabura kumenya ngo angirire neza, kuko nambaye n’umwenda yampereye ubuntu ubwo yanyamburaga ubushwambagara. Kandi mfite ikimenyetso mu ruhanga -- -ahari ntimucyitayeho; nagishyizweho n’inshuti y’amagara y’Umwami wanjye ku munsi umutwaro wamviriye ku mugongo. Kandi icyo gihe nahawe umuzingo w’igitabo uriho ikimenyetso ngo ngende nywusoma, umpumurize mu nzira. Nategetswe kuzawutanga ningera ku irembo ry’ururembo rwo mu ijuru, ngo umbere ikimenyetso cy’uko nzinjizwayo. lbyo byose ngira ngo ntimubifite; kandi igituma mutabifite ni uko mutanyuze muri rya rembo rirasukirwaho ryo muri iyi nzira.

Ntibagira icyo bamusubiza kuri ibyo, ahubwo barebana baseka. Maze bose bakomeza inzira, Mukristo ari we uri imbere, ntiyaganira nabo. Agenda yibwira, ubundi asuhuza umutima ubundi anezerwa, agasubizwa umutima mu nda no gusoma wa muzingo w’igitabo yahawe n’umwe muri ba bantu barabagirana.

10. UMUSOZI WITWA BIRUHANYA

BOSE baragenda, bagera munsi y’umusozi witwa BIRUHANYA, basangayo isoko. Aho hantu kuri iyo nzira ivuye kuri rya rembo hashamikiraho izindi nzira ebyiri: imwe izenguruka ibumoso, iyindi izenguruka iburyo. Inzira ifunganye iterera uwo musozi w’i Biruhanya. Mukristo ajya kuri iyo soko, anywaho, abona intege, maze atangira kuzamuka uwo musozi, aririmba ati:

UMUSOZI WITWA BIRUHANYA

Erega uyu musozi
Ko ari muremure!
Nyamara numva nshaka
Kuwuzamuka.
Sinemeye gucogozwa
N'uko haterera,
Kuko iyi ari yo nzira
Ijya mu ijuru.

Nuko, mutima wanjye,
Humura witinya
Komeza inzira nziza
N'ubwo iruhije.
Za zindi n'ubwo zoroshye
Ukizitangira,
Ku iherezo zigeza
Ku kurimbuka. (Ijwi 193)

Ba bandi bombi nabo bagera munsi y'uwo musozi. Maze babonye uko ari muremure uterera cyane kandi ko hari n'izindi nzira ebyiri, bibwira yuko izo nzira ziri buhurire inyuma y'uwo musozi n'iyo Mukristo yaciyemo; nicyo cyatumye bashima kuzinyuramo. Kandi muri izo nzira, imwe yitwaga KAGA, iyindi yitwa MURIMBUZI. Nuko umwe aca mu yitwa Kaga, imutungura mu ishyamba rinini: undi aca mu nzira yitwa Murimbuzi, nayo imutungura mu butayu bugari, burimo imisozi y'umwijima mwinshi, arasitara, aragwa, ntiyasubira kubyuka.

Maze nterera amaso, ndeba Mukristo azamuka wa musozi: mbona abanza kuwuterera yiruka: maze ananizwa kwiruka n'uko umusozi uterera, agenda buhoro; maze agera aho agenda maka. Aringanije uwo musozi, agera ku kazu keza, nyiri uwo musozi yubakiye abagenzi barushye, kugira ngo baruhukiremo, babone intege. Mukristo yinjiramo, aricara araruhuka. Maze asohorora wa muzingo w'igitabo mu isaho y'umwenda we yo mu gituza, arawusoma,

uramuhuriza. Maze yongera kwitegereza wa mwenda yaherewe hafi y'umusaraba. Amara umwanya yinezeza atyo, arahunikira, arasinzira, nicyo cyatumye atinda, akageza nimugoroba. Kandi agisinziriye, wa muzingo w'igitabo uramunyikuka ugwa hasi. Nuko haza umuntu aramukangura, ati: ''Wa munyabute we, genda urebe ikimonyo witegereze uko kigenza kandi ugire ubwenge *(Imigani 6:6)".* Uwo mwanya Mukristo arahaguruka, agenda yihuta agera mu mpinga y'uwo musozi. Ageze hejuru yawo, ahura n'abantu babiri biruka cyane; umwe yitwaga BWOBA, undi yitwa MUTIRINGIRA, Mukristo arababaza ati: "Ko mukimiranye mwiruka? Mubaye iki??"

Bwoba aramusubiza ati: "Twajyaga mu rurembo Siyoni, kandi twari tumaze kuzamuka wa musozi uruhije, ariko uko twajyaga imbere niko twarushagaho kujya mu kaga. Nicyo gitumye duhindukira tugasubira inyuma".

Mutiringira nawe abwira Mukristo ati: "Ni koko, imbere bugufi mu nzira duturutsemo, hari intare ebyiri ziryamye; niba zisinziriye, niba ziri maso ntitubizi: ntitwashidikanya yuko iyo tuzigeraho, ziba zidutanyaguye uwo mwanya".

Mukristo ati: "Munteye ubwoba, ariko mpungire he? Nasubira mu gihugu cyacu, cyiteguriwe umuriro n'amazuku sinabura kurimbukirayo; nabasha kugera kuri rwa rurembo rwo mu ijuru, sinabura kubayo mu mahoro: ni cyo gitumye nkwiriye kwihara. Gusubira inyuma ntikwabura kunzanira urupfu: kujya imbere kuzana gutinya urupfu ariko hirya yarwo ni ubugingo budashira: noneho ndajya imbere.

Bwoba na Mutiringira bamanuka biruka, baragenda, Mukristo akomeza inzira. Ariko yongeye kwibwira ibyo yumvanye ba bandi, ashakira mu isaho y'umwenda we wa muzingo w'igitabo arawubura. Maze arababara cyane, ashidikanya icyo ari bukore, kuko abuze icyamuhumurizaga, cyazamwinjirishije mu rurembo rwo mu ijuru. Amaze akanya ashidikanya yibuka ko yasinziriye muri ka kazu ko

mu mbavu z'umusozi, arapfukama asaba Imana kumubabarira icyo cyaha. Asubira inyuma, ajya gushaka uwo muzingo. Ariko agisubira inyuma, agenda afite agahinda katavugwa; ubundi asuhuza umutima, ubundi arira, yicira urubanza kenshi yuko yakoze iby'ubupfu, agasinzirira ahantu hubakiwe kuruhukira umunaniro gusa. Agenda ashaka mu nzira hose, akenguza, ngo ahari yabona wa muzingo w'igitabo cyamuhumurizaga iteka mu rugendo. Ageze aho yitegeye ka kazu yasinziriyemo, kukareba bimwongerera umubabaro yibutse icyaha cye uko kiri *(lbyahish 2:4-5; 1 Abates 5:6-8)"* Nuko yicuza ibyo bitotsi bibi ati: "Ndi indembe, ni iki cyanteye gusinzira ku manywa, gusinzirira hagati y'ibirushya, kandi ako kazu ari ako kuruhuriramo imitima y'abagenzi, maze sinirinde, nkaruhuriramo umubiri wanjye? Ibyo si ukunezeza umubiri? Ngenze urugendo runini rw'ubusa. Uko niko byagenze ku Bisiraheli. Ku bw'ibyaha byabo, Imana yabashubije inyuma mu nzira yo ku nyanja itukura. Nanjye nkwiriye kunyurana agahinda mu nzira mba nanyuranyemo umunezero, iyo ntakora icyo cyaha. None mba ngeze he? Urugendo mba nagenze rimwe, ndugenze inkubwe eshatu; kandi none bugiye kunyiriraho, kuko bwije. Iyo ntasinzira"!

Nuko agera muri ako kazu, arabanza aricara, amara akanya arira: nyuma arunguruka n'agahinda munsi y'intebe, abonamo umuzingo we w'igitabo; arihuta, awusingira ahinda umushitsi, awubika mu isaho y'umwenda we. Kuwubona kumutera kwishima ibyishimo bitavugwa, kuko ari wo ngwate y'ubugingo bwe imumenyesha yuko azemerwa nagera ku iherezo ry'urugendo rwe. Nicyo cyatumye awubika mu isaho y'umwenda we, agashimira Imana yuko imweretse aho wari uri, akomeza urugendo yishimye arira. Kandi azamuka igice cy'umusozi gisigaye yihuta bitangaza. Ariko ataragera mu mpinga, izuba rirarenga: bimwibutsa ubupfu bwo gusinzira kwe, aricuza ati: "Wa bitotsi bibi we, utumye bugiye kunyiriraho, nkagenda nijoro, umwijima ukampisha inzira, nkumva amajwi y'inyamaswa z'inkazi"!



Intare zari zishumitswe

Ibyo byose binzanyweho n'ibitotsi bibi. Maze yibuka ibyo Mutiringira na Bwoba bamubwiye, yuko intare zabatinyishije. Arongera aribwira ati'. "Izo nyamaswa ko zizerera nijoro zishaka icyo zirya zansanga mu mwijima, nagira nte? Nakwikiza nte ngo zitantanyagura?"

11. NYUMBANZIZA

Nuko acyiganyira atyo, yubura amaso, abona imbere ye inyumba y'igikundiro cyinshi yitwa NYUMBANZIZA, iri ku nzira. Nuko ndota yihuta ngo ahari yacumbikamo. Yicumye imbere ho hato, anyura mu nzira ifunganye cyane, akazu k'umukumirizi w'iyo nyumba kari imbere ye ho hato. Agenda akenguza cyane, abona intare ebyiri ku nzira. Aribwira ati: "Mbonye icyagaruye Mutiringira na Bwoba. Ariko izo ntare zari zishumitswe n'iminyururu, Mukristo ntiyayibona. Aratinya, ashaka gukurikira ba bandi; kuko yibwiye yuko, najya imbere atari bubure gupfa. Umukumirizi witwaga MURYEGE abona Mukisto ahagaze nk'ushaka gusubira inyuma, aramuhamagara ati: "Ukutse umutima utyo? *(Mar 4:40)* witinya intare, kuko zishumitswe, kandi zashyiriweho kugerageza abafite kwizera, no kugaragaza abatagufite: ca hagati mu nzira, ntacyo uri bube.

Mukristo agenda ahindishwa umushitsi no gutinya izo ntare, ariko akora nk'uko uwo mukumirizi amubwiye, azica hagati, yumva kwivuga kwazo, ntizagira icyo zimutwara. Akoma mu mashyi, agera ku irembo, aho uwo mukumirizi ari. Aramubaza ati: "Iyi nzu ni iya nde? Nayiraramo?"

Umukumirizi aramusubiza ati'. "Iyi nzu yubatswe na nyiri uyu musozi; yayubakiye abagenzi, ngo bajye bacumbikamo, babe amahoro. Wowe se urava he, ukajya he?"

Mukristo ati: "Ndava mu mudugudu witwa Kurimbuka, nkajya ku musozi Siyoni: none izuba ryarenze; ni cyo gituma nshaka kurara hano".

Umukumirizi ati: “Witwa nde?”

Mukristo ati: “Kuri ubu nitwa Mukristo, ariko mbere nitwaga SINAGIRIWUBUNTU“.

Umukumirizi ati: ‘‘Ariko ni iki gitumye wiririje utyo, izuba rikarenga?”

Mukristo ati: “Mba nasohoye kare, ariko nabonye ishyano, nasinziriye mu kazu k’inyuma y’uyu musozi, kandi n’ubwo nakoze ibyo mba nasohoye kare, iyo ntabura umuzingo w’igitabo wanjye. Nageze mu mpinga y’umusozi, ndawushaka, ndawubura, ndababara cyane, nsubirayo, ngera aho nahoze ndyamye, nywusangaho; none ndaje”.

Umukumirizi ati: “Reka mpamagare umukobwa umwe mubo mu nzu; nakunda imvugo yawe, arakwinjiza ngo ubane na bene wabo ba nyiri inzu nk’uko umuhango w’iyi nzu uri”.

Nuko Muryege avuza inzogera, umukobwa mwiza witonda, witwaga Mwigengesero, asohoka mu nzu, abaza umukumirizi icyo amuhamagariye.

Umukumirizi aramusubiza ati: “Uyu mugabo arava mu mudugudu wa Rimbukiro, akajya ku musozi Siyoni. Ararushye cyane, kandi n’izuba ryarenze; nicyo gitumye ansaba kurara hano: mubwira ko ngiye kuguhamagara. Numara kuvugana nawe, urakora icyo uri bushime nk’uko umuhango w’iyi nzu uri”.

Uwo mukobwa abaza Mukristo ati: “Urava he ukajya he?” Aramusubiza. Aramubaza ati: “lnzira wayibwiwe n’iki?” Arabimubwira. Aramubaza ati: “Wabonye ibiki mu nzira?” lbyakubayeho ni ibiki?” Arabimubwira. Amubaza uko yitwa. Aramusubiza ati: “Nitwa Mukristo; kandi cyane cyane ndashakishwa kurara hano n’uko menye yuko iyi nzu yubakiwe abagenzi na nyiri uyu musozi, kugira ngo bajye bacumbikamo, babe amahoro”.

Uwo mukobwa aramwenyura, ariko amarira azenga: hashize akanya, aramubwira ati: Reka ngende mpamagare bene wacu babiri cyangwa batatu. Yirukira ku rugi, ahamagara abandi batatu, umwe yitwaga MWIRINZI, undi yitwa MWUBAHAMANA, uwa gatatu

yitwa NYIRARUKUNDO, barasohoka, bamara akanya baganira na Mukristo, barahumuriza ngo abane na bene wabo bari mu nzu. Benshi muri bo bamusanganirira mu muryango, baramubwira bati: lnjira, uwo Umwami wacu yahaye umigisha; kuko icyatumye yubaka iyi nzu ari ukugira ngo icumbikwemo n'abagenzi bameze nkawe. Yunamisha umutwe, arabakurikira, yinjira mu nzu. Maze aricara, bamuha icyo kunywa, bahuza inama yuko bamwe muri bo baganira na Mukristo, bacyitegura ibyo kurya, kugira ngo igihe kidapfa ubusa. Bategeka Mwubahamana na Mwirinzi na Nyirarukundo kuganira na we.

Mwubahamana aramubwira ati: "Mukristo mwiza, n'ubwo tugucumbikiye ku buntu muri iyi nzu, tuganirire ibyakubereyeho mu nzira. Ahari natwe byatugirira umumaro".

Mukristo ati: "Mbyemeye mbikunze cyane, nishimiye yuko mushaka ibyo byiza.

Mwubahamana ati: "Ni iki cyaguteye umutima wo gutangira kugenda uru rugendo?

Mukristo ati: "lcyampagurukije ni iki: nirukanywe mu gihugu navukiyemo n'ijwi riteye ubwoba ryahoraga mu matwi yanjye, rimbwira yuko ntazabura kurimbuka ningumayo".

Mwubahamana ati: "Mu nzira zose ziva mu gihugu cyanyu ni iki cyatumye utoranya guca muri iyi?"

Mukristo ati: "Byabaye nk'uko Imana yabishatse, kuko, ngitangira gutinya kurimbuka, nari ntazi aho njya: maze ngihinda umushitsi ndira, haza umuntu witwa Mubwirizabutumwa, anyereka irembo rirasukirwaho ryo muri iyi nzira, iryo ntabashije kwiyereka na hato atarinyeretse, anyobora atyo inzira injyana kuri iyi nzu.

Mwubahamana ati: "Ntiwanyuze ku nzira ya Musobanuzi?

Mukristo ati: "Nayinyuzeho, mbonamo ibyo ntazibagirwa nkiriho cyane cyane ibintu bitatu. Icya mbere ni uko Kristo akomeza umurimo we w'ubuntu mu mutima w'umuntu, n'ubwo Satani agerageza kuwubuza: icya kabiri ni iby'umuntu wakoze ibyaha byamukuye mu byiringiro by'imbabazi z'Imana: icya gatatu ni inzozi z'uwarose yuko umunsi w'amateka usohoye.

Mwubahamana ati: “Wumvise arotora inzozi ze?”

Mukristo ati: ”Narazumvise, kandi ziteye ubwoba cyane: akizirotora zanteye agahinda. Ariko nishimiye yuko nazumvise.

Mwubahamana ati: “Ibyo ni byo wabonye mu nzu ya Musobanuzi byonyine? Mukristo ati: “Nabonye n’ibindi: yanjyanye, anyereka inyumba nziza, irimo abantu bambaye imyenda y’izahabu. Maze haza intwari imwe, iratwarana, ica mu bafite intwaro barinda umuryango, barayibwira bati: “Injira, urahabwa ubwiza budashira. Bibaye, numva umutima wanjye wishwe n’umunezero. Nifuje kumara umwaka muri iyo nzu, ariko nari nzi yuko nkwiriye gukomeza urugendo.

Mwubahamana ati: “’Nta bindi wabonye mu nzira?”

Mukristo ati: “Nicumye imbere ho hato, nibwira ko mbona umuntu ubambye ku giti, ava amaraso, mubonye, kumureba gutuma umutwaro umva mu mugongo, uragwa: uwo mutwaro warandemereraga cyane, ukanihisha, icyo gihe umvaho. Ndatangara cyane, kuko aho nabereye, ntarabona nk’ibyo. Ngihagaze, ndaramye, haza abantu batatu barabagirana. Umwe arambwira ati: “ibyaha byawe urabibabariwe, undi anyambura ubushwambagara, anyambika uyu mwenda utangaje; uwa gatatu anshyira iki kimenyetso mu ruhanga, ampa uyu muzingo w’igitabo, uriho ikimenyetso. Avuze ibyo, awukura mu isaho yo mu mwenda we.

Mwubahamana ati: “Nta bindi wabonye?”

Mukristo ati: “Ibyo nakubwiye nibyo byiza biruta ibindi. Ariko hariho n’ibindi nabonye. Nabonye abantu batatu, Muswa na Bute na Ruhangara, basinziriye hirya y’inzira ho hato, bafunze iminyururu ku maguru: ngerageza kubabyutsa, ntibankundira. Kandi mbona Mihangoyidini na Ndyarya bagera mu nzira buriye inkike bibwira ko bajya i Siyoni: Maze bahaba vuba, nk’uko nababwiye, ariko ntibanyemera. Kandi naruhijwe cyane no kuzamuka uyu musozi, kandi no guca ku ntare na ko kwashatse kunanira, iyo umukumirizi mwiza,

uhagaze ku irembo ryanyu, atangira inama, ahari mba nasubiye inyuma. None ndashimira Imana yuko ngeze aha, namwe ndabashimira ko munyakiriye. Maze Mwirinzi yifuza kumubaza amagambo make, ashaka ko amusubiza.

Nuko aramubaza ati: "Ubundi n'ubundi ntiwibuka igihugu wavuyemo?"

Mukristo ati: "iyo nkibutse, ngira isoni, nkacyanga. Iyo mba narakumbuye igihugu navuyemo, mba narabonye uburyo bwo gusubirayo. Ariko noneho ndashaka ikirusha icyo kuba cyiza: ni icyo mu ijuru *(Abaheb 11:15-l6).*

Mwirinzi ati: "Ntugifite bimwe wari umenyereye mbere?"

Mukristo ati: "Ndacyabifite, ariko ntabishaka na hato: cyane cyane ni ukwibwira ibihura na kamere yanjye y'umubiri bikunda kunezeza ab'iwacu, nanjye byaranezezaga. Ariko kuri ubu, ibyo byose birambabaza; nabasha guhitamo ibyo nshaka, nakunda kutazabyibwira ukundi; ariko iyo nshatse gukora ibyiza, ibibi biba ari byo bItanga imbere *(Abarom 7:15-21).*

Mwirinzi ati: "lbikunanira igihe kimwe, ikindi ntubona ko bimeze nk'ibineshejwe?"

Mukristo ati: "Mbibona ntyo, ariko nibuke: iyo mbirimo, mba ndi mu byishimo byinshi, kandi mbyibuka n'umunezero.

Mwirinzi ati: "Ubasha kwibuka ibituma ibikurushya ibyo bimera nk'ibineshejwe?"

Mukristo ati: "lyo nibutse ibyo nabonye ku musaraba, biranesheka; cyangwa iyo nitegereje umwenda wanjye udaraje, biranesheka; cyangwa iyo nsomye mu muzingo w'igitabo nambaye mu gituza, biranesheka; cyangwa iyo nibwiranye urukundo igihugu njyamo, biranesheka".

Mwirinzi ati: Ni iki kigushakisha utyo kujya i Siyoni?"

Mukristo ati: "Ni uko ari ho niringiye kuzabona Uwababambwe ku musaraba ari muzima; kandi ni uko ari ho niringiye kuzakurirwamo ibindimo bindushya kuri ubu. Bavuga yuko nta rupfu rubayo *(Ibyahish 21: 4):* kandi iyo niho nzabana n'uwo nakunda cyane kubana nawe. Kuko mukundira ko yankuyeho wa mutwaro

wanjye: kandi ndambiwe n'indwara yo mu mutima wanjye. Ndashaka kuba aho ntazapfira ukundi, nkabana n'abahora basingiza bati: "Uwera, Uwera, Uwera.

Maze Nyirarukundo abaza Mukristo ati: "Ufite umugore n'abana?"

Mukristo aramusubiza ati: "Mfite umugore n'abana bato bane".

Nyirarukundo ati: "Ni iki cyakubujije kubazana?"

Mukristo ararira, aramusubiza ati: "Nashakaga kubazana cyane, ariko bose ntibakunda na hato ko nza muri uru rugendo".

Nyirarukundo ati: "Ariko wari ukwiriye kubareshyareshya ukabasobanurira ibyago bizaba ku bahasigaye.

Mukristo ati: "Narabibasobanuriye, kandi mbabwira kuzarimbuka k'umudugudu wacu, nk'uko Imama yabinyeretse: ariko kuri bo nahindutse nk'uwikinira, ntibabyemera *(Itang 19:14)*

Nyirarukundo ati: "Wasabye Imana kugira ngo ihe umugisha inama wabagiriye?"

Mukristo ati: "Nabasabiranye urukundo rwinshi: kuko mbakunda cyane; nawe ndashaka ko ubimenya".

Nyirarukundo ati: Ntiwababwiye agahinda kawe n'uko utinya kurimbuka? Ngira ngo uko kurimbuka kwarakugaragariraga.

Mukristo ati: "Najyaga mbibabwira hato na hato. Kandi ubwoba bwanjye bwagaragazwaga no mu maso hanjye, n'amarira yanjye n'umushitsi nahindishwaga no gutinya ubugi bw'intorezo turagijwe. Ariko ibyo byose ntibyabemeza ngo bazane nanjye.

Nyirarukundo ati: "Bari bafite rwitwazo ki rwo kutaza?"

Mukristo ati: "Umugore waniye yanze gusiga iby'iyi si: abana banjye bakundaga ibinezeza by'ubupfu by'abana; izo mpamvu n'izindi nkazo zatumye bandeka ngo ngende njyenyine.

Nyirarukundo ati: "Ariko se, ingeso zawe mbi ntizononnye impamvu zose wababwiye zo kubareshya ngo muzane?

Mukristo ati: "sinashima ingeso zanjye, kuko nzizimo ibibi byinshi. Kandi nzi yuko ibyo umuntu ahirimbanira kohesha abandi amagambo ye, ngo abagirire umumaro, abasha kubyononesha vuba ingeso ze. Ariko ndabasha kwireguza iki, yuko nirindaga cyane

gukora ibidakwiriye, byabaha urwitwazo rwo kutagenda uru rugendo. Kandi icyo ni cyo cyatumaga bambwira yuko niyima ibyo bagira ngo si bibi, ngakabya gukora ibyo nibwira ko bikwiriye; no kwanga ibyo nibwira ko bidakwiriye; ariko ibyo byose nabikoraga ku bwabo, Kandi ngira ngo, ibyo bambonanye, byababujije ni uko nakabyaga kwirinda gucumura ku Mana cyangwa Kugirira mugenzi wanjye nabi.

Nyirarukundo ati: "Na Kaini yangiye murumuna we *(1 Yoh 3:12)* kuko ingeso ze zari mbi, naho iza murumuna we zikaba nziza. Nuko niba ari icyo umugore wawe n'abana bawe bakwangira, baba biyerekanye ko ari abanzi b'ibyiza, nawe ukaba wikijije urubanza rw'amaraso yabo *(Ezek 3:18- 19).*

Maze ndota bicaye baganira batyo, bageza aho bazaniye ibyo kurya, babizanye bicara ku meza, bararya. Kandi ku meza baganiraga ibya nyiri uwo musozi gusa. Ibyo yakoze n'icyabimukoresheje n'icyatumye yubaka iyo nzu bicayemo. Ibyo bavuze bimenyesha yuko yabaye intwari ikomeye, kandi ko yarwanije akica uwari ufite ubutware bw'urupfu *(Abaheb 2:14-15),* n'ubwo yishyize mu kaga gakomeye muri iyo ntambara. Bituma ndushaho kumukunda, kandi Mukristo afatanya nabo guhamya ibyo, ati: "Nizeye yuko yamuneshesheje kuva amaraso menshi, kandi igitumye ibyo byose byerekana ubwiza n'ubuntu ni uko yabikoreshejwe n'urukundo akunda igihugu cye gusa.

Kandi bamwe muri bene inzu bavuga yuko bamubonye, bakavugana nawe, hanyuma y'urupfu rwe rwo ku musaraba: bahamya yuko ubwe yavuze ko akunda cyane abagenzi b'abakene: ntawe bahwanye, uhereye aho izuba rirasira, ukageza aho rirengera. Bavuga n'icyerekana ibyo bahamije, yuko yiyambuye ubwiza bwe n'icyubahiro cye kugira ngo akize abakene, kandi ko bumvise avuga ko adakunda kuba wenyine ku musozi w'i Siyoni. Kandi bavuga yuko yahinduye abagenzi benshi kuba imfura zikomeye, n'ubwo kuri kavukire yabo bari abasezi, kandi bari basanzwe ku icukiro *(1 Sam 2:8; Zab 3:7)*

Batarama baganira batyo, bageza mu gicuku; maze biragiza Umwami wabo ngo abarinde, baragenda, bararyama, Bajyana uwo mugenzi, bamuryamisha mu nzu yo hejuru nini ifite idirishya ryerekana aho izuba rirasira. Iyo nzu yitwa Amahoro. Mukristo

arasinzira yicura mu gitondo, arakanguka araririmba ati:

Mbega abagenzi nkanjye
Dukundwa dutyo se?
Akadukuyakuya
Atubabarira?
Yandihiriye ibyaha:
None uba aha yampaye
Kuba ahahereranye
N'ubwiza bw'uru. (Ijwi 201)

Bose bakangutse, bamara umwanya baganira, bamubuza kugenda bataramwereka ibitangaza by'aho hantu. Babanza kumujyana mu nzu y'inzandiko, bamwereka inzandiko zahozeho kera cyane: muri zo nibuka ko babanje kumwereka urwandiko rwanditswemo amasekuruza y'Umwami nyiri uwo musozi. Yerekana yuko ari umwana w'Iyahozeho kera kose, kandi no kuvuka kwe ko ari ukwa kera kose. Kandi harimo n'ibyo yakoze byinshi n'amazina y'abantu amagana menshi yashatse, kandi yuko yabatuje mu mazu adasazishwa n'ubukuru cyangwa ikindi cyose cyonona byo mu isi. Maze bamusomera ibyiza bamwe mu bagaragu b'Umwami bakoze, yuko batsinze abami, bakoze ibyo gukiranuka, bahawe ibyasezeranijwe, bazibye iminwa y'intare, bazimije umuriro ugurumana cyane, bakize ubugi bw'inkota, bakuwe mu ntege nke bagahabwa intege nyinshi, babaye intwari mu ntambara, banesheje ingabo z'abanyamahanga *(Abaheb 11:33-34)*

Maze basoma ikindi gice cy'inzandiko zo muri iyo nzu, cyerekana yuko Umwami wabo akunda cyane kwemera umuntu wese, uko ari kose, n'ubwo mu bihe byashize yaba yaramucumuyeho cyane, agatuka ibyo yakoze. Kandi muri iyo nzu harimo ibitereko by'ibyiza bindi byinshi, babyereka Mukristo byose: ibitereko y'ibyabaye kera n'ibya vuba, n'ibihanura ibitazabura gusohora, bigatera abanzi ubwoba no gutangara, bigahumuriza abagenzi, bikabamara umubabaro.

Bukeye bwaho, bamujyana mu nzu y'intwaro, bamwereka intwaro nyinshi z'amoko yose Umwami wabo yateguriye abagenzi: inkota n'ingabo n'ingofero z'ibyuma n'ibyuma bikingira igituza no gusenga k'uburyo bwose n'inkweto zidasaza.

NYUMBANZIZA

Kandi muri iyo nzu hari intwaro zirangiza abantu bangana n'inyenyeri zo mu ijuru ngo barwanire Umwami wabo.

Kandi bamwereka ibyo bamwe mu bagaragu b'Umwami bakoresheje ibitangaza. Bamwereka inkoni ya Mose *(Kuva 4:2-4:17)* n'ibibindi n'amakondera n'imuri Gideoni yirukanishije ingabo z'Abamidiani *(Abacam 7:10)* n'igufa ry'uruhekenyero Samusoni yakoresheje ibitangaza bikomeye *(Abacam 15:16).* Kandi bamwereka n'umuhumetso n'ibuye Dawidi yicishije Goliyati w'i Gati *(1 Sam 17:49)*, bamwereka n'inkota Umwami wabo azicisha wa Mugome ku munsi azahagurukiraho agafata umuhigo *(2 Abates 2:8).* Kandi bamwereka n'ibyiza bindi byinshi bimunezeza cyane. Babirangije, bararyama.

Maze ndota yuko bukeye ahaguruka ngo agende; maze bamusibiza undi munsi umwe, bati: "Ejo, nihatagira urwokotsi, tuzakwereka IMISOZI Y'IGIKUNDIRO, izarushaho kuguhumuriza, kuko iri bugufi bw'igihugu ushaka kujyamo kuruta ino: arabyemera, arahasibira. Bukeye bamujyana hejuru y'inzu, bamutegeka kureba ikusi*. Arahareba, yitegera igihugu cyiza kirimo imisozi myinshi, irimo ibigombe n'inzabibu n'ibiti by'amoko yose byera imbuto ziribwa, irimo n'amasoko n'imigezi, igihugu cy'igikundiro cyinshi (Yes 33:16-l7). Abaza uko cyitwa. Baramusubiza bati: "Ni igihugu cya Imanuweli, abagenzi bose bakundirwa kujyamo, nk'uko bakundirwa kuza kuri uyu musozi. Nugerayo, abungeri b'intama bahaba bazakwereka kure irembo ry'ururembo rwo mu ijuru".

Ashaka kugenda, baramwemerera, ariko baramubwira bati: "Reka tubanze twongere kujya muri ya nzu y'intwaro. Bagezemo, bamufureba ibyuma byo kumukingira, bihereye ku mutwe bikageza ku birenge, bamuha n'intwaro, kuko ahari yatererwa n'ababisha mu nzira.

Amaze guhabwa ibyo, asohokana n'izo nshuti ze, ajya ku irembo, abaza wa mukumirizi yuko hari umugenzi wahanyuze. Umukumirizi aramusubiza ati: Nabonye umwe".

Mukristo ati: "Wamenya izina rye?"

* *Kusi ni iburyo bw'umuntu, iyo yerekeye aho izuba rirasira.*

Umukumirizi ati: Namubajije uko yitwa, ambwira yuko yitwa MWIZERWA.

Mukristo ati: “Ndamuzi: dusangiye umudugudu; imihana yacu irafatanye; yaturutse aho navukiye. Kuri ubu ageze he?

Umukumirizi ati: “Kuri ubu ahari ageze mu gikombe”.

Mukristo ati: “Mukumirizi mwiza, Umwami abane nawe, akongere imigisha myinshi kuko wangiriye neza.

Maze aragenda, ariko Mwigengesero na Mwubahamana na Nyirarukundo na Mwirinzi bashaka kumuherekeza ngo bamugeze mu gikombe. Nuko baragendana, bongera kuganira nk’ibya mbere, hagera aho umusozi utangira kumanuka. Mukristo arababwira ati: ”Nk’uko kuzamuka uyu musozi kwari kuruhije, niko mbonye yuko kumanuka ari kubi”.

Mwirinzi aramusubiza ati: “Ni koko; uvuze ukuri; kuko biruhije umuntu kumanuka mu gikombe cyitwa MUCISHABUGUFI, nk’uko umanuka none, ntanyerere: nicyo gitumye tuguherekeza ngo tukugezeyo.

Nuko atangira kumanuka yitonze cyane, ariko ntiyabasha kwibuza kunyerera buke, nka rimwe cyangwa kabiri. Maze ndota yuko ageze mu gikombe bamuha umutsima n’icupa ry’amazi n’isere ry’inzabibu zumye; basezeranaho, aragenda.

12. IGIKOMBE CYITWA MUCISHABUGUFI

MURI ICYO gikombe Mucishabugufi, Mukristo ahabonera intambara ikomeye. Ataragera kure, abona dayimoni w’umwaku uteye ubwoba, aje amusanganira, witwa APOLUONI *(Ibyah 9:11),* risobanurwa ngo Umurimbuzi. Mukristo “abanza gutinya, yiburanya gusubirayo cyangwa gushikama. Maze yibuka yuko mu mugongo atifurebyeho ibyuma bimukingira, ati: “Nimuha ibitugu ndaba mwigabije ngo anshumite amacumu. Nicyo cyatumye yibwira ati: Ibyiza ni uko nashikama, kuko n’aho ntashaka ikindi keretse gukiza ubugingo, gushikama ari ko kwaruta. Maze aragenda ahura na Apoluoni. Uwo yari icyago cy’ubwahuro,

afite ishusho mbi cyane, afite uruhu rw'ingamba nk'urw'ingona, arirwo yiratanaga *(Yobu 41:15)* afite n'amababa nk'ay'imbwa y'iswa, n'amajanja nk'ay'ingwe; mu nda ye havagamo umuriro n'umwotsi, akanwa ke kasaga n'ak'intare. Ageze aho Mukristo ari, amurebana agasuzuguro aramubaza ati: "Urava he ukajya he?"

Mukristo ati: "Mvuye mu mudugudu w'i Rimbukiro, urimo ibibi byose, ndajya mu rurembo Siyoni".

Apoluoni ati: "Ibyo bimbwiye yuko uri ingabo yanjye kuko icyo gihugu cyose ari icyanjye, ari jye mwami wacyo n'imana yacyo. Ni iki cyatumye unyimura, ndi umwami wawe? Mba ngukubise rimwe, ukagwa ugapfa, ni uko niringiye ko uzongera kunkorera.

Mukristo ati: Nzi yuko navukiye mu gihugu cyawe koko; ariko kugukorera kwarananiye, n'ibihembo utanga ni ibitabasha gutunga umuntu; kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu *(Abarom 6:23),* nuko namaze kuba umuntu mukuru, ushaka ubuhake burutaho, nk'uko abandi bafite ubwenge bakora.

Apoluoni ati: "Nta mwami wakundira vuba ko abantu be bamwimura, nanjye sinkunda ko umvaho: umva yuko wababajwe n'ibihembo byawe n'ubuhake bwawe, emera kungarukira, kandi icyo mbasha gukura mu gihugu cyanjye, ngusezeranije yuko nzakiguha.

Mukristo ati: "Nahatswe n'undi, niwe Mwami utwara abami: none nabasha nte kujyana nawe? Si ukumuhemukira?"

Apoluoni ati: "Ubaye iciro ry'imigani ngo Ntaho uvuye ntaho ugiye. Ariko bijya biba ko abatuye ko ari abe bamara iminsi bamukorera, maze bakamucika. Nawe wagira utyo ntacyo waba.

Mukristo ati: "Narasezeranye ndahira yuko nzajya mukorera: nabasha nte kwica iryo sezerano, simanikwe bampora ubugome?

Apoluoni ati: "Sibyo wangiriye? Ariko nemeye kukubabarira nuhindukira ukangarukira".

Mukristo ati: "Nasezeranije kugukorera nkiri umwana ntaragira ubwenge. Kandi ngira ngo Umwami ndwanira none ashobora kunkuraho urubanza rwo kwica iryo sezerano, no kumbabarira ibyo nakoraga

nkiri uwawe. Kandi, Apoluoni, wa murimbuzi we, reka nkubwire ukuri, nkunda ubuhake bwe n'ibihembo atanga, n'abagaragu be no gutegeka kwe no kubana nawe n'igihugu cye, mbirutisha ibyawe: none rorera kunyoshya, ndi umugaragu we ndashaka kumukurikira.

Apoluoni ati: "Nurakaruka, wongere utekereze ibyago bizakuberaho mu nzira unyuramo. Uzi yuko benshi mu bagaragu b'uwo bapfa nabi, kuko bangomeye bakava mu nzira zanjye. Mbese abenshi muri bo ntibishwe urupfu ruteye isoni? Umva ko wakunze buhake bwe, ukaburutisha ubwanjye. Ntiyigeze kuva aho ari ngo akize abamukorera abanzi babo; nta n'umwe yakijije. Ariko jyeweho ninde utazi yuko we n'abagaragu be nabakijije kenshi abankiranukiye, mbakirisha amaboko cyangwa uburiganya, n'ubwo bari bafashwe mpiri. Niko nawe nzagukiza.

Mukristo ati: "Icyatumye atabakiza none muri iki gihe, ni ukugira ngo agerageze amenye urukundo rwabo, yuko bazabana nawe akaramata, bakageza ku gupfa. Kandi urwo rupfu rubi uvuze rubabera icyubahiro gikomeye, kuko agakiza ka none atari ko biringira cyane ahubwo bategereza icyubahiro n'ubwiza byabo, kandi bazabihabwa ubwo umwami wabo azazana ibye n'iby'abamarayika".

Apoluoni ati: "Umaze kumukorera nabi no kumuhemukira, uzagororerwa ute?"

Mukristo ati: "Apoluoni namuhemukiye iki?"

Apoluoni ati: "Mu itangiriro ry'urugendo waracogoye, ubwo wasayaga mu isayo Gahindagasaze, ugasigazaho hato, ikaguhotora. Wagerageje gukurwaho umutwaro wawe uburyo budategekwa, ariko wari ukwiriye gutegereza kuwukurwaho n'Umwami wawe. Kandi wasinziriye ibitotsi bibi, utakaza ibintu byawe by'igiciro cyinshi. Wari bugufi bwo gusubira inyuma, ubwo wabonaga za ntare. Kandi iyo uganira ibyo wabonye n'ibyo wumvise muri uru rugendo, mu mutima wawe ushaka kubahirwa ibyo wakoze n'ibyo uvuga byose.

Mukristo ati: "Ibyo uvuze byose ni iby'ukuri, kandi hariho n'ibindi byinshi wibagiwe: ariko Umwami nkorera nkubaha ni umunyebambe ukunda kubabarira. Kandi izo ntege nke za kamere narazihoranye ntarava iwawe, kuko ariho zamfatiye; kandi nanihishijwe no kuremera kwazo, ndazihana, Umwami wanjye arazimbabarira".

Apoluoni ararakara cyane, ati: "Ndi umwanzi w'uwo Mwami; ndamwanga, nkanga n'amategeko ye n'abagaragu be; iki ni cyo kinzanye: ni ukukubuza".

Mukristo ati: "Apoluoni, irinde, kuko ndi mu nzira y'Umwami, ari yo nzira yo gukiranuka: ni cyo gitumye ukwiriye kwirinda.

Apoluoni atambikiza mu nzira, arayimara, aramubwira ati: "Simbikangwa: itegure gupfa, kuko ndahiye isenga yanjye y'i Gehinomu yuko utari butambuke intambwe imwe, ntakwiciye aha ngaha".

Maze amutera mu gituza agacumu kameze nk'umwambi kaka umuriro; ariko Mukristo akinga ingabo, arakaranga ntikagira icyo kamutwara. Maze Mukristo akura inkota kuko abonye yuko atagikwiriye kujunjama. Apoluoni arihuta, aramwipfunyira amutera uducumu twinshi nk'urubura: Mukristo ntiyabasha kuturanga twose, akomereka mu mutwe no ku kuboko no ku kirenge. Agenza umugongo ho hato, Apoluoni aramwegera cyane, Mukristo akanyabugabo karaza, arwanisha ubutwari, uko ashoboye. Bacagasa umunsi barwana iyo ntambara ikomeye; Mukristo araruha asigaza ho hato, agacika intege: kuko inguma ze zagendaga zimumara intege. Apoluoni amubonye uburyo, aramwegera aramusumira, amukubita hasi cyane; inkota ya Mukristo bagwa ukubiri. Apoluoni aramubwira ati: "Ndagushyikiriye, sindi bubure kukwica. Aramushikamira, asigaza ho hato akamwica: Mukristo ashaka kwiheba yuko atari bukire. Maze ku bw'imbabazi z'Imana, Apoluoni acyihanukiriye ngo amuhorahoze, Mukristo arambura ukuboko vuba, asingira inkota ye, aramubwira ati: "Wa mubisha we, winyishima hejuru; iyo nguye ndabyuka *(Mika 7:8)"*.



Mukristo arwana na Apoluoni

Avuze ibyo, acumita Apoluoni inkota cyane, amusubiza inyuma, nk'ukomeretse uruguma rwica. Mukristo abibonye, arongera aramwegera, aramubwira ati: "Muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze *(Abarom 8:37).*
Apoluoni atanda amababa ye y'imbwa y'iswa araguruka aragenda, Mukristo ntiyasubira kumubona *(Yakobo 4:7)".*

Utari uhari, nk'uko nari mpari, ntiyabasha kwigereraniriza gutaka no kwivuga bya Apoluoni byo muri iyo ntambara: kuko yavugaga nk'intare. Kandi no gusuhuza umutima no kuniha bya Mukristo nta wabasha kubyigereraniriza. Muri iyo ntambara yose sinigeze kubona agaragaza umunezero na rimwe kugeza aho yamenyeye ko akomerekesheje Apoluoni inkota ye. Nicyo cyamuteye kumwenyura, yubura amaso, areba mu ijuru. Aho nabereye, sinari nabona intambara iteye ubwoba nk'iyo. Ishize, Mukristo araririmba ati:

Daimoni uyu unteye
Ava kwa Satani:
Ni we wamutumye;
Ni we shebuja.

Twiriwe turwana;
Nuko Apoluoni
Asigaza hato,
Akanyica pe!

Maze Imana yanga
Ko uwo mwanzi anyica;
Mfate inkota yanjye,
Ndamucumita.

Nshima Uwantabaye,
Akaneshereza.
Sinzasiba iteka,
Kumusingiza. (Ijwi 300)

Maze abona ukuboko kumuha ibibabi by'igiti cy'ubugingo; arabifata, abishyira ku nguma ze, yakomerekeye muri iyo ntambara; uwo mwanya arakira. Arya umutsima, anywa ya mazi bamuhaye mu icupa, abona intege, aragenda agifite inkota mu ntoke kuko yakekaga yuko ahari undi mubisha yaba bugufi. Ariko Apoluoni ntiyongeye kumutera muri icyo gikombe cyose ukundi.

13. IGIKOMBE CY'IGICUCU CY'URUPFU

Arangije icyo gikombe, agera ku kindi gihereranye nacyo, cyitwa IGIKOMBE CY'IGICUCU CY'URUPFU: kandi Mukristo nacyo yari akwiriye kukinyuramo kuko inzira ijya mu rurembo rwo mu ijuru yagicagamo hagati. Icyo gikombe cyari igiswa rwose. Umuhanuzi Yeremiya yakivuze atya ati: "Ni ubutayu, igihugu cy'umutarwe n'imyobo, igihugu cyumye kirimo igicucu cy'urupfu, kitagira ugituyemo kandi kitanyurwamo n'umuntu wese (utari Umukristo) *(Yer 2:6)*. Muri icyo gikombe, Mukristo abonamo ibishaka kumubuza, birusha intambara yarwanije Apoluoni kumubabaza, nk'uko ngiye kubatekerereza.

Ndota yuko Mukrisro ageze ku rugabano rw'igicucu cy'urupfu, ahura n'abantu babiri bo mu rubyaro rwa ba batasi babaze inkuru mbi ya cya gihugu cyiza *(Kubara 13:32)*, bakimirana bihuta. Mukristo arababaza ati: "Murajya he?"

Abo bagabo bati: "Turagarutse, turagarutse, nawe niba ukunda amahoro cyangwa ubugingo bwawe, wagaruka".

Mukristo ati: "Mubaye iki?"

Abo bagabo bati: "Tubaye iki? Twajyaga iyo ujya iyo, tugeze aho twahangaye kugenda. Twashigajeho hato tukarenga aho umuntu yabonye uko agaruka. Iyo twicuma imbere ho hato y'aho twagarukiye, ntituba twabayeho, ngo tuze tubikubwire.

Mukristo ati: "Mwasanze iki?"

Abo bagabo bati: "Twendaga kugera mu gikombe cy'Igicucu cy'Urupfu; twahiriwe kuko twarungurutseyo tukabona akaga kariyo tutarageravo *(Zab 44:19; 107:10)*

Mukristo ati: "Ariko mwabonyeyo iki?"

Abo bagabo bati: "Ni ishyano! Twabonye igikombe kirimo umwijima w'icuraburindi. Tubonamo n'abadayimoni n'imyuka mibi n'ibiyoka byo muri rwa rwobo. Twumva gutaka no kuboroga nk'ukw'abantu bababazwa umubabaro utavugwa, bicayemo baboheshejwe umubabaro n'ibyuma. Kandi no hejuru y'icyo gikombe hari ibicu bivurungana byihebesha umuntu, n'urupfu rugitwikiriye amababa iteka. Igikombe cyose cyari giteye ubwoba bwinshi, gicuze icyuna. *(Yobu 3:5; 10:22.)*

Mukristo ati: "Ntimurambwira ibimbuza kwibwira yuko ari yo nzira ijya aho nshaka kujya *(Zab 44:18-19; Yer 2:6*).

Abo bagabo bati: "Ibe iyawe wenyine; twe ntidushaka ko iba iyacu.

Baragenda; Mukristo akomeza inzira, agifite inkota mu ntoke, kuko ahari yagira ikimutera mu nzira. Ndota yuko iburyo bw'inzira hari uruhavu rufite umuhato muremure cyane, rurangije icyo gikombe cyose: urwo ruhavu ni rwo impumyi zirandase izindi zijya zigwamo iteka ryose, zikarimbukiramo. Kandi ibumoso hari isayo mbi cyane, uguyemo, n'aho yaba ari umunyangeso nziza, ntabona aho ashinga ibirenge. Iyo sayo niyo umwami Dawidi yaguyemo kera, iba yaramuhotoye, iyaba Ibishobora itamusayuye *(Zab 69:14; 40:1-2).*

Iyo nzira ica hagati y'ibyo byago byombi yari ifunganye cyane; nicyo cyatumye Mukristo aboneramo ibimurushya. Muri uwo mwijima, iyo yashakaga kutagwa mu ruhavu mu ruhande rumwe, yabaga bugufi bwo kugwa mu isayo mu rundi ruhande: kandi yashaka kutagwa mu isayo, yirindaga cyane kugwa mu ruhavu. Nuko agenda yomboka atyo. Numva asuhuza umutima cyane: kuko ako kaga mvuze atari ko konyine, ariko kandi umwijima wahishaga inzira, nicyo cyatumye, iyo yashinguraga ikirenge, atamenyaga aho agiye kugishinga, cyangwa icyo agiye gukandagira.

Hagati y'icyo gikombe, mbona umunwa w'i Gehinomu, nawo uri bugufi bw'inziza. Mukristo aribwira, ati: "Noneho ndagira nte? Kandi kenshi umuriro n'umwotsi byinshi cyane byavanagamo n'ibishashi n'urusaku rubi ruteye ubwoba, ibyo Mukristo atakwirengeresha inkota,

nk'uko yayirengeje kuri Apoluoni. Nicyo cyatumye asubiza inkota mu rwubati, yenda intwaro yindi yitwa UBURYO BWOSE BWO GUSENGA *(Abef 6:18).* Numva ataka ati: "Uwiteka ndakwinginze, kiza ubugingo bwanjye *(Zab 116:4).* Amara umwanya munini agenda atyo, wa muriro ugurumana ushaka kumugeraho. Kandi yumvaga amajwi ateye ubwoba n'ibimugenda iruhande bigenda bigaruka; nicyo cyatumye ubundi yibwira yuko bigiye kumushishimura cyangwa kumukandagira, arahagarara, ashidikanya icyo ari bukore. Ubundi yibwiraga gusubira inyuma, maze agakeka yuko ahari acagashije icyo gikombe. Nyuma yibuka yuko yakize akaga kenshi, yigira inama yuko gusubira inyuma kwamuzanira akaga kuruta ako kujya imbere. Nicyo cyatumaga agambirira kujya imbere: maze ba badayimoni bakomeza kumwegera. Bagiye kumugeraho, avuga ijwi rirenga ati: Ndagendana imbaraga z'Uwiteka Imana. Maze basubira inyuma ntibamugeraho.

Hariho kimwe ntari busige nabonye yuko icyo gihe Mukristo yari ahagaritse umutima cyane bimubuza kumenya ijwi rye ubwe, nanjye namenye umubabaro we ntya: ageze bugufi bw'umunwa wa rwa rwobo rwaka umuriro, umwe mu badayimoni aromboka, amwegera inyuma amwongorera ibitutsi byinshi bibi cyane bituka Imana. Mukristo yibwira ko bivuye mu mutima we ubwe. Ibyo bibabaza Mukristo cyane, birusha ibyamubayeho byose bindi, kuko yibwiye ko atutse Iyo akunda cyane, Iyaba yarabashije kwirukana ibyo bitutsi, aba yarabyirukanye uwo mwanya: ariko ntiyagira ubwenge bwo kwipfuka mu matwi cyangwa ubwo kumenya aho bivuye.

Amara umwanya agendana agahinda atyo, yibwira ko yumva ijwi ry'umuntu umuri imbere, ati: "Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu, sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe nawe *(Zab 23:4).* Yishimishwa n'izi mpamvu:

(1) N'uko bimumenyesheje yuko muri icyo gikombe harimo bagenzi be bubaha Imana nka we, atari we wenyine ukirimo.

(2) Yishimishwa n'uko amenye ko abe bari kumwe n'Imana n'ubwo bari muri uwo mwijima n'umubabaro mwinshi. Nuko aribaza ati: "Mbese, nanjye hari ikimbuza kubana nayo, n'ubwo ibirushya by'aha hantu bimbuza kubimenya?

(3) Anezezwa n'uko yiringiye kubona abo kujyana na we, yabasha kubageraho.

Akomeza kugenda ahamagara uw'imbere: maze uwo ashidikanya ikimuhamagaye, kuko na we yibwiraga yuko ari wenyine, ntiyamwitaba. Maze, buracya: Mukristo aravuga ati: "Yahinduye igicucu cy'urupfu kuba igitondo *(Amosi 5:8).* Nuko areba inyuma, si uko ashaka gusubirayo, ahubwo ni ukugira ngo arebe ku mugaragaro akaga kenshi yanyuzemo mu mwijima. Abona neza rwa ruhavu ruri ku ruhande rumwe, na ya sayo iri ku rundi: areba n'uko inzira ifunganye ica hagati y'ibyo. Abona na ba badayimoni na ya myuka mibi na bya biyoka byo mu rwobo rw'i Gehinomu, ariko byose byari bimuri kure. Ntibyamuba bugufi ijoro rikeye, ariko byaramugaragariye, nk'uko byanditswe, ngo Uwiteka agaragaza ibitamenyekana byo mu mwijima, kandi igicucu cy'urupfu agishyira mu mucyo *(Yobu 12:22).*

Mukristo abonye ibyo byago byose byo mu nzira yaciyemo n'uburyo yabikize, arumirwa amaze kubyitegereza neza kuko amanywa abigaragaje, amenya ko byari ibyo gutinywa koko. Muri ako kanya izuba rirarasa. Nabyo bibera Mukristo imbabazi z'Imana kuko igice gisigaye cy'Igikombe cy'lgicucu cy'Urupfu cyarushije icya mbere kubamo akaga cyane. Uhereye aho yari ageze, ukageza aho giherera inzira yari irimo ibisambi n'ibigoyi n'iyindi mitego y'amoko menshi; ahandi yari irimo inzobo n'amashya, n'imirerajuru miremire; ahandi yari ibogamye. Nuko iyaba harabaye ijoro, nk'uko ryari riri agitangira kunyura muri icyo gikombe, n'aho yagize ubugingo

nk'ubw'abantu igihumbi, atari ku bw'Imana buba bwararimbukiyemo bwose. Ariko, nk'uko mvuze, icyo gihe izuba ryari rirashe. Mukristo aravuga ati: "ltabaza ry'Uwiteka rimurikira ku mutwe, nkagendera mu mwijima nyobowe n'umucyo wawe *(Yobu 29:3)*. Kuri ayo manywa, agera ku iherezo ry'icyo gikombe. Nuko ndota yuko aho igikombe kigarukiye, hari amaraso n'amagufa n'intumbi z'abantu bavunaguwe n'ivu ry'abatwitswe, nibo bagenzi banyuze muri iyo nzira kera. Agitangara nshidikanya impamvu y'ibyo, mbona imbere yanjye ho hato ubuvumo bwababwagamo kera n'ibihanda bibiri byitwa NZIKAYIDINI na NZIKAYABISI.* Ubutware no gutwaza igitugu byabo ni byo byicishije nabi ba nyiri ayo maraso n'ayo magufa na rya vu byari aho. Ariko Mukristo ahanyuze ntiyagira icyo aba. Birantangaza, ariko ubwa nyuma numvise yuko Nzikayabisi hari hashize imyaka myimshi apfuye; kandi Nzikayidini n'ubwo yari akiriho, ubusaza n'intambara nyinshi bamurwanyije mu busore bwe nibyo byamukonyakonye; nicyo cyatumye asigara yicaye ku munwa w'ubuvumo bwe ashinyikira amenyo abagenzi banyuraga aho, ashavuzwa n'uko atabashije kubashyikira. Nuko mbona Mukristo akomeza urugendo. Maze abonye uwo musaza wicaye ku munwa w'ubuvumo, ashidikanya ibyo ari byo. Cyane cyane atangazwa n'uko uwo yavuganye nawe, n'ubwo atabashije kumukurikira, ati: "Ntimuzatunganywa abandi bo muri mwe.

* *Nzikayisi ni igihanda kirenganya abantu kibahora gukunda Imana kwabo n'ingeso zabo nziza. Kera cyicaga Abakristo nabi, nko mu bihe by'Abaroma. Bunyan yatekereje yuko ibyo byashize. Ariko twe tuzi ko atari ko biri: icyo gihanda ntigiheruka kutwicira abakijijwe muri Kenya se? Icyakora, ubupagani nyabupagani bw'iki gihe si ubwo kuraguza no guterekera, ahubwo ni ugukunda iby'isi ukabirutisha Imana; ubwo ntibwica kuri ubu ariko ahari niryo herezo. Nzikayidini ni igihanda kirenganya abantu mu izina ry'Imana, kirengera imihango y'idini ipfuye, kibahora gukizwa by'ukuri. Kera kose, Itorero rigararagara ryarabarenganyaga rityo, ubundi ribatwika, ubundi ribavunagurisha ibyuma. Ariko mu bihe bya Bunyan, ibyo byari byaracogoye. Nicyo cyatumye agira ngo icyo gihanda cyakonyaguritse. Ariko rero, tuzi ko kikiri kizima!*

Mutaratwikwa! Mukristo aramwihorera, ntiyagaragaza ubwoba, anyuraho, ntiyagira icyo aba. Maze araririmba ati:

Mbega igitangaza ko nakize ibyago
By'aha hantu n'ibibi biriyo!
Nshimira Umukiza kuko yantabaye:
Nshima ukuboko kwe kwanshoreye.

Nkiri mu gikombe kibi cy'igicucu,
Nagoswe n'ibyago bitarondoreka
Ibya ba badaimoni n'iby'i Gehinomu
N'ibyo gushukwa n'iby'umwijima

Nibuka ibisambi n'imitego myinshi
N'ibigoyi nabyo, byose bingenewe
Byangotaga inzira, byenda kumfata
Nkagwa mu bushya, nkabuheramo

Njyewe ubwanjye ntabwo najyaga kwikiza
Ndi umupfapfa mubi: sinzi ibikwiriye
Yesu Umwami wanjye byose arabinkiza
Nkuriye ubwatsi uwo murengezi (Ijwi 1)

14. MWIZERWA

MUKRISTO akigenda, agera ku gasozi karundiwe kugira ngo abagenzi barebe ibiri imbere. Mukristo arakazamuka, Arebye imbere, abona MWIZERWA amuri imbere. Aramuhamagara ati: “Yewe, mugabo, ndinda tujyane”. Mwizerwa arakebuka, Mukristo arongera aramuhamagara ati: “Ndindira aho. Maze Mwizerwa aramusubiza ati: “Sindi buhagarare, kuko nkiza ubugingo bwanjye, kandi uhora inzigo ankurikiye. Mukristo ararakara, yiruka uko ashoboye, amugeraho vuba, amucaho: uwa nyuma aba uwa mbere. Mukristo amwenyuzwa no

kwihimbariza kuko yamuciyeho. Maze ntiyirinda, arasitara aragwa, ntiyabasha kubyuka Mwizerwa ataramugeraho ngo amwegure. Maze ndota bajyanye bakundanye cyane, baganira ibyababayeho mu rugendo rwabo, birabanezeza.

Mukristo abanza kubwira Mwizerwa ati: “Nshuti yanjye nkunda, nishimiye kukugeraho, kandi nishimiye yuko Imana yahwanije imitima yacu, tukabasha kujyana muri iyi nzira nziza twuzuye”.

Mwizerwa ati: “Nshuti yanjye, nari niringiye kuzana nawe, mva mu mudugudu w’iwacu; ariko untanga kuvayo, nicyo cyatumye nza jyenyine iki gihe cyose”.

Mukristo ati: ”Wamaze iminsi ingahe mu mudugudu w’i Rimbukiro utarankurikira’’?

Mwizerwa ati: “Nagumyeyo ngeza aho ntakibasha kwihangana: kuko hanyuma yo kugenda kwawe, abantu benshi baganiraga yuko umudugudu wacu ugiye gutwikwa vuba n’umuriro uvuye mu ijuru”.

Mukristo ati: “Mbese abaturanyi bacu bavugaga batyo?”

Mwizerwa ati: “Ye, bose bamaze igihe gito bavuga ibyo”.

Mukristo ati: “Nta wundi muntu wavuyeyo ngo yikize, keretse wowe wenyine?”

Mwizerwa ati: “N’ubwo benshi baganiraga ibyo, ngira ngo ntibabyemeraga cyane. Kuko numvise bakibivuga, bamwe muri bo bakuneguraga ngo urugendo rwawe ni ubwihare gusa. Ariko jyeweho nemeraga, kandi ndacyabyemera, yuko umudugudu wacu uzarimburwa n’umuriro n’amazuku bivuye mu ijuru: nicyo cyatumye mpunga.

Mukristo ati: “Umuturanyi wacu Nyamujyiryanino ntiwumvise bamuvuga?”

Mwizerwa ati: “Bamuvugaga: numvise yuko yagukurikiye, akagera ku Isayo Gahindagasaze, akagwamo; niko bamwe bavuga. Ubwe ntashaka ko babimenya, ariko ntekereza ntashidikanya yuko yivurunze cyane mu byondo byaho.

Mukrito ati: “Abaturanyi bacu bamubwiye iki?”

Mwizerwa ati: “Uhereye aho yasubiriyeyo, abantu bose baramuseka, abandi bakamushungera, abandi bakamusuzugura. Abona umurimo kuri umwe bimuruhije cyane.

Noneho ari hanyuma y'uko yari ari, inshuro ndwi, atarava mu mudugudu w'iwacu.

Mukristo ati: "Bamuhora iki, ko wumva bagaya urugendo yaretse? Mwizerwa ati: Baravuga bati: Yariguranuye; ntiyakomeje ibyo yatuye, yarabiretse: akwiriye gupfa. Ndatekereza yuko Imana yahagurukirije n'abanzi bayo kumucurira ingoni no kumuhindura iciro ry'imigani kuko yaretse inzira yayo.

Mukristo ati: "Utaravayo, ntimwavuganye?"

Mwizerwa ati: "Nari ngiye guhurira nawe mu nzira, maze akikira abwerabwera, nk'ufite isoni z'ibyo yakoze, ntitwagira icyo tuvugana".

Mukristo ati "Ngitangira urugendo, niringiraga uwo muntu yuko azahinduka mwiza, ariko none ndatinya yuko azarimbukana n'umudugudu wacu. Ibyamusohoyeho ni iby'uyu mugani w'ukuri ngo, Imbwa isubiye ku birutsi byayo; kandi ngo, Ingurube yuhagiwe isubiye kwigaragura mu byondo *(2 Petero 2:22)".*

Mwizerwa ati: "Nanjye ni byo ntinya kuri we; ariko ninde ubasha kubuza ibitazabura kubaho?"

Mukristo ati: "Ni uko nshuti yanjye Mwizerwa, iby'uwo reka tubiveho; tujye ku byacu ubwacu. Mbwira ibyo waboneye mu nzira, kuko nzi yuko hari ibyo wabonye; waba utabibonye byantangaza".

Mwizerwa ati: Nakize ya sayo namenye ko waguyemo, ngera no kuri rya rembo amahoro, uretse ko nahuye n'umugore witwa MUSAMBANYIKAZI, agashaka kungirira nabi".

Mukristo ati: "Ni byiza ko wakize ikigoyi cye. Na Yosefu yohejwe cyane nawe, aramukira, nk'uko nawe wamukize, ariko byashigaje ho hato bikamwicisha *(Itang 39:11-13)".* Yakugenjeje ate?

Mwizerwa ati: "Ntiwabasha kwigereraniriza gushimagiza kwe, keretse yuko nawe umuzi: yaranguyaguye ngo njyane nawe, ansezeranya ibinezeza by'uburyo bwose".

Mukristo ati: ”Ariko rero ntiyagusezeranije umunezero uturuka mu mutima wiyizihiwe ibyiza. Imana ishimirwe yuko wamukize: abanzi b'Uwiteka nibo bazagwa mu bushya bw'uwo”.

Mwizerwa ati: “Sinzi yuko namukize rwose”.

Mukristo ati: “Byagenze bite? Wemeye ibyo ashaka?”

Mwizerwa ati: “Sinamwemereye ngo niyanduze kuko nibutse, ibyanditswe ngo, intambwe ze ziherera ikuzimu *(Imigani 5:5).* Nicyo cyatumye mpumiriza ngo ntamureba, ikibengukiro cye kikandoga kikanyica. *(Yobu 31:1*). Maze arantuka nanjye ndagenda”.

Mukristo ati: “Nta kindi cyagutereye mu nzira?”

Mwizerwa ati: “Nageze munsi ya wa musozi witwa Biruhanya, mpura n'umusaza wa kera; ambaza uko ndi n'aho njya. Mubwira ko ndi umugenzi, njya mu rurembo rwo mu ijuru”. Uwo musaza arambwira ati: “Usa n'umunyangeso nziza: wakunda kunkorera nkazaguhemba?” Ndamubaza nti: “witwa nde? Utuye he?” Aransubiza ati: Ndi ADAMU WA MBERE; ntuye ku mudugudu w'i BUSHUKANYI (Abef 4:2). Ndamubaza nti: “Umurimo ukoresha ni umuki?” Uzampemba iki?” Aransubiza ati: ”Umurimo ngukoresha ni uw'umunezero w'uburyo bwinshi, ibihembo ni uko nzakuraga ibyanjye. Ndamubaza nti: “Ufite abana bangahe? Aransubiza ati mfite abakobwa batatu gusa; umwe yitwa RARIRYUMUBIRI, undi yitwa RARIRYAMASO, uwa gatatu yitwa NYIRABWIBONE (1 Yoh 2:16-17). Nushaka uzabarongore bose”. Ndamubaza nti: ”Urashaka ko ngukorera nkageza ryari?” Aransubiza ati: ”ndashaka ko unkororera ukageza igihe nzapfira”.

Mukristo aramubaza ati: ”Ibyawe n'uwo musaza byahereye he?”

Mwizerwa ati: “Nabanje kubyemera, kuko nagize ngo ibyo avuze ni byiza: maze tukiganira, mwitegereza mu ruhanga, mbona handitsweho ngo Mwiyambura n'umuntu wa kera n'ingeso ze”

Mukristo ati: “Nyuma bimera bite?”

Mwizerwa ati: “Maze byinjira mu mutima wanjye nk'umuriro waka, yuko n'aho yavuga byinshi, agashimagiza cyane, yamara kungeza iwe yangurira kuba imbata”. Ndamubwira nti: “Hora, kuko

nanze no kujya bugufi bw'irembo ry'urugo rwawe. Arantuka, ambwira yuko ari bunkurikize umuntu uri butume ngendana umubabaro mwinshi. Ndahindukira ngo ngende, maze ngihindukira numva afashe umubiri wanjye, awushikuza acyane, nibwira yuko asigaranye igice cyawo. Ndataka nti: "Ndababaye cyane *(Abarom. 7:24)"*. Nuko nkomeza urugendo, nzamuka wa musozi. Nywucagashije, ndeba inyuma, mbona umuntu unkurikiye, agenda nk'umuyaga. Angeraho nenda kugera kuri ka kazu ko kuruhukiramo.

Mukristo ati: "Niho nicaye ngo nduhuke, ibitotsi biranganza, ntakaza uyu muzingo w'igitabo, uva mu isaho y'umwenda yo mu gituza".

Mwizerwa ati: "Winsha mu magambo, mugenzi wanjye. Uwo mugabo angezeho, avuga ankubita, nikubita hasi, ndambarara nk'upfuye. Mpembutseho hato, mubaza icyo ankubitiye", Aransubiza ati: 'Ngukubitiye ko washakaga kujyana na Adamu wa mbere, kandi mu mutima wawe ukibishaka". Avuze ibyo, arongera ankubita cyane mu gituza, angarika hasi, ndambarara imbere y'ibirenge bye nk'upfuye, nk'uko nari ndi. Ndongera ndahembuka, ndamutakira nti "Mbabarira": aransubiza ati: "Sinzi kubabarira". Arongera arankubita, ngwa hasi. Ntaba yarabuze kunyica, ni uko haje umuntu, akamubuza.

Mukristo ati: "Uwamubujije ni nde?"

Mwizerwa ati: "Ubwa mbere sindakamumenya, maze agiye kunshaho, mbona mu biganza bye no mu rubavu rwe inkovu z'imbereri, menya ko ari Umwami wacu. Nuko nkomeza kuzamuka wa musozi".

Mukristo ati: "Uwagukurikiye ni MOSE. Nta we ababarira; ntazi kugirira ibambe abishe amategeko ye".

Mwizerwa ati: "Ibyo ndabizi neza: icyo gihe sicyo twabanje guhura, Ni we wazaga aho ndi; nkiba iwacu mu mahoro, ambwira yuko azantwikira mu nzu, ninkomeza kugumayo".

Mukristo ati: "Ariko ntiwabonye ya nzu, yubatswe mu mpinga y'umusozi wahuriyeho na Mose?"

Mwizerwa ati: ”Narayibonye, mbona na za ntare, ntarageraho. Ariko ngira ngo zari zisinziriye ntarayigeraho, kuko hari nko ku manywa y'ihangu.

Ni cyo cyatumye mbonye ko hakiri kare, nyura ku kazu ka wa mukumirizi, manuka wa musozi”.

Mukristo ati: “Yambwiye yuko yakubonye uhanyura: ariko ibyabaye byiza ni uko wavunyishije, ukigera muri iyo nzu. Baba barakweretse ibintu byinshi byiza utazibagirwa iteka ryose. Ntawe mwahuriye mu gikombe cyitwa Mucishabugufi.

Mwizerwa ati: “Nahuye n'umuntu witwa MIBURO, ashaka kunyoshya gusubiranayo nawe, kuko yagize ngo icyo gikombe ntikirimo MWIZERWA icyubahiro na gike. Kandi yambwiye yuko ninjya muri cyo, nziyangisha inshuti zanjye zose, nka BWIBONE na GASUZUGURO na NZIMARIZA na NKUNDICYUBAHIRO n'abandi. Ati abo bose bazabigaya cyane: ni ukwiteza igisuzuguriro kunyura muri icyo gikombe.

Mukristo ati: “Wamushubije ute?”

Mwizerwa ati: ”Naramushubije nti: Abo uvuze abo bose babasha kwiyita bene wacu, sinabihakana (kuko ku mubiri ari ko bari), ariko uhereye aho nabereye umugenzi, baranshiye, nanjye ndabareka, none ntacyo duhuriyeho; ntibatandukana n'abo tudafitanye isano. Kandi iby'icyo gikombe siko biri, kuko guca bugufi kubanziriza kubahwa, kandi kwibona kubanziriza gusubizwa hasi. Nicyo gituma nakunda kunyura muri icyo gikombe, ngo mbone kubahwa no gushimwa n'abarusha abandi ubwenge nyabwenge, nkabirutisha ibyo uvuze ko dukwiriye gushaka.

Mukristo ati: “Nta kindi wabonye muri icyo gikombe?” Mwizerwa ati nahuye n'umuntu witwa Soni, ariko nta wundi twahuriye muri uru rugendo rwose, umurusha kwitwa impushyane. Wa wundi naramuhakaniye tumara akanya tujya impaka, yemera ko birangiye: ariko Soni uwo w'umunyasoni nke ntiyarambirwa no kunyoshyoshya.

Mkristo ati: ”Yakubwiye iki?

Mwizerwa ati: Yasebyaga kubaha Imana ubwako. Yavuze yuko kwita ku byo kubaha Imana biteye igisuzuguriro n'umugayo no kubwerabwera. Ati: "Uwumvira umutima ukabya kumuhana uwo si umugabo nyamugabo. Kandi umuntu azasekwa na bose niyirinda mubyo akora akiyima umudendezo ufatanye n'agasuzuguro bikundwa n'abanyacyubahiro b'iki gihe. Ati: ni bake cyane bo mu bakomeye cyangwa abatunzi cyangwa abanyabwenge bigeze gutekereza nkawe: kandi ntawo muri abo bake wigeze kubyemera, atabanje koshywa guhinduka umupfapfa no kwiyambura ubwenge no guharira ibye byose kubona ibitazwi n'undi wese *(1 Abakor 1:26; 3:18; Abafil 3:7-9; Yoh 7:48)*. Ati: mu bihe byose abanyacyubahiro gike n'aboroheje n'abanyabwenge buke bwo gucurika iby'isi nibo babaye abagenzi. Kandi yavuze n'ayandi magambo menshi nk'ayo. Ati biteye isoni kujya mu rusengero, ukicara ubabazwa, urizwa n'ibyo ubwirizwa, ugataha iwawe usuhuza umutima, uniha. Ati: Biteye isoni gusaba mugenzi wawe kukubabarira ibyaha bito wamugiriye, cyangwa kuriha umuntu ibyo wamuriganije. Kandi yavuze ko kubaha Imana gutuma umuntu adakunda kubana n'abanyacyubahiro, abahoye ingeso mbi nke (ku bwe azita nziza): akubaha aboroheje, abakundira ko basangiye Imana: ati ibyo nabyo ntibiteye isoni se?

Mukristo ati: Wamushubije iki?

Mwizerwa ati: Nabanje kutabona icyo musubiza, kuko yangishije impaka cyane, ipfunwe rikantera gutugengeza amaraso: yari asigaje ho hato akansinda. Maze ubwa nyuma nibuka yuko igishyizwe hejuru mu maso y'abantu ari ikizira mu maso y'Imana *(Luk 16:15)*. Kandi ndibwira nti Soni uyu ambwiye uko abantu bari, ariko ntambwiye uko Imana iri cyangwa ijambo ryayo uko rivuga. Ndibwira nti ku munsi w'amateka, ubwo tuzacibwa imanza zo kurimbuka cyangwa zo guhabwa ubugingo budashira, ntituzacirwa iz'uko twanyuranyije n'iby'abanyagasuzuguro bo mu isi bibwira, ahubwo tuzacirwa iz'uko

twanyuranije n'ubwenge n'amategeko by'Isumbabyose. Nicyo gituma ibyo Imana ivuga ari byo byiza, n'ubwo abari mu isi bose babihakana. Nuko mbwira Soni, nti Soni, genda, uri umwanzi w'agakiza kanjye. Nabasha nte kukwemerera kukurutisha Umwami wanjye? Nakwemera, nabasha nte kuzamureba mu maso ubwo azaza? *(Mar 8:38)* Nigirira isoni none n'abagaragu be n'ingeso akunda, nakwiringira nte kuzahabwa umugisha? Ariko Soni uwo yari impambiranyi: kumwiyaka kwaranduhije cyane. Yaranyegeraga cyane, akanyongorera akajambo kagayisha Imana. Nyuma ndamubwira nti: ibyo unyoshya ibyo ni ukurushywa n'ubusa, kuko ibyo usuzugura ari byo mbonamo icyubahiro gikomeye. Ni uko mperuka guca kuri iyo mpambiranyi. Maze kumwiyaka ndaririmba nti:

Abahamagarwa n'Iyo mu ijuru
Ntibasiba koshywa n'umushukanyi.
Uwo yizigiraga yuko iherezo
Ibyo aboshyoshya bizabacogoza.
Noneho bagenzi, nimukanguke,
Mwiragize Yesu, mube intwari ze (Ijwi 99)

Mukristo ati: "Nshimiye yuko warwanije uwo mubi ubutwari: kuko wavuze neza yuko ntawe umurusha kwitwa impushyane. Ahangara no kudukurikira mu nzira, akagerageza kudukoreza isoni imbere y'abantu bose, adutera isoni z'ibyiza. Iyo ataba umunyasoni nke, ntaba agerageza gukora ibyo. Ariko tumurwanye dukomeje, kuko n'ubwo yirarira atyo, umupfapfa ari we ashyira hejuru, nta wundi. Salomo yaravuze ati: Umunyabwenge azaragwa ubwiza, ariko isoni zizaba gushyirwa hejuru kw'abapfu *(Imigani 3:35)*

Mwizerwa ati: Dukwiriye gusaba Imana ngo idutabare, iduhe kunesha Soni, kuko ari yo ishaka ko tugira ubutwari bwo kurwanira ukuri mu isi.

Mukristo ati: Ni koko. Ariko se, hari undi mwahuriye muri icyo gikombe?

Mwizera ati: Ntawe, nanyuze ahasigaye hacyo na cya

gikombe cy'igicucu cy'urupfu cyose, mvirwa n'izuba ridakingirwa n'ibicu.

Mukristo ati: Warahiriwe: Jyeweho byabaye ukundi rwose. Nageze muri cya gikombe cyitwa Mucishabugufi, nyuramo akanya, ndwanya daimoni mubi cyane Apoluoni intambara ikomeye. Ndetse nkagira ngo aranyica; cyane cyane antsinze hasi, aranshikamira cyane nk'ushaka kumvunagura. Kandi akintsinda hasi, inkota yanjye tugwa ukubiri, arambwira ati: Ndagushyikiriye. Maze ntakira Imana, iranyumva, inkiza amakuba yanjye yose (*Zab 34:6*). Nuko ngera mu gikombe cy'lgicucu cy'Urupfu, nkigendamo mu mwijima, ngeze aho ngicagashirije. Nibwiraga hato na hato ko ndi bupfiremo. Bishyize kera, buracya, izuba rirarasa, nyura mu gisigaye gifite uruburaburizo.

15. MAGAMBO

NDOTA yuko bakigenda, Mwizerwa yarebye iruhande, abona umuntu witwaga MAGAMBO, abagenda uruhunge, kuko aho hantu inzira yari ngari, babashaga kugenda babangikanye. Yari umugabo muremure w'igikundiro, agituruka kure; wamwegera, igikundiro cye kikagabanuka ho hato.

Mwizerwa aramubaza ati Urajya he? Urajya mu gihugu cyo mu ijuru?

Magambo ati: Niho njya.

Mwizerwa ati: Ni byiza: noneho tujyane.

Magambo ati: Nanjye ndabikunze cyane.

Mwizerwa ati: Nuko tugende tuganira ibigira umumaro.

Magambo ati: Nkunze cyane kuvugana ibyiza nawe cyangwa n'undi wese: nishimiye yuko mpuye n'abantu bakunda kuganira ibyiza, kuko abashaka kuganirira ibyiza mu rugendo ari bake. Abenshi bakunda kuganira ibitagira umumaro. Ibyo bihora bimbabaza.

Mwizerwa ati: Ni ukuri koko ni ibyo kubabaza umuntu. Mbese, hari undi murimo w'ururimi n'akanwa by'umuntu wo mu isi, uhwanye n'uwo kuvuga iby'Imana yo mu ijuru?

Magambo ati: Ndagukunze cyane, kuko uvuze ibifite uburyo bwo kwemeza umuntu. Ni kindi ki kinezeza, kigira umumaro, nko

kuganira iby'Imana? Ni kindi ki gihwanye n'ibyo kunezeza umuntu ukunda kunezezwa n'ibitangaza? Umuntu nakunda kugira ibitekerezo by'ibyabaye, cyangwa ibyahishwe, cyangwa imirimo ikomeye n'ibitangaza n'ibimenyetso, ibyo yabibona he? Byanditswe neza nk'uko biri mu Byanditswe Byera?

Mwizerwa ati: Uvuze ukuri; ariko icyo dukwiriye gushaka ni ukubona umumaro mu byo tuganira ibyo.

Magambo ati: Si cyo mvuze se? Kuganira ibyo kugira umumaro mwinshi, kuko ubivuga na we bishobora kumwigisha byinshi ku mumaro muke w'iby'isi n'umumaro mwinshi w'ibyo mu ijuru n'ibindi byinshi. Cyane cyane umuntu abasha kumenya yuko akwiriye kubyarwa ubwa kabiri, kandi yuko imirimo yacu itarangiza kudukirisha, kandi yuko dukwiriye kubarwaho gukiranuka kwa Kristo, kandi yamenya n'ibindi nk'ibyo. Kandi kuganira iby'Imana kwakwigisha umuntu kwihana uko ari ko, no kwizera no gusenga no kwihangana ibyo ari byo, n'ibindi nk'ibyo. Kandi uko kuganira kwakwigisha umuntu ibyasezeranijwe bikomeye byo mu butumwa bwiza n'ibyo kumuhumuriza n'ibyo kumumara umubabaro ngo bimukomeze, kandi niko kwamwigisha gutsinda imyigishirize y'ibinyoma no kugira impaka neza iby'ukuri no kwigisha abaswa.

Mwizerwa ati: Ibyo byose ni iby'ukuri: nishimiye kumva ubivuga. Magambo ati: kudakunda kuganira iby'Imana niyo mpamvu ituma ari bake bazi yuko bakwiriye kwizera no gukorerwamo umurimo w'ubuntu mu mitima yabo, kugira ngo bahabwe ubugingo budashira: ahubwo abenshi barajijwa bakajya bakurikiza imirimo itegetswe n'amategeko itabasha na hato guhesha umuntu ubwami bwo mu ijuru.

Mwizerwa ati: Ariko kumenya ibyo ni impano y'Imana: ntawe ubigezwaho no guhirimbana kwe kwa kamere cyangwa no kubivuga gusa.

Magambo ati: Ibyo ndabizi neza: kuko ari ntacyo umuntu abasha kwakira atagihawe kivuye mu ijuru: byose bituruka mu buntu bw'Imana, ntibituruka mu mirimo yacu. Nabasha kuguhamiriza ibice ijana byo mu Byanditswe Byera byerekana ibyo.

Mwizerwa ati: Nuko zana kimwe dutangiriraho ibiganiro byacu.

Magambo ati: Ba ari wowe utoranya. Tuganire ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, iby'Imana cyangwa iby'abantu, ibyabaye cyangwa ibizaba, ibyo mu mahanga cyangwa iby'iwacu, iby'ibikwiriye iteka ryose, cyangwa iby'ibigira umumaro rimwe na nimwe. Ibyo nshaka gusa ni uko tuvuga ibitugirira umumaro.

Mwizerwa aratangira, yongera gusanga Mukristo aramwongorera ati: Turahiriwe kuko tubonye uyu muntu mwiza. Ntazabura guhinduka ngo abe umugenzi mwiza cyane.

Mukristo aramwenyura, aramubwira ati: Uyu muntu ukunze utyo yabeshya abatamuzi makumyabiri.

Mwizerwa ati: Mbese uramuzi?

Mukristo ati: Uko muzi biruta uko yiyizi,

Mwizerwa ati: Yitwa nde?

Mukristo ati: Yitwa Magambo; atuye mu mudugudu wacu. Ntangajwe n'uko utamuzi, ahari ni uko umudugudu wacu urimo abantu benshi.

Mwizerwa ati: Ni mwene nde? Atuye ahagana he?

Mukristo ati: Ni mwene VUGANEZA. Atuye ku murenge witwa MUVUGABUPFU. Ngo iby'igikundiro, ni umunyamumaro-muke. Mwizerwa ati: Ku bwanjye mbonye ko ari mwiza cyane.

Mukristo ati: Niko abonekera abatamuzi neza; kuko ubwiza bwe bubonwa cyane, ari kure y'iwabo; iyo ageze bugufi bwaho, aba mubi. Mwizerwa ati: Ahari urakina: nabonye umwenyura.

Mukristo ati: Ntibikabeho. N'ubwo namwenyuye, ibyo sinabikinisha, kandi sinabeshyera umuntu. Reka nongere, ngusobanunire uko ari. Akunda-kubana n'umuntu wese, uko ari kose, agakunda ibiganiro byose. Uko aganiriye nawe none, niko azaganira n'abandi niyicara mu banywi; uko inzoga imugwira mu mutwe, niko arushaho kuganira nk'ibyo yaganiriye nawe. Kubaha Imana ntikuri mu mutima we, cyangwa mu nzu ye, cyangwa mu ngeso ze, uko afite kose kuri ku rurimi rwe: kuri we kubaha Imana ni ukubomborekanya ururimi rwe.

Mwizerwa ati: Ni ko biri? Niba ari ko biri najijwe cyane; ntameze uko namutekerezaga.

Mukristo ati: Wajijwe koko. lbuka wa mugani ngo, Ibyo bavuga ntibabikora; ariko ubwami bw'Imana si ubw'amagambo, ahubwo ni ubw'imbaraga (*Mat 23: 3; 1 Abakor 4:20).* Avuga cyane ibyo gusenga no kwihana no kwizera no kubyarwa ubwa kabiri; ariko nta byo afite; azi kubivuga gusa. Nabaye mu nzu ye, namwitegereje ari iwe, kandi ari ahandi: nzi yuko ibyo muvuzeho ari ukuri. Inzu ye ntirimo kubaha Imana nk'uko umurenda w'igi utarimo akaryohe. Iyo ari iwe, ntasenga, ntiyihana ibyaha bye; inyamaswa uko ziri zimurusha cyane gukorera Imana. Azanira kubaha Imana ikizinga n'igitutsi n'isoni mu maso y'abamuzi bose *(Abaroma 2:24-25).* Muri icyo gice cy'umudugudu wacu niwe watumye hatagira n'umwe uvuga neza kubaha Imana. Aboroheje bamuzi baramuvuga bati: Mu nzu ye ni daimoni, ahandi ni uwera. Mbabariye abari iwe, bazi yuko ari ko ari. Ni umunyamwaga n'umunyarutoto. Akoresha umuntu ibyo adashoboye: abagaragu be ntibazi uko bamukorera; biganya kumubwira. Abagura nawe bavuga yuko kugura n'umupagani kuruta kugura nawe, kuko umupagani uko ari yagura neza kumurusha. Magambo yabibasha yabariganya, akabahenda. Kandi yigisha abana be kugera ikirenge mu cye; iyo abonye muri bo utewe no gutinyishwa n'ubusa (niko yita umutima utangira gusa kwanga ibyaha), amwita umupfapfa utagira icyo azi, ntakunde kumukoresha imirimo ikomeye, cyangwa kumushimira imbere y'abandi. Ku bwanjye ngira ngo yagushishije benshi ingeso ze mbi; kandi Imana nitabibuza, azazirimburisha n'abandi benshi.

Mwizerwa ati: Mwene Data, sinakwanga kwemera ibyo uvuze, si uko uvuze ko umuzi gusa, ariko kandi n'uko ubara inkuru z'abantu nk'uko bikwiriye Umukristo. Sinatekereza yuko ubivugishijwe n'urwango, ahubwo ni uko bimeze nk'uko uvuze.

Mukristo ati: lyo ntakurusha kumumenya, ahari mba namushimye nk'uko wabanje kumushima: kandi iyo avugwa nabi n'abanga kubaha

Imana bonyine, mba naratekereje yuko bamubeshyera, nk'uko abantu babi bakunda kubeshyera abububaha Imana. Ariko ibyo mvuze n'ibindi byinshi bihwanye na byo, mbasha kubimushinja nanjye ubwanjye. Kandi abububaha Imana abakoza isoni; ntibatinyuka kumwita mwene Se cyangwa inshuti yabo; no kumva izina rye gutera abamuzi ipfunwe.

Mwizerwa ati: Mbonye yuko kuvuga no gukora bitagira aho bihuriye: uhereye none nzajya nibuka iryo tandukaniro neza.

Mukristo ati: Ntibigira aho bihuriye koko, bitandukana nk'uko ubugingo butandukana n'umubiri. Nk'uko umubiri udafite ubugingo ari intumbi gusa, niko kuvuga kuri konyine ari intumbi gusa. Ubugingo bwo kubaha Imana ni ugukora ibihura na ko: nk'uko Yakobo yavuze ati: Kubaha kwiza kutandura imbere y'Imana Data wa twese ni ugusura imfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo no kwirinda kutanduzwa n'ibyi'isi *(Yak 1:27, reba na 1:22-26)*. Magambo ntazi ibyo, Yibwira yuko kumva no kuvuga bihagije guhindura umuntu Umukrito mwiza. Niko yibeshya. Kumva ni nko kubibwamo imbuto, kuvuga ntikurangiza kwerekana yuko umutima w'ingeso byeza imbuto. Tumenye neza yuko ku munsi w'amateka abantu bazacirwa imanza zihwanye n'imbuto beze *(Mat. 7:79)*. lcyo gihe, ntibazabazwa ngo Mwarizeraga: ahubwo bazabazwa ngo Mwarakoraga cyangwa mwaravugaga gusa. Maze bacirwe imanza z'ibyo. Igitabo cy'Imana kigereranya imperuka y'isi n'isarura; kandi nzi yuko mu isarura ntawe usarura ibyagumbwa. Si ukuvuga yuko hari icyemerwa kidaturutse ku kwizera, ahubwo ibyo mvuze byerekana yuko ibyo Magambo yatura bitazagira umumaro kuri uwo munsi.

Mwizerwa ati: lbyo binyibukije ibyo Mose yavuze byo gutandukanya inyamaswa itazira n'izira. Itazira n'iyatuye inzara, ikuza; si iyatuye inzara gusa, cyangwa iyuza gusa. Urukwavu ruruza, ariko rurazira, kuko rutatuye inzara. *(Abalewi 11:1-8)*. Ibyo bihwanye koko n'ibya Magambo. Aruza: ashaka ubwenge, akuza ljambb ry'Imana. Ariko ntiyatuye inzara: ntatandukana n'inzira y'abanyabyaha. Ahubwo ameze nk'urukwavu, kuko afite ijanja nk'iry'imbwa cyangwa iry'impyisi. Nicyo gituma azira.

Mukristo ati: Usobanuye neza ayo magambo y'Ibyanditswe Byera, Nanjye mfite ibyo nshaka kongeraho. Hariho abo Pawulo yita imiringa ivuga n'ibyuma birenga *(1 Abakor 13:1-3)*, kandi abo ni abanyamagambo menshi.
Ahandi abita ibidafite ubugingo bigira amajwi *(1 Abakor14.)*. Ni ibidafite ubugingo: bisobanurwa ngo ni abadafite kwizera nyakuri n'ubuntu nyakuri bivugwa n'Ubutumwa bwiza nicyo gituma batazashyiranwa mu bwami bwo mu ijuru n'abana b'ubugingo, naho ijwi ryabo no kuvuga kwabo byahwana n'ibya ba marayika.

Mwizerwa ati: Uko nashakaga kugumana nawe ubwa mbere ntikungana n'uko murambiwe kuri ubu. Tugire dute ngo tumwiyake? Mukristo ati: Reka nkugire inama; unyumvire: urabona nawe akurambiwe, keretse Imana yakora ku mutima we, ikawuhindura.

Mwizerwa ati: Urashaka ko ngira nte?

Mukristo ati: Genda uganire nawe iby'imbaraga zikoresha umuntu ibyo Imana ikunda. Namara kubishima (kuko atari bubure kwemera ibyo uvuze), umubaze umweruriye yuko izo mbaraga ziba mu mutima we, zikagaragara mu nzu ye no mu ngeso ze.

Mwizerwa yicuma imbere, yegera Magambo, aramubaza ati: Wiriwe ute?

Magambo aramusubiza ati: Niriwe neza: ariko iyo tuba tukiganira tukageza ubu, tuba tuganiriye byinshi.

Mwizerwa ati: Tuganire: kandi ubwo wemeye ko aba ari jye ubanza kukubaza, ndakubaza ibi: Ubuntu bw'Imana bukiza bwo mu mutima w'umuntu bwiyerekana bute?

Magambo ati: Mbonye yuko tugiye kuganira iby'imbaraga zo kubaha Imana. Nuko ubajije neza; nanjye ndagusubiza. Irya mbere, iyo ubuntu bw'Imana buri mu mutima w'umuntu, bumutera kuborozwa n'ibyaha bye, akabigaya. Irya kabiri …

Mwizerwa ati: Ba uretse. Reka tubanze tumare rimwe. Ahubwo wari ukwiriye kuvuga uti: Ubuntu bw'Imana bwiyerekana kuko bwangisha umutima ibyaha byawo.

MAGAMBO

Magamho ati: Kuborozwa n'ibyaha no kubyanga bitandukana bite?

Mwizerwa ati: Itandukaniro ni ryinshi. Umuntu yaborozwa n'ibyaha ngo yibonere ibigira icyo bimumarira; ariko ntabasha kubyangishwa n'ikindi keretse Imana ari yo ibimwangishije. Numvise benshi baborozwa n'ibyaha bakabwiririza abantu mu rusengero, ariko mu mitima yabo no mu ngo zabo no mu ngeso zabo, bakemera kugumana na byo. Nyirabuja wa Yosefu yatakishije ijwi rirenga nk'uwirinda gusambana cyane: ariko n'ubwo yatatse atyo, iyo Yosefu akunda, aba yarasambanye nawe, abikunze cyane *(Itang 39:12-15)*. Bamwe baborozwa n'ibyaha nk'uko nyina acyaha akana akikiye, ati: Wa munyamwanda we, wa gakobwa kabi we: maze ubwa nyuma akamuhobera, akamusoma.

Magambo ati: Mbonye yuko ushaka kuntegesha amagambo.

Mwizerwa ati: Oya, icyo nshaka ni ugutunganya ibyo uvuze gusa. Ariko irindi jambo rya kabiri ni irihe rigaragaza Ubuntu bw'Imana bukorera mu mutima w'umuntu?

Magambo ati: Ni uko amenya cyane ibyahishwe byo mu Butumwa Bwiza.

Mwizerwa ati: Icyo kimenyetso ni cyo cyari gikwiriye kubanza. Ariko naho cyabanza cyangwa kigaheruka, nacyo si ikimenyetso cy'ukuri, kuko umuntu yabasha kumenya ibyahishwe byo mu butumwa bwiza, ntakorerwemo n'ubuntu bw'Imana. Ndetse naho umuntu yagira ubwenge bwose, byashoboka ko ari nta cyo ari cyo, bigatuma ataba umwana w'Imana *(1 Abakor 13:2)*. Hariho kumenya kudafatana no gukora: nk'uko Yesu yavuze ati: Uzi ibyo shebuja ashaka ntabikore, azakubitwa inkoni nyinshi *(Luk 12:4)*. Umuntu yabasha kumenya byinshi nk'ibitazwi na marayika, ntabe Umukristo. Nicyo gituma ikimenyetso cyawe atari icy'ukuri. Ndetse kumenya kunezeza abanyamagambo n'abirarira, ariko gukora ni ko kunezeza Imana. Si ukuvuga yuko umutima ubasha gutungana udafite ubwenge bw'iby'Imana, kuko umutima utagira ubwo bwenge uba ntacyo ari cyo. Hariho ubwenge bw'uburyo bwinshi: bumwe ni ubwo gutata iby'Imana gusa. Ubundi bufatanye n'ubuntu no kwizera

bituruka mu rukundo, bushakisha umuntu gukora ibyo Imana ikunda, abikundishije umutima wose. Ubwa mbere buhaza umunyamagambo, ariko Umukristo nyakuri ahazwa n'ubwa kabiri bwonyine. Nk'uko byanditswe ngo Umpa ubwenge, kugira ngo nitondere amategeko yawe; nyitondereshe umutima wose *(Zab 119:34).*

Magambo ati Wongeye gushaka kuntegesha amagambo; ibyo si ibyo gukomeza umuntu.

Mwizerwa ati: Ongera umbwire ikindi kimenyetso kigaragaza yuko Ubuntu bw'Imana bukorera mu muntu.

Magambo ati: Oya mbonye yuko tutari buhuze umutima.

Mwizerwa ati: Nudakunda kumbwira icyo kimenyetso, nyemerera nkikubwire.

Magambo ati: Kivuge.

Mwizerwa ati: Ubuntu bw'Imana bwiyerekana mu mutima w'umuntu, bukagaragarira n'abandi butya: ubufite bumwemeza ko ari umunyabyaha, cyane cyane yuko kamere ye yanduye, kandi ko afite icyaha cyo kutizera; kandi bumwemeza yuko ibyo bitazabura kumuzanira gucirwaho iteka natizera Yesu Kristo akamuhesha kubabarirwa n'Imana. Uko kwimenyaho ibyaha bikamuzanira kugira agahinda n'isoni by'ibyaha bye *(Zab 38:18; Yoh 6:18; Abarom 7:24; Mar 16:16; Abagal 2:16; Ibyahish 1:6),* kandi akamenya ko ahishuriwe ko Yesu ko ari we Mukiza w'abari mu isi; kandi yuko ushaka ubugingo budashira akwiriye rwose kumugundira. Ibyo bikamutera kumugirira inzara n'inyota. Abagira batyo nibo bahabwa ibyasezeranijwe byo mu Butumwa. Uko kwizera umukiza we kungana, niko n'urukundo akunda gukiranuka rungana, niko no kwifuza kurushaho kumenya Yesu no kumukorera muri iyi si kungana. Abandi babana nawe berekwa uwo murimo w'ubuntu bumurimo batya.

1. Bawerekwa n'uko ahamya ibya Kristo, uko n'ibyo yamukoreye
2. Bawerekwa n'ingeso ze zihwanye n'uko guhamya: bisobanurwa ngo ahora ari ukiranuka mu bugingo bwe no mu byo agirira umugore we n'abana be, niba abafite, no mubyo agirira

abandi. Mu bugingo bwe, yanga ibyaha akabyirinda; ab'iwe nabo iyo ababonye babikora, arabahana n'ab'ahandi hose agira umwete wo kubakundisha ibyo gukiranuka. Ntabivuga gusa, nk'indyarya cyangwa abanyamagambo, ahubwo abisohoza mubyo akora byose, nk'uko Imana ibimutegeka mu ijambo ryayo, abiterwa no kuyizera n'urukundo rwayo *(Zab 50:23; Mat 5:8; Yoh 14:15;Abarom 10. zo; Abafil 1:27; 3:17)*. Nuko maze kukubwira mu magambo make iby'umurimo w'ubuntu bw'Imana n'uko bwiyerekana. Niba ufite impaka ubigisha, uzibigishe. Kandi niba utazifite, nyemerera, nkubaze ijambo rya kabiri.

Magambo ati: Oya sinjya impaka nonaha, ahubwo nemeye kukumva: mbaza iryo jambo rya kabiri.

Mwizerwa ati: Nkubaze ijambo ryanjye rya kabiri. Mu mutima wawe ubonye uwo murimo w'ubuntu, nk'uko nywuvuze? Ingeso zawe zirawuhamya, yuko ari ko uri? Cyangwa kubaha ni ukw'amagambo n'ururimi, kutari ukw'imirimo n'ukuri? Ndakwinginga niba wemeye kunsubiza ibyo, ntumbwire amagambo utazi ko Imana yayashima ko ari ay'ukuri. Ntumbwire ijambo umutima wawe utabasha guhamya; kuko uwiyogeza atari we ushimwa, keretse uwo Umwami wacu yogeza, niwe ushimwa *(2 Abakor 10:18)*. Kandi kwivuga uti meze ntya na gutya, ingeso zawe n'abaturanyi bawe bose bigahamya yuko ubeshye, ni icyaha gikomeye cyane. Magambo yumvise ibyo, abanza kugira ipfunwe; ageze aho ariyumanganya, aramusubiza ati: Noneho ngeze ku mimerere y'abantu, no kubyo biyiziho, no kubyo Imana ibatekerezaho. Kandi urashaka ko nyitangaho umugabo w'ibyo mvuga. Sinari nzi yuko uri buvuge nk'ibyo. Nanjye sinkunda gusubiza ibisa bityo: sinemeye no kwigira umucamanza w'ibyanjye, ariko ndakwinginze, mbwira igituma ubaza ibyo.

Mwizerwa ati: Ni uko nabonye ukunda kuganira, kandi ni uko ntamenye yuko ubizi ubwawe cyangwa ko ari ikekwe gusa. Kandi reka nkubwire iby'ukuri byose: numvise yuko kubaha kwawe ari ukw'amagambo gusa, kandi yuko ingeso zawe zinyurana n'ibyo watura. Bavuga yuko uri ikizinga mu Bakristo, kandi yuko ingeso zawe mbi

---

Abarom 10. zo Ntabwo byoroshye kumenya neza iby'izi nyuguti ziyongereye kuri Abarom 10. Ahubwo muri Yakobo 1:22 tuhasaga amagambo avuga ngo Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka

zakojeje isoni kubaha Imana; ngo bamwe bamaze kugushwa n'ingeso zawe, abandi benshi bari mu kaga ko kurimbuzwa na zo; ngo kubaha kwawe kubasha gufatana no kwicara mu munywi no kwifuza ibiteye isoni no gusambana no gutuka Imana no kubeshya no kubana n'abantu babi. Umugani baca ku musambanyikazi wagucirwaho, ngo umukobwa aba umwe, agatukisha bose; niko nawe uri umwe, ugatukisha Abakristo bose.

Magambo ati: Ubwo ukunda gushyushya inkuru no guca urw'umwe, mbonye yuko uri umunyacyanganga n'inyangabirama. Kuganira kwawe ntacyo bimaze; nuko urabeho.

Maze Mukristo yegera Mwizerwa, aramubwira ati: Sinakubwiye uko biri bube? Ibyo umubwira ntibihura n'ibyo yifuza. Akunda gutandukana nawe biruta kwitunganya. Aragiye, nuko nagende. Niwe wigiriye nabi. Kandi intumwa Pawulo yarategetse iti: ujye utandukana n'abameze batyo.

Mwizerwa ati: Nishimiye yuko naganiriye nawe ibyo: ahari azongera abyibuke. Kandi namweruriye, yarimbuka amaraso ye ntiyambaho.

Mukristo ati: Wakoze neza yuko wamweruriye. Muri iyi minsi, abenshi ntibakunda kubwira bagenzi babo ibikwiriye bitanezeza nk'ibyo. Nicyo gituma kubaha Imana kwangwa urunuka n'abantu benshi, kuko abanyamagambo bameze nk'uriya bubaha Imana mu magambo gusa, bagira ingeso mbi rwose. Kuko bemererwa kubana n'Abakristo, nibo bashidikanisha ab'isi, bagakoza isoni ubukristo bagororotse. Icyampa abantu bose bakagirira abameze batyo nk'ibi ugiriye uriya: ahari bahinduka abakora ibikwiriye abubaha Imana, cyangwa batinya Imana n'abera. Mwizerwa aherako araririmba ati:

Erega Magambo we,
Koko uvuga neza!
Uzi gusobanura
Iby'Imana byose. Ibyo bigushakisha

MAGAMBO

Kwigira munini,
Kandi uko kwiyemera,
Mbese uzabigeza he?
Reka tukwibarize?
Ku bugingo bwawe:
Warihannye uzinukwa
Ibyo Imana yanga?
Mbe, ko udashubije?
Nta magambo ufite?
Turakubababariye
Ibyo ntibikurimo (Ijwi 419)

Nuko bagenda baganira ibyo babonye mu nzira: ibiganiro byabo bibibagiza kuramba k'urugendo rwabo rwo mu butayu.

16. URUREMBO RWIMBURAMUMARO

BAGIYE kuva muri ubwo butayu, Mwizerwa areba inyuma, abona ubakurikiye, aramumenya, abaza mugenzi we, ati: Uriya ni nde? Mukristo nawe areba inyuma, aramusubiza ati: Ni inshuti yanjye nziza Mubwirizabutumwa. Mwizerwa ati: Kandi ni iyanjye, kuko ari we wanyeretse inzira ijya kuri rya rembo. Abagezeho arabasuhuza ati: Abo nkunda cyane, amahoro abe muri mwe!

Mukristo ati: Urakaza neza, Mubwirizabutumwa nishimiye kukubona, kureba mu maso hawe kunyibukije kugira neza kwawe kwa kera n'uko utarambirwaga kungira inama z'iby'ubugingo budashira. Mwizerwa nawe ati: Ni amahoro, Mubwirizabutumwa? Nanjye nishimiye cyane kukubona. Kubana nawe kuradufasha cyane abagenzi b'abakene.

Mubwirizabutumwa arababaza ati: Uhereye igihe duherukana, ibyababayeho ni ibiki? Mwabonye iki mu rugendo rwanyu? Mwabaye mute?

Mukristo na Mwizerwa bamutekerereza ibyababereyeho mu nzira byose, n'uko bageze aho bari bibaruhije cyane.

Mubwirizabutumwa ati: Ndishimye cyane, ariko sinishimiye yuko mwabonye ibyago, ahubwo nishimiye yuko mwanesheje, mugakomeza kuguma muri iyi nzira, mukageza ubu, n'ubwo mwagushijwe kenshi n'intege nke zanyu. Mbyishimiye cyane ku bwanjye no ku bwanyu. Narabibye, murasarura. Igihe kizaza vuba, ubwo umubibyi n'umusaruzi bazanezeranwa *(Yoh 4:36),* nimukomeza: kuko byanditswe ngo igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari *(Abagal 6:9).* Ikamba ritangirika riri imbere yanyu: mwiruke neza kugira ngo muzarigororerwe *(1 Abakor 9:24-27).* Hariho bamwe bagendera kugira ngo bahabwe iryo kamba, ariko bagera kure, undi akaza akaribanyaga: nkuko byanditswe ngo komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe *(Ibyahish 3:11).* Nturageza aho Satani atageza imyambi; nk'uko byanditswe ngo ntimuragera kubyo kuva amaraso mu ntambara murwanya ibyaha *(Abaheb 12:4).* Ubwami bw'Imana bubabe imbere iteka; mwizerane umwete ibitagaragara. Mubyo mureba mutaragera muri ya si yindi, he kugira icyo mukunda. Kandi cyane cyane murinde imitima yanyu no kwifuza kwayo, kuko irusha ibintu byose gushukana, kandi ifite indwara, ntiyizera gukira *(Yerem 17:9).* Mwikomeze, imbaraga zose zo mu ijuru n'isi ziri mu ruhande rwanyu.

Mukristo amushimira guhugura kwe, kandi amusaba kubabwira ibizabafasha mu nzira isigaye; cyane cyane kuko bari bazi ko ari umuhanuzi ubasha kubabwira ibyababaho, n'uko babasha kubirwanya bakabitsinda. Mwizerwa afatanya nawe kumusaba ibyo.

Mubwirizabutumwa arabasubiza ati: Bana banjye, mwumvise mu magambo y'ukuri yo mu butumwa bwiza ko mukwiriye guca mu makuba menshi nimushaka kwinjira mu bwami bw'Imana *(Ibyahish. 14:28),* kandi yuko ingoyi n'imibabaro bibategerereje mu midugudu yose *(Ibyak. 20:23).* Nicyo gituma mutabasha kumara igice kinini cy'urugendo rwanyu, mutabonye ibyago by'uburyo butari bumwe. Mumaze kubona bike byerekana yuko ibyo mbahamirije ari iby'ukuri, kandi n'ibindi bizaza vuba. Nonaha nk'uko mureba mugiye kurangiza

ubu butayu; nimugera hirya yabwo ho gato, muri bugere mu rurembo muri bubone vuba. Muzatererwayo n'abanzi bazagerageza cyane kubica; kandi mwembi cyangwa umwe muri mwe ntazabura kwerekanisha amaraso ye ukuri kw'ibyo ahamya ku Mwami we. Ariko mujye mukiranuka muzageze ku gupfa, Umwami azabaha ikamba ry'ubugingo *(Ibyahish 2:10).* Uzapfirayo, ahari n'ubwo yapfa urupfu rubi rubabaza, niwe uzaruta mugenzi we; si uko azamutanga kugera mu rurembo rwo mu ijuru gusa, ariko azakira ibyago byinshi uriya azabona mu rugendo rusigaye. Nimugera muri rwa rurembo rubi, ibyo mbabwiye bikababaho, muzanyibuke inshuti yanyu, muzabe abagabo, mubitse Imana ubugingo bwanyu, mukore ibyiza, kuko ari yo Muremyi wo kwizerwa *(1 Pet 4:19).*

Maze ndota yuko barangije ubwo butayu, bamara umwanya, babona ururembo rubari imbere rwitwa MBURAMUMARO, rurimo iguriro ryitwa iguriro ry'i Mburamumaro. Bariguriramo iteka ryose, igituma ryitwa iguriro ry'i Mburamumaro; ni uko ibigurirwamo byose n'ibijyayo byose bitagira umumaro: nk'uko wa munyabwenge yavuze ati: ibibaho byose ni ubusa: nta kamaro bigira *(Umubwiriza 11:8).* Iryo guriro si rishya; ni irya kera. Reka mbabwire icyarishyirishijeho. Hashize imyaka nk'ibihumbi bitanu, hariho abagenzi bajyaga mu rurembo rwo mu ijuru, nk'uko ba Mukristo bajyagayo. Beezebuli na Apoluoni na Legioni. *(Mar 5:9)* na bagenzi babo babonye yuko inzira barema ngo bajye mu rurembo rwo mu ijuru, ikwiriye kunyura muri urwo rurembo rw'i Mburamumaro, bajya inama yo gushyiramo iguriro, ryo kuguriramo ibibura umumaro by'uburyo bwose, kandi ngo ribe iryo kugurwamo iteka ryose. Nicyo gituma muri iryo guriro baguriramo byinshi cyane: amazu n'imirima no kwemererwa gutunda n'imirimo ihesha abayikora indamu n'amazina y'icyubahiro no gushyirwa hejuru n'ubupfura n'ibihugu n'ubwami n'akahe n'ibinezeza, kandi n'ibyishimisha by'uburyo bwose. Kandi iminsi yose habonekagamo ubufindo n'uburiganya n'ibikino n'ibirori n'ibishyenzi n'abahenzi n'abanyabyaha by'uburyo bwose.

Kandi ushaka yaboneramo ku busa abiba n'abica n'abasambana n'abarahira ibinyoma.

Nk'uko mvuze inzira ijya mu rurembo rwo mu ijuru inyura hagati mu rurembo rurimo iryo guriro: ushaka kujya i Siyoni atanyuze muri urwo rurembo, akwiriye kuva mu isi *(1 Abakor 10).* Umwami utwara abami ubwe, akiri muri iyi si yanyuze muri urwo rurembo, ngo ajye mu gihugu cye, kandi ngira ngo Beezebuli *(Mar 12:24),* umutware mukuru w'iryo guriro, niwe wamwinginze kugura ku bitagira umumaro bye; kandi iyo yemera kumuramya, akinyura muri urwo rurembo, aba yaramuhaye kuba umutware w'iryo guriro. Kuko ari umunyacyubahiro gikomeye Beezebuli amunyuza mu nzira zose, amwereka ibihugu by'abami bo mu isi bose mu kanya gato, ngo ahari yamushukashuka kugura ku bibura umumaro bye; maze ntiyakunda ubwo butunzi, ava muri urwo rurembo, ataguze ibibura umumaro byo muri rwo n'ikuta na rimwe *(Mat 4:8-10; Luk 4:5-8).* Noneho biragaragara yuko iryo guriro ari irya kera cyane, rigakomera cyane.

Nk'uko mvuze, Mukristo na Mwizerwa bari bakwiriye kurinyuramo. Bakiryinjiramo, abo muri ryo bose n'abo mu rurembo bahagarika imitima n'izi mpamvu.

1. Abo bagenzi bari bambaye imyenda iciye ukwayo, idasa n'iy'abagurira muri iryo guriro. Nicyo cyatumye abanyeguriro babatumbira cyane, ntibababakureho amaso; bamwe babitaga abapfapfa, abandi bagira ngo ni abasazi, abandi bagira ngo ni abanyamahanga ya kure *(1 Abakor 4: 9-10)*
2. Uko batangazwaga n'imyenda yabo, niko batangazwaga n'imvugo yabo, kuko abamenyaga ibyo bavuga ari bake. Bavugaga ururimi rw'i Siyoni, ariko abaguriraga muri iryo guriro bari ab'iyi si. Nicyo cyatumye aho banyuze mu iguriro hose, abanyaguriro babitaga ab'ururimi rugawa, abagenzi nabo bakibwira yuko abanyaguriro ari ab'ururimi rugawa.
3. Icyashegeshe abo batunzi ni uko abo bagenzi batitaga ku bintu byabo byose. Ntibakundaga no kubireba; babahamagara ngo bagure, bakipfuka mu matwi, bakavuga bati: Ukebukishe amaso yanjye, ye

kureba ibitagira umumaro *(Zab 119:37),* bakararama nk'abasobanura yuko urutundo rwabo ruri mu ijuru *(Abafil 3:20).* Umuntu umwe arebye uko basa arabaseka, arababaza ati: Muragura iki? Baramwitegereza, baramusubiza bati Ukuri niko tugura *(Imigani 23:23).* Babona urwitwazo rwo kurushaho kubasuzugura, bamwe barabakoba, abandi barabaratiriza, abandi barabatuka, abandi babwira bagenzi babo kubakubita. Nyuma mu iguriro habaho urusaku n'imidugarararo, ryose riravurungana. Babibwira umutware w'iguriro, aza vuba, atuma ku nshuti ze yiringira, ngo zizane abo bantu bateye iguriro rye kuvurungana, bababaze. Nuko barabazana: abicaye mu rukiko bababaza iyo bava n'iyo bajya, bati: Muzanywemo n'iki mwambaye imyenda isa ityo? Barabasubiza bati: Turi abagenzi n'abashyitsi muri iyi si, turajya mu gihugu cyacu, nicyo Yelusalemu yo mu ijuru *(Abaheb 11:13-16);* kandi abo muri uru rurembo cyangwa abanyeguriro ntitubahaye urwitwazo na ruto rwo kudutuka no kutwicira urugendo, keretse ko twashubije uwatubajije ngo turagura iki, tuti Ukuri niko tugura. Maze abanyarukiko ntibemera yuko atari abasazi, cyangwa abazanywe no gutera iguriro ryabo kuvurungana. Nicyo cyatumye babajyana bakabakubita, bakabasiga ibisogororo, bakabashyira mu kazitiro kugira ngo abanyaguriro babashungere. Babatinza muri ako kazitiro, umuntu wese abashinyagurira uko ashaka, umutware w'iguriro akishimira ibyo babagirira, agasetswa nabyo. Maze bo bakihangana, ntibiture abantu ibitutsi babatutse, ahubwo bakabitura kubasabira umugisha *(1 Petero 3:9).* Bakitura ababahemukiye kubagirira neza. Abanyaguriro bamwe, batanangiwe imitima cyane, barusha abandi kugenzura, batangira kubuza abanyarugomo no kubahana kugumya kubagirira nabi. Bararakara, barabatuka, barababwira bati: Muhwanye n'abo mu kazitiro; mumeze nk'abafatanije nabo; mukwiriye gusangira nabo amakuba yabo. Barabasubiza bati: Kubyo tureba, aba bantu ni abagwaneza bitonda; ntibashaka kugirira umuntu wese nabi. Kandi mu iguriro ryacu harimo benshi bagura barusha aba kuba abo gushyirwa mu kazitiro, ndetse no

mu mbago. Baratongana (za mbohe zikora iby'ubwenge, zicyitondeye imbere yabo); bararwana, barakomeretsanya. Bongera kujyana abo banyamubabaro mu rukiko, babarega yuko ari bo bateye iyo midugararo mu iguriro. Barabakubita cyane, babafunga iminyururu, babazerereza mu iguriro bayambaye, kugira ngo babe akabarore k'abandi, he kugira ubarengera cyangwa wifatanya nabo. Maze Mukristo na Mwizerwa barushaho gukora iby'ubwenge, bihanganira igisuzuguriro n'isoni bakozwa, berekana ubugwaneza no kwihangana cyane. Nicyo cyatumye abanyeguriro bamwe bibareshya, bakajya mu ruhande rwabo, nabwo bari bake ku benshi. Ibyo birushaho kurakaza ba bandi, bajya inama yo kubica: bati akazitiro cyangwa iminyururu ntibirangiza kubahana. Ikiruta ni uko twabica tubahora gukora nabi no gushukashuka abanyaguriro.

Bongera kubashyira muri ka kazitiro, kugeza aho bazamarira kujya inama z'uko babacira urubanza; babashyizemo, bashyira amaguru yabo mu mbago,

Muri ka kazitiro bibukiramo ibyo babwiwe n'inshuti yabo ikiranuka, Mubwirizabutumwa. Ibyo yababwiye ko bizababaho birushaho kubakomeza mu mibabaro yabo. Barahumurizanya bati: Uzicwa niwe uzaruta mugenzi we. Nicyo cyatumye umwe yifuza ko aba ari we upfa, n'undi uko. Maze bishyira mu maboko y'Ifite ubwenge bwose n'ubushobozi bwose; bemera uko bari, kugeza aho bazabagirira ukundi.

Igihe bashakaga gisohoye, babajyana mu rukiko kugira ngo babacireho iteka; babashyira imbere y'abanzi babo barabarega. Umucamanza yitwaga MWANGIBYIZA. Ibirego bya bombi byari nka bimwe n'ubwo amagambo yatandukanagaho gato. Byanditswe ngo: aba bantu ni abanzi b'urutundo rwacu, bakagutera imidugararo. Batumye abo mu rurembo rwacu bavurungana, birema ibice. Kandi boheje bamwe kwibwira ibitera ibyago cyane, bihwanye n'ibyo bibwira baca mu mateka y'umwami wacu.

Mwizerwa aba ari we ubanza kwiregura, ati: Ntawe nagomeye, keretse abagomeye Isumba byose. Nta midugararo nateye kuko ndi

umunyamahoro: kandi abagiye mu ruhande rwacu barehejwe no kureba iby’ukuri twakoraga n’uko baduhora ubusa, bituma bava mu bibi bajya mu byiza. Uwo mwami wanyu, ubwo ari Beezebuli, umwanzi w’Umwami wacu, simwihohora, sinihohora na ba marayika be bose.

Maze bararika abo mu rurembo bose, ngo ufite ibyo ashinja urezwe yagomeye umwami wabo, naze, amushinje. Nuko haza abagabo batatu: umwe yitwaga SHYARI, undi yitwa MUZIRIRIZIBITARIBYO, uwa gatatu yitwa MWIHAKIRIZWA. Barababaza bati Muzi urezwe? Muramushinja iki yagomeye umwami wacu?

Shyari ahagarara hagati aravuga ati: Mutware, uyu muntu nsanzwe muzi, uhereye kera. Ndarahira imbere y’aba banyarukiko bubahwa yuko…

Umucamanza ati: ba uretse. Nimumuhe icumu arahize. Bararimuha ararahira.

Maze Shyari aravuga ati: mutware, n’ubwo uyu muntu afite izina ryiza, arusha abenshi bo mu gihugu cyacu kuba mubi. Ntiyubaha umwami wacu cyangwa abakomeye cyangwa aboroheje cyangwa amategeko yacu cyangwa imigenzo yacu. Ahubwo ahirimbanira kwigisha abantu bose ibyo yibwira by’ubugome, akabyita amagambo yo kwizera no kwera. Ndaguha ikimenyetso cy’ibyo: ubwanjye numvise avuga yuko ubukristo bunyurana rwose n’imigenzo y’abo mu rurembo rwacu Mburamumaro, bitagira aho bihuriye. Ubwo yavuze atyo, aba agaye imihango yacu ishimwa yose; natwe atugaye ko tuyikora.

Umucamanza ati: hariho undi umurega?

Shyari ati: mutware mfite n’ibindi byinshi, ariko ndeke kukurambira; nyamara abandi bagabo nibamara kumushinja, niba bitabasha kumwicisha, nushaka ndongera mushinje

Bamutegeka kuba agumye aho, maze bahamagara Muziririzibitaribyo, bamutegeka kwitegereza urezwe, nawe bamubaza ibyo amushinja yagomeye umwami wabo.

Bamucurikisha icumu. Aravuga ati: Mutware uyu muntu simuzi neza, kandi sinshaka kurushaho kumumenya. Icyo nzi ni uko ari icyago gikomeye, kuko ubundi navuganiraga nawe muri uru rurembo, nkumva avuga yuko idini yacu ari ubusa kandi ko uyifite adashobora na hato kuyinezeresha Imana.

Nawe, mutware, uzi neza yuko ibyo byakwemerwa, ibyo bitahakanwa yuko dusengera Imana ubusa, tukiri mu byaha byacu, yuko ku munsi w’imperuka tuzacirwaho iteka. Ibyo nibyo mushinja.



Mwizerwa ariregura

Maze bacurikisha Mwihakirizwa icumu, bamutegeka kuvuga ibyo ashinja urezwe yagomeye umwami wabo.

Mwihakirizwa ati: Mutware, namwe banyarukiko, uyu muntu nsanzwe muzi kuva kera: uhereye kera numvise, avuga ibitavugwa rwose. Yatutse umwami wacu mwiza Beezebuli; yavuganye agasuzuguro inshuti z'icyubahiro: umutware MUNTUWAKERA n'umutware MUNEZEZAMUBIRI n'umutware MUNYANDANINI n'umutware MWISHAKIRICYUBAHIRO n'umutware w'umusaza MUHEHESI n'umutware KAHE n'izindi mfura zacu, kandi yavuze ngo bishobotse abantu bose guhuza nawe, muri abo batware ntihasigaye n'umwe mu rurembo rwacu. Kandi mutware yahangaye no kugutuka, none utegetswe nkuba umucamanza we: yakwise umunyabyaha utubaha Imana, akwita amazina y'ibitutsi nk'ayo yatutse abenshi mu banyacyubahiro bo mu rurembo rwacu. Mwihakirizwa amaze gushinja, umucamanza abaza urezwe ati: wa kigwari we, wa muyobe we, wa mugome we, wumvise ibyo aba bagabo beza bagushinje?

Mwizerwa ati: Nakwireguza amagambo make?

Umucamanza ati: wa mubi we, ntukwiriye kubaho, ukwiriye kwicirwa aho uhagaze aho: ariko kugira ngo abantu bose bamenye ineza nkugiriye, twumve ibyo ushaka kuvuga.

Mwizerwa ati: Reka mbanze nsubize Shyari. Nta jambo navuze risa n'ibyo yanshinje, keretse ko navuze yuko amategeko cyangwa imihango cyangwa abantu binyurana n'ijambo ry'Imana binyurana n'ubukristo nabwo, ntibigira aho bihurira. Niba ibyo mvuze ibyo bidatunganye, munyereke icyo najijweho, nanjye ndi bwemere uko kujijwa.

Muziririzibitariho nawe musubize: Icyo navuze icyo navuze ni iki gusa: ni uko abasenga Imana bakwiriye kuyisenga by'ukuri. Ariko ntibashobora kuyizera by'ukuri itabanje kubihishurira uko iri n'ibyo ibashakaho. Icyakora abantu bagira ibyo baseseka mubyo gusenga Imana, bidahura n'ibyo yahishuye mu Gitabo cyayo. Ibyo ngibyo bikomoka mubyo biyizerera ubwabo ntibibasha kubahesha ubugingo budashira.

Mwihakirizwa ndamusubiza ntya, nti: umwami w'uru rurembo n'abatware be bose uko abavuze simbita uko bari, kuko bandeze gutukana; ariko iki nicyo mvuga yuko i Gehinomu ari ahantu habakwiriye, haruta uru rurembo cyangwa iki gihugu. Imana abe ari yo imbabarira.

Maze umucamanza abwira abanyarukiko cumi na babiri, bari bahagaze aho, bareba bumva ati: Mubonye uyu muntu wateye kuvurungana muri uru rurembo, kandi mwumvise ibyo aba bagabo bamushinje, kandi mwumvise n'ibyo ashubije n'ibyo yemeye. Noneho nimwe bisigayeho kumumanika cyangwa kumukiza: ariko reka mbanze mbasobanurire amategeko yacu.

Ku ngoma ya Farao, wa mwami ukomeye wumviraga umwami wacu, abonye yuko ab'idini inyurana n'iye bororotse cyane, atinya yuko ahari bakomeza kugwira bakamurusha amaboko; nuko, ategeka itegeko ryo kuroha abahungu babo *(kuva 1:22)*. Kandi ku ngoma ya Nebukadinezari, umwami ukomeye nawe wumviraga umwami wacu, nawe yaremesheje igishushanyo cy'izahabu, ategeka itegeko ati: umuntu wese udapfukama ngo aramye igishushanyo cy'izahabu naremesheje, azajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana cyane *(Dan 3:6)*. Kandi ku ngoma ya Dario, yategetse itegeko ati: mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzasenga imana yose, ntabe ari njye asenga, azajugunywa mu rwobo rw'intare *(Dan 6:7)*. Ayo mategeko uko ari atatu, uyu mugome yayishe, ariko ntiyayicishije ibyo yibwira gusa (nabyo ntibyakwihanganirwa), ariko kandi yayicishije ibyo yavuze n'ibyo yakoze: twabasha dute kwihanganira ibyo? Kandi rya tegeko ryategekeshejwe na Farao no gukeka ibyaba, kugira ngo ribuze ibyabasha kubaho; ariko uyu amaze gukora icyaha kigaragara. Kandi yishe itegeko rya kabiri n'irya gatatu, kuko mwumvise agisha impaka idini yacu:
kandi ubugome yemeye ubwe, nabwo bwarangiza kumwicisha.
Abanyarukiko batangira kujya inama: umwe yitwaga RUHUMA, undi yitwa MUTARIMWIKIZA undi yitwa GOMWA, undi yitwa MURIGIRA, undi yitwa MUDAHANWA, undi yitwa

MWIGIRAMUNINI, undi yitwa RWANGO, undi yitwa MUCUMBACYAHA, undi yitwa MWANGUMUCYO, uwa cumi na babiri yitwa NZIKA. Abo babanza kumucira urubanza umwe umwe biherereye, maze bahuza inama yo kuvuga yuko urubanza rutsinze Mwizerwa. Uwabanje kuvuga biherereye ni Ruhuma, umukuru wabo ati: ku bwanjye, biragaragara yuko uwo muntu akunda idini y'ibinyoma no kwirema ibice.

Mutarimwikiza aravuga ati: Nimukure umeze atyo mu isi

Gomwa ati: Nanjye ndabishimye kuko nanga no kumureba.

Murigira aravuga ati: ahora andambira sinihanganire kubana nawe.

Musongarere ati; Nanjye simbyihanganira, kuko ajya ampana ibyo nikora

Mudahanwa ati: Namanikwe, namanikwe

Mwigiramunini ati: Ni umunyagisuzuguriro utagira umumaro.

Rwango ati: iyo murebye umutima uraniga.

Binyoma ati: Ni umunyabyaha mubi

Mucumbacyaha ati: kumanikwa ni urupfu rwiza rutamukwiriye.

Mwangumucyo ati: Tumwice, tumukureho.

Nzika ati: Naho nahabwa ibyo mu isi byose, sinakuzura nawe; nuko tubwire umucamanza yuko urubanza rumutsinze, akaba akwiriye gupfa.

Bahuza inama batyo. Umucamanza amuciraho iteka ryo kujyanwa aho bamukuye, ngo yicirweyo urupfu rurusha izindi kumubabaza. Nuko baramujyana bamwica urupfu ruhwanye n'uko amategeko yabo yari ari. Babanza kumukubita ibiboko, maze bamukubita bipfunsi, bamutikagura intambi, bamutera amabuye, bamucumita inkota, ubwa nyuma bamuhambira ku giti, baramutwika. Urwo nirwo rupfu Mwizerwa yapfuye.

Mbona ko inyuma y'abantu hari igare rikururwa n'amafarashi abiri, ritegereje Mwizerwa; abanzi be bakimara kumwica, ako kanya ashyirwa muri ryo, arazamurwa, ajyanwa mu ijuru impanda zivuga, acishijwe mu nzira y'ubusamo, ica mu bicu, ikagera ku irembo ry'ururembo rwo mu ijuru.

Ariko Mukristo baramusiga, bamusubiza mu nzu y'imbohe, amaramo iminsi. Maze kuko Imana itegeka byose, igashobora kubuza umujinya w'abantu, bitinze ikoresha abo ngabo ibyo ishaka batabizi; ituma Mukristo abacika, aragenda. Akigenda, araririmba ati:

Mwizerwa, Wabaye
Umugabo mwiza
Wo guhamya Umwami
Wawe ukiri mu isi.

Kuba uwo kwizerwa
Niko kuguhesha
Kuzabana iteka
N'uwo ukunda cyane.

Ni aba batizera
Bihaye ibyo mu isi
Bazabona ibyago
No kubura byose

Mwizerwa ririmba!
N'ubwo wishwe nabi
Uriho na none:
Uzabaho iteka. (Ijwi 29)

Ndota yuko Mukristo atavuyemo wenyine, kuko hari umuntu witwaga BYIRINGIRO wahinduwe no kureba ibyo Mukristo na Mwizerwa bakoraga bakavuga bakibabariza mu iguriro. Yifatanya nawe, asezerana nawe kuba inshuti ye, barajyana. Ni uko umwe yishwe, ahorwa guhamya iby'ukuri; mu ivu rye havamo undi wo kujyana na Mukristo mu rugendo rwe. Kandi Byiringiro yabwiye Mukristo yuko mu banyeguriro harimo benshi bazabakurikira hanyuma.

17. MWISHAKIRINDAMU

Bataragera kure, bagera ku muntu ubari imbere witwaga MWISHAKIRINDAMU. Baramubaza bati: Urava he, ukajya he?

Mwishakirindamu arabasubiza ati: Ndava mu mudugudu witwa NIKUNDIRIZE. Nkajya mu rurembo rwo mu ijuru. Ariko ntiyababwiye izina rye.

Mukristo ati: Urava i Nikundirize! Mbese hariyo abanyangeso nziza?

Mwishakirindamu ati: Niringiye yuko bariyo.

Mukristo ati: Witwa nde?

Mwishakirindamu ati: Ntunzi, nanjye sinkuzi, ariko niba muca muri iyi nzira; nakunda ko tujyana: kandi niba atari ho muca ndagenda njyenyine.

Mukristo ati: Uwo mudugudu wanyu Nikundirize, nibutse ko numvise bawuvuga ko urimo ubutunzi bwinshi?

Mwishakirindamu ati: Ni ukuri harimo na bene wacu benshi b'abatunzi.

Mukristo ati: Wambwira bene wanyu abo ari abo?

Mwishakirindamu ati: Abenshi muri uwo mudugudu wacu ni bene wacu, ariko ibirangirire ni aba: umutware MUHINDAHINDUKA, umutware UKOZIVUZE, umutware NIKUNDIRIZE, ba sekuruza b'uwo nibo uwo mudugudu witiririrwa: na MVUGONZIZA na NZIREBYIRI na AHUSHYIZE, ni nawe marume. Nanjye narihutuye, mba umunyacyubahiro, ariko sogokuruza yari umusare gusa, wagashyaga areba aho ava, ntarebe aho ajya*: nanjye ubutunzi bwanjye bwaturutse muri uwo murimo.

Mukristo ati: Ufite umugore?

* *Abasare benshi b'i Buraya niko bagashya. Bicara mu bwato bareba inyuma, bateye umugongo aho bajya. Bigereranywa n'umuntu ushaka kujya mu ijuru ariko agenda areba inyuma mu isi aho yavuye.*

Mwishakirindamu ati: Mfite umugore w’umunyangeso nziza cyane, kandi na nyina ni umunyangeso nziza w’umunyacyubahiro witwa NDYARYA. Umuryango w’umugore wanjye ni uw’icyubahoro cyinshi; azi uko akwiriye kumera, avugana n’umwami cyangwa uworoheje; nk’uko umugani uvuga ngo imfura y’ibwami ni iyaharaye. Nemeye yuko mubyo kubaha Imana dutandukana hato n’abakabya kwirinda, ariko ni ku mpamvu ebyiri zidakomeye gusa. Iya mbere ni uko tutagema umuyaga cyangwa amazi ahurura; iya kabiri ni uko turushaho kugira umwete, iyo kubaha Imana kwambaye imyenda myiza; dukunda kugendana nako mu nzira, kuvirwa n’izuba abantu bagushima.

Maze Mukristo aca hirya, ajya iruhande rwa Byiringiro aramubwira ati: Ahari uyu niwe Mwishakirindamu wo mu mudugudu witwa Nikundirize. Niba ari we tujyane ni intyoza iruta abandi b’ino.

Byiringiro aramubwira ati: Mubaze: ngira ngo ntabasha kugira isoni zo kwemera izina rye.

Mukristo arongera aramusanga; aramubwira ati: uvuga nk’uzi ibitazwi n’abandi bantu bose, ngakeka ko ari wowe Mwishakirindamu wo mu mudugudu w’i Nikundirize.

Mwishakirindamu ati iryo siryo zina ryanjye nyakuri; abanzi banjye nibo barimpimbye. Mpfa kuryihanganira, ari igitutsi, nk’uko abandi beza bihanganira amazina y’ibitutsi babahimbye.

Mukristo ati: Ariko ntiwigeze guha abantu impamvu yo kuriguhimba?

Mwishakirindamu ati: Ntayo nabahaye, icyo nakoze cyabasha kubaha urwitwazo rwo kurimpimba ni iki gusa, ni uko njya ngira ihirwe ngahuza n’ibishimwa na benshi, uko ibihe biha ibindi, nkabona indamu iteka ingwiririye. Ubwo ibyiza bingwirira bityo, sinakwibwira ko ngira umugisha? Abanyagomwa babintukira iki?

Mukristo ati: Nakekaga ko ari wowe numvise bavuga. Kandi ne kuguhisha ibyo ntekereza: ngira ngo iryo zina risobanura uko uri, rirusha uko ushaka ko tugutekereza.

Mwishakirindamu ati: Niba ukunze kwibwira ibyo, sinabikubuza ariko niwemera ko tujyana, urabona ko ndi umugenzi mwiza.

Mukristo ati: Nushaka kujyana natwe, uraba ukwiriye kugema umuyaga n'amazi ahurura,ibyo wavuze ko udakunda; kandi waba ukwiriye kwemera kubaha Imana, iyo kwambaye ubushwambagara nk'uko wakwemera kwambaye imyenda myiza; kandi waba ukwiriye kukwemera bagufunze iminyururu nk'uko wakwemera, kugenda mu nzira gushimwa na bose.

Mwishakirindamu ati: Ntiwihindure umutware wo kwizera kwanjye; nkundira ko nkora ibyo nshima, ariko tujyane.

Mukristo ati: Ntituri bugendane n'intambwe n'imwe, nudakora nkatwe mu byo nakubwiye.

Mwishakirindamu ati: Ntabwo nzareka ingeso zanjye nahoranye kera, kuko atari mbi; zingirira umumaro. Niba mudakunda ko tujyana, nzagenda njyenyine, nk'uko nari nsanzwe tutarabonana, kugeza aho abandi bazangereraho bashaka kugendana nanjye.

Ndota yuko Mukristo na Byiringiro bamusize, bakajya imbere. Ariko umwe muri bo arebye inyuma, abona abantu batatu bakurikiye Mwishakirindamu, bamugeraho; abaramutsa abubashye, nabo baramuramutsa. Umwe muri bo yitwaga MUGUNDIRIBYISI, undi yitwa MUKUNDAFARANGA, uwa gatatu yitwa NGUMYA: bari abamenyi ba kera ba Mwishakirindamu, kuko bakiri bato bigiraga hamwe. Bigishwaga n'umuntu witwa SINTIBYANJYE wigishirizaga abantu mu mudugudu witwa MUKUNDINDAMU wo mu ntara yitwa i RARI. Uwo mwigisha yabigishaga ubwenge bwo kuronka, baronkesha kunyaga cyangwa kuriganya cyangwa gushyeshya cyangwa kubeshya cyangwa kwigira nk'abubaha Imana. Abo bose uko ari bane bari bize cyane ubwo bwenge bw'umwigisha wabo, umuntu wese muri bo akaba yabwigisha abandi. Bamaze kuramukanya, Mukundafaranga abaza Mwishakirandamu ati: bariya baturi imbere ni bande? Mwishakirandamu ati: Ni abagenzi babiri; barava kure, baragenda ubwabo buryo, bajya mu rurembo rwo mu ijuru.

Mukundafaranga ati: Iyo baturinda, twajyanaga tunezerewe. Kuko twese tujya muri urwo rurembo.

Mwishakirandamu ati: Niho tujya koko; ariko bariya bantu baturi imbere bakabya kwirinda, bagakunda cyane ibyo bibwira, bakagaya iby'abandi bibwira; nicyo gituma niba umuntu adahuza nabo muri byose, bamwirukana, n'ubwo yubaha Imana cyane.

Ngumya ati: Ibyo ni bibi cyane; ariko byanditswe yuko hariho abakabya gukiranuka, kandi abakabya batyo bacira abandi bose urubanza mubyo batekereza. Ibyo mutahuje ni ibiki kandi ni bingahe?

Mwishakirindamu ati: Erega ni abihare: bagira ngo bagomba gukomeza urugendo rwabo mu mvura cyangwa mu nkuba cyangwa mu muyaga, nk'uko bari gukomeza ku mucyo. Ariko jyeweho nkunda gutegereza ko byose bituza. Bo bemera guhara ibyabo byose ku bw'Imana; jyeweho nkora ibibasha byose gukiza ubugingo bwanjye n'ibintu byanjye. Bo bakunda gukomeza ibyo bibwira, n'aho abandi bose babyanga; jyeweho nkunda kubaha Imana, iyo kutanzwe cyangwa kutanshyize mu kaga. Bakunda kubaha Imana iyo kwambaye ubushwambagara, kugawa ariko jyeweho ngukunda iyo kugenda habayeho umucyo, kwambaye imyenda myiza, gushimwa.

Mukundibyisi ati: Komeza utyo nshuti yanjye Mwishakirindamu! Ku bwanjye, umuntu ubasha gukomeza ibyo afite, akabyibuza ku bw'ubwenge buke, mwita umupfu. Tugire ubwenge nk'inzoka *(Mat 10:16).* Ku mucyo niho umuntu yanika. Witegereze ku nzuki, ko ziruhuka ku gihe cy'imvura, zikajya gutara ku mucyo, aho zibasha kwishima. Imana igihe kimwe ivuba imvura, ubundi ikavusha izuba; ubwo bariya ari abapfu bagenda mu mvura, twe biraduhagije ko tugenda ku mucyo. Ku bwanjye nkunda kubaha Imana uburyo buhura n'imigisha myiza twahawe nayo, ubwo Imana yaduhaye ibyiza by'ubu bugingo, ninde ufite ubwenge watekereza ko idashaka ko tubikomeza? Mbese Aburahamu na Salomo ntibatunze bubaha Imana?

Ngumya ati: Ngira ngo turahuje kuri ibyo reka tubirekere aho.

Mukundarafaranga ati: Tubirekere aho koko. Ubwenge n'ibyanditswe byera byombi biri mu ruhande rwacu. Uwanga kubyemera aba atazi umudendezo we, kandi aba adashaka kwikiza.

UMUGENZI

Mwishakirindamu ati: Bene Data, twese ubwo turi abagenzi tujya mu rurembo rwo mu ijuru, reka mbabaze iri jambo, ritwibagize ubwo bupfu. Icyo mbaza ni iki. Umwigisha cyangwa umukene yabona uburyo bwo gutunga imigisha myiza y'ubu bugingo, ariko akamenya yuko icyabimuha ari uko yakwihindura uwubaha Imana, mbese hari uwabimugaya n'ubwo mbere atabihirimbaniraga? Kandi se yagenza atyo, byamubuza kwitwa intungane?

Mukundafaranga ati: Mumenye neza ibyo ubajije, abandi nibanyemerera, ndagerageza kugusubiza. Reka mbanze ngusubize ku by'umwigisha. Umwigisha w'umunyangeso nziza yakwigisha ahamuhesha ibihembo bike, agashaka ahandi hamuhesha ibirutaho cyane, akibwira yuko batabura kumutoranya ngo bahamushyire, yagira umwete wo kwigisha no kubwiriza, agahindura bimwe mubyo yigisha byangwa n'aba ha handi; ku bwanjye simbona impamvu ikwiriye kumubuza kugenza atyo kandi n'ibindi byinshi bimeze bityo, niba yarahamagawe n'Imana, kandi yakora atyo ntibyatuma ataba intungane. Impamvu zanjye ni izi:

1. Gushaka ahamuhesha ibirutaho si bibi, nta wahakana ibyo, kuko Imana ari yo yamuhaye ubwo buryo, nuko abonye uko ahatumwa, ahatumwe, ntacyo yibajije ku bw'umutima uhana *(Abakor 10:25)*
2. Kuhashaka gutuma arushaho kugira umwete wo kwiga no kubwiriza, bigatuma arushaho kuba umwigisha mwiza, agakunda kugwiza ubwenge. Nabyo Imana yabishima.
3. Kandi arekera bimwe mubyo yigisha kugira ngo ahuze umutima n'abantu be, abakorera neza. Nabyo si bibi; kuko byerekana yuko akunda kwihotorera abandi, kandi yuko afite ingeso z'igikundiro, bigatuma arushaho kuba uwo kwigisha iby'Imana.
4. Noneho umwigisha urekera ahamuhesha bike kugira ngo abone ahamuhesha byinshi, ntakwiriye kugayirwa ko yifuza indamu; ahubwo akwiriye gushimirwa ko yagwije ubwenge n'umwete ngo ahabone, akumvira guhamagara kw'Imana agakurikiza uburyo yamuhaye bwo gukora ibyiza.

Reka nsubize n'ijambo ryawe rya kabiri. Nihaba hariho umukene, agahinduka uwubaha Imana kugira ngo atunge ibyo mu isi, akibwira ti: Ndi umukene, ariko ninigishwa iby'Imana, nibwo nzabona vuba umurimo umpesha amafaranga, nkubahwa, nkagira inshuti, nkarongora umukobwa wa runaka; ku bwanjye ngira ngo yaba akoze neza, kuko yigiriye iyo nama. Impamvu zanjye ni izi:

1. Kwihindura uwubaha Imana ni byiza, nta mpamvu yako yabasha kuguhindura kubi.
2. Si bibi guhembwa byinshi cyangwa kugira inshuti cyangwa kurongora umukobwa wa runaka. Uheshwa ibyo n'uko yihinduye uwubaha Imana, ahabwa ibyiza n'abeza kuko yihinduye mwiza: ibyo atunga ni byiza, akabiheshwa no kwihindura uwubaha Imana: nabyo ni byiza. Nuko; biragaragara yuko kwihindura uwubaha Imana kugira ngo atunge ari byiza rwose. Bose bashima ibyo Mukundafaranga yashubije Mwishakirindamu, bibwira ko nta wabihinyura. Nuko babonye yuko Mukristo na Byiringiro bataragera aho umuntu yananirwa kugeza ijwi, bahuza inama yo kubakurikira, babageraho bakababaza iryo jambo. Barushaho kubishakishwa n'uko abo bagishije impaka Mwishakirindamu. Barabahamaraga, barahagarara, barabarinda. Bakigenda batarabageraho, bahuza inama yuko umusaza Mugundiribyisi aba ari we ubabaza, atari Mwishakirindamu, kuko bagira ngo batamusubizanya uburakari bwaturutse kuri bya biganiro byabo.

Babagezeho barabaramutsa, Mugundiribyisi abaza Mukristo na mugenzi we iryo jambo, ababwira kubasubiza nibabibasha.

Mukristo arabasubiza ati: Umeze nk'umwana muto kubyo kubaha Imana yasubiza iryo jambo n'ayandi inzovu nka ryo. Ubwo ari bibi gukurikira Kristo ku bw'imitsima *(Yoh 6:26)*, mbese ntibirushaho kuba bibi kumuhindura icyo kugutungisha iby'isi, ukabyishimira? Nta bandi tubona bibwira batyo, batari abapagani cyangwa indyarya cyangwa abadayimoni cyangwa abarozi.

Abapagani bibwiye batyo ni Hamori na Shekemu. Ubwo bifuzaga umukobwa wa Yakobo n'inka ze, bakamenya ko nta kindi cyabibahesha kitari ugukebwa nk'uko Imana yategetse Aburahamu, babwiye bagenzi babo bati: Umugabo wese nakebwa nkabo, inka zabo n'ibintu byabo, n'amatungo yabo yose bizaba ibyacu. Umukobwa wa Yakobo n'inka ze nibyo bashakaga, kubahira Imana kugira ngo babyiheshe. Usome icyo gitekerezo cyose *(Itang 34:20-24)*

Abafarisayo b'indyarya nabo bibwiraga batyo. Basengaga byinshi, ariko bwari uburyarya, icyo bashakaga kwari ukurya ingo z'abapfakazi. Imana yabaciriye urubanza ruruta izindi *(Luka 20:46-47).*

Yuda Isikariyota, uwo Umwami Yesu yagereranije na satani, nawe yibwiraga atyo. Yakurikiriraga Yesu isaho y'impiya, ngo ajyane ibyo babikagamo *(Yoh 6:70-71; 12:4-6)*. Maze ararimbuka. Na Yesu yamwise umwana wo kurimbuka. Simoni umurozi nawe yibwiraga atyo: yashakiye Umwuka Wera kugira ngo amuheshe ifeza, Petero amucira urubanza rukwiriye ibyo *(Ibyak 8:18-23).*

Kandi nibwira yuko uwubahira Imana gutunga iby'isi, uko kubaha azaguteshwa no kubigundira. Yuda yihinduye uteshejwe iby'isi no gukurikira Yesu: ariko kuko yabikoreye kubona amafaranga, hanyuma agurira Shebuja kubona andi. Ubwo mushubije kwa kubaza kwanyu muti, Ntikizira kubahira Imana kugira ngo biguheshe indamu, kuba muvuze ijambo nk'iry'abapagani n'indyarya n'abadayimoni, ni uko muzahembwa ibikwiriye ibyo mukora.

Bahagarara barebana, ntibagira icyo basubiza Mukristo. Byiringiro ashima ibyo Mukristo abashubije, nuko baraceceka rwose. Maze Mwishakirindamu na bagenzi be barikanga, bisigaza inyuma kugira ngo Mukristo na byiringiro bajye imbere. Mukristo abwira mugenzi we, ati: Ubwo bariya batsinzwe n'ibyo abantu bababwiye, bizacura iki, Imana nibacira urubanza? Ubwo baducecekeye tumeze nk'inzabya z'ibumba, bizacura iki nibahanwa n'ibirimi by'umuriro ukongora *(Abaheb 12:19)?*

18. DEMA NA MUKA LOTI N'URUZI RWIZA

Mukristo na Byiringiro bajya imbere, bagera mu kibaya cyiza cyitwa KWIYARA, banyuramo banezerewe cyane. Bakimara vuba, kuko atari kikini. Ahajya guhera, hari agasozi kitwa i NDAMU, karimo aho bacukura ifeza, bazicukura mu rwobo rurerure. Abandi bagenzi bateshuwe no kuhareba, kuko ifeza ziguma; maze begereye umunwa w'urwo rwobo, igitaka kirariduka bagwamo, baravunagurika barapfa. Abandi urwo rwobo rwarabaremaje, ntibakira ubwo burema, barinda bapfa.

Maze ndota yuko iruhande rw'urwo rwobo, bugufi bw'inzira hahagaze umuntu witwaga DEMA, ahamagara abagenzi ngo baze barurebe. Ahamagara Mukristo na mugenzi, ati Yemwe yemwe, nimunyure hano mubone icyo mbereka.

Mukristo ati: Ni kintu ki gikwiriye kudutesha inzira?

Dema ati: Hariho urwobo rw'ifeza n'abazicukura. Nimuza murabona ubutunzi bwinshi murushe buke.

Byiringiro ati: Reka tugende turebe.

Mukristo ati: Njyewe sinjyayo, kuko numvise bavuga hariya hantu, kandi ko hica abantu benshi: kandi izo feza zimeze nk'ikigoyi ku bazishaka, kuko zibabuza urugendo rwabo.

Mukristo ararangurura abaza Dema ati: Aho hantu si habi? Ntihabujije benshi urugendo rwabo?

Dema ati: Si habi cyane, keretse ku batitonda. (Icyakora abivugana ipfunwe)

Mukristo abwira Byiringiro ati: Ntiduteshuke n'intambwe imwe, ahubwo dukomeze inzira,

Byiringiro ati: Nzi yuko Mwikirishandamu naza, Dema akamuhamagara nk'uko aduhamagaye, ari buteshuke, ajye kuhareba.

Mukristo ati: Ntari bubure guteshuka, kuko idini ye imujyana muri iyo nzira. Ndetse ndakeka yuko azapfirayo.

Dema arongera arabahamagara ati: Ntimushaka kureba? Mukristo aramwerurira ati: Dema uri umwanzi w'ingeso nziza zikundwa n'Umwami w'iyi nzira. Umwe mu bacamanza be yamaze kuguciraho iteka guteshuka kwawe *(2 Tim 4:10)*, none ushakira iki kutuzana natwe muri urwo rubanza? Kandi twateshukaho na gato, Umwami wacu ntiyabura kubimenya, akadukoza isoni aho dushaka kuzahagarara imbere ye dushize ubwoba.

Dema arabasubiza ti: Ndi mwene wanyu: mwatinda aha ho hato, nanjye najyana namwe.

Mukristo aramubaza ati witwa nde? Ntiwitwa nk'uko naguhamagaye?

Dema arasubiza ati: Nitwa Dema koko, ndi uwo mu rubyaro rwa Aburahamu. Mukristo ati: Ndakumenye: Gehazi ni sogokuruza wawe, na Yuda Isikariyota ni so, nawe ugeze kirenge mu cyabo. Uratwoshya nka Satani. So yamanitswe Imana imuhora, ubugome; nawe ukwiriye ibihembo bihwanye n'ibye
(2 Abam 5:20-27; Mat. 26:14-15; 27:1-5). Nitugera aho umwami wacu ari, ntituzabura kumubwira ibyo utugiriye.

Baramureka, baragenda. Ibyo bishize, Mwishakirindamu bagera aho Dema yari ari arabahamagara, arabarembuza, uwo mwanya bajyana aho ari. Icyo ntazi ni uko bagiye ku munwa wa rwa rwobo kurunguruka, bakagwamo; cyangwa yuko bamanutse bakajyamo bagacukura, cyangwa yuko bagiyemo bakicwa n'umwuka ucucumukamo. Icyo nzi ni uko batongeye kuboneka ukundi muri iyo nzira.

Mukristo araririmba ati:

Mwishakirindamu akunda Dema uwo.
Bahuje umutima, baranezerewe.
Umwe ahamagaye umwe undi ariruka
Ajya aho ari ashaka iyo ndamu ye

Nuko rero bombi babiheramo,
Bahisemo iby'isi ntibarenga aho
Nta wamenya ibyabo n'amaherezo:
Ariko bazajya bate mu ijuru? (Ijwi 299)

Hirya y'icyo kibaya, abagenzi bagera ku nkingi ihagaze ku nzira: bombi irabatangaza, kuko ishusho yayo yasaga n'iy'umugore wahindutse inkingi. Barayitegereza, bamara umwanya bananirwa kumenya icyo ari cyo. Nyuma Byiringiro abona amagambo yanditswe ku mutwe wayo uburyo buruhije. Maze kuko atize gusoma cyane, akamenya yuko Mukristo yabyize, aramuhamagara ngo ahari yabimenya. Araza amara umwanya asoma inyuguti imwe imwe; amenya yuko amagambo ari aya ngo, Mwibuke muka Loti. Ayasomera mugenzi we. Bombi bamenya ko ari yo nkingi y'umunyu muka Loti yahindutse, Imana imuhora kureba inyuma ku bw'umutima wifuza, ubwo yavaga i Sodomu *(Itang 19:26).* Icyo gitangaza kibavugisha aya magambo.

Mukristo aravuga ati: Tubonye iyi nkingi mu gihe gikwiriye. Byakurikiye neza koshywa na Dema guteshuka tukareba wa musozi witwa i Ndamu. Iyaba twateshutse, nk'uko yadusabye kandi nk'uko washatse, mwene Data natwe tuba twahindukiye akabarore abadukurikiye.

Byiringiro ati: Nihannye ubwo bupfu bwanjye; kandi ntangajwe n'uko ntahindutse nka muka Loti. Icyaha cye n'icyanjye bitandukana bite? We yarebye inyuma gusa; jyeweho nifuzaga kugenda ngo ndebe. Nkozwe n'isoni z'uko ibyo byinjiye mu mutima wanjye. Icyakora nshimira Imana Ubuntu bwayo.

Mukristo ati: Twite kubyo tubonye hano, tujye tubyibuka kugira ngo bizadufashe mu bihe bizaza. Uyu mugore yakize iteka rimwe, kuko atarimbukanye n'i Sodomu: maze arimburwa n'irindi, nk'uko tubonye, ahinduka inkingi y'umunyu.

Byiringiro ati: Uvuze ukuri koko: aduhindukire akabarore n'icyitegererezo. Abe akabarore gatuma twirinda icyaha cye; abe n'icyitegererezo cy'iteka rizaba ku bantu batazita kuri ako kabarore. Ariko rero cyane cyane ntangajwe n'uko Dema na bagenzi be bagitinze aho ngaho, bagatinyuka gushaka bwa butunzi, kandi ari bwo bwatumye uyu mugore ahinduka inkingi y'umunyu. Nyamara we yarebye inyuma abwifuza gusa; ntidusoma yuko yateshutse mu nzira intambwe n'imwe. Kandi n'iryo teka ryamubayeho ryamuhinduye akabarore kitegeye aho bari, kuko bakubura amaso batabura kumureba.

Mukristo ati: Ni igitangaza koko cyerekana yuko imitima yabo inangiwe rwose. Ndabahwanya n'abahangara kwibira imbere y'umucamanza, cyangwa abakegeta imigozi y'isaho z'amafaranga, bakayibira munsi y'igiti abajura bamanikwaho. Byanditswe yuko ab'i Sodomu bari abanyabyaha bikomeye, kuko bakoreraga ibyaha imbere y'Uwiteka abareba, n'ubwo yabagiriye neza, kuko igihugu cyabo cyari kimeze nk'uko Edeni yameraga kera *(Itang 13:10-13).* Nicyo cyatumye bamutera umujinya mwinshi, barimbuzwa umuriro uvuye mu ijuru. Ibyo bitumenyesha neza yuko abakorera ibyaha imbere y'akabarore gahorera imbere yabo kubarinda, nk'uko ba Dema bakora, bazacirwaho iteka riruta ayandi.

Byiringiro ati: Uvuze ukuri koko, ariko ni imbabazi zikomeye z'Imana yuko wowe, cyangwa cyane cyane jyewe, tutahindutse akabarore nk'uyu. Nicyo gituma dukwiye gushima Imana no kuyubaha no kujya twibuka muka Loti.

Mbona yuko bakomeza inzira, bagera ku ruzi rwiza Umwami Dawidi yise URUZI RW'IMANA, ariko Yohana yarwise URUZI RW'AMAZI Y'ISOKO Y'UBUGINGO (*Zab 6:9; Ibyahish 22:1).* Inzira yabo yakikiraga urwo ruzi: Mukristo na mugenzi we bagendaga barukikiye banezerewe cyane, bakanywa ku mazi yarwo, akabamara inyota, akabasubizamo intege. Kandi hakurya no hakuno yarwo hari ibiti bitoto by'amoko yose byera imbuto ziribwa, ibibabi byabyo baka-

birira kubabuza gutumba cyangwa kurwara izindi ndwara zifata abagenzi. Urwo ruzi rwacaga mu cyanya cyarimo uburabyo bwiza cyane n'ubwatsi buhorana itoto iteka ryose. Muri icyo cyanya bararyama barasinzira, kuko ari aho gusinziririra biziguye *(Zab 4:8; 23:2).* Uko bakangutse, basoromaga imbuto za bya biti, bakazirya, bakanywa ku mazi ya rwa ruzi, bakaryama bagasinzira. Bamara iminsi bakora batyo. Igihe bashatse kugenda gisohoye, kuko urugendo rwabo rwari rutarashira, bararya, baranywa, baragenda.

19. BWIHEBE

NDOTA yuko bamara akanya bagikikiye rwa ruzi. Maze inzira itandukana narwo, bagira agahinda kenshi, ariko ntibahangara kureka iyo nzira. Aho inzira iteshukira ku ruzi, yarimo amabuye menshi, kandi ibirenge byabo byari bihishijwe imputa n'urugendo. Nicyo cyatumye imitima yabo icogozwa cyane n'iyo nzira *(Kubara 21:4);* nuko bagenda bifuza indi.
Imbere yabo ho gato, hari urwuri ibumoso bw'iyo nzira, hari n'irembo ryinjiza umuntu muri rwo, urwo rwuri rwitwaga URWURI RW'INZIRA ITESHUKA. Mukristo abwira mugenzi we ati: Niba uru rwuri rukikiye inzira yacu, tunyuremo. Ajya ku irembo ngo arebe, abona inzira ikikiye iyabo hirya y'uruzitiro. Aramubwira ati: Bimeze nk'uko nifuzaga: aha niho heza; ngwino, Byiringiro duce mu irembo.

Byiringiro ati: Iyo nzira nituyobya, biragenda bite?

Mukristo ati: Si iyo kutuyobya; dore ntikikiye inzira yacu? Nuko Byiringiro yumvira mugenzi we, aramukurikira aca muri iryo rembo, bagera muri ya nzira yindi, basanga ari nziza, itababaza ibirenge. Kandi barebye imbere yabo, babona umuntu uri muri iyo nzira witwa Mwiyiringira, baramuhamagara, bamubaza aho iyo nzira ijya. Arabasubiza ati: Irajya ku irembo ry'ururembo rwo mu ijuru.
Mukristo abwira mugenzi we ati: Sinakubwiye? Dore, turagenda neza.

Baramukurikira, bakomeza iyo nzira. Maze burira, umwijima uba mwinshi, ntibareba wa wundi ubari imbere. Nuko Mwiyiringira uwo, kuko atabashije kureba inzira, agwa mu bushya burebure, bwacukuwe na nyiri icyo gikingi kugira ngo yiciremo abapfu bihimbaza; avunagurwa n'uko kugwa. Mukristo na mugenzi we bumva agwa, barahamagara bati ubaye iki? Ntihagira ubasubiza, bumva umuniho gusa. Byiringiro arabaza ati: none turi he? Mugenzi we araceceka, kuko yari atangiye gukeka yuko ahari bayobye kandi ari we wabayobeje; imvura nyinshi itangira kugwa, ijuru rirahinda, inkuba zirakubita, imirabyo irarabya; baratinya, umugezi uruzura amazi arushaho kugwira. Byiringiro araniha, aravuga ati: Iyo nkomeza inzira simvemo!

Mukristo ati: Twabonye iki cyakekesha umuntu yuko iyi nzira yatuyobya?

Byiringiro ati: Nayitinye, tutarayigeramo, nguhana buhoro: mba naguhannye cyane ni uko unduta ubukuru.

Mukristo ati: Nshuti yanjye, mbabarira, mbabajwe n'uko nakuyobeje, nkakujyana mu kaga kangana gatya. Ndakwinginze mbabarira.

Byiringiro ati: Humura, mwene Data, ndakubabariye: kandi wemere yuko ibi bituviramo umumaro ubwa nyuma

Mukristo ati: Nishimiye yuko ndi kumwe n'umunyambabazi, ariko twe guhagarara aha, ahubwo tugerageze gusubira inyuma.

Byiringiro ati: Mwene Data, reka njye imbere. Mukristo ati: Ahubwo reka abe ari jye ujya imbere, mbanze mu kaga ko mu nzira, kuko ari njye watumye tuyoba twembi. Byiringiro ati: Oya. Ninjye ujya imbere, ahari umutima uhagaze watuma twongera kuyoba.

Bumva ijwi ribahumuriza riti: Werekeze umutima ku nzira nyabagendwa, ya nzira wabanje kunyuramo: hindukira usubireyo *(Yeremiya 31:24).* Maze amazi yari yuzuye cyane, gusubirayo kubatera

akaga gakomeye. (Maze menya yuko kuva mu nzira y'Imana turimo bibangutse biruta kuyisubiramo twayivuyemo). Bagira umwete cyane wo gusubira inyuma, ariko umwijima wari mwinshi, n'amazi yari maremare; nicyo cyatumye baba mu kaga ko kurengerwa inshuro cyenda cyangwa cumi. Kandi n'ubwo bagize umwete mwinshi, ntibashobora kugera kuri rya rembo muri iryo joro. Nyuma basanga ubwugamo buto, bicara munsi yabwo, bategereza ko bucya. Maze kuko bananiwe barasinzira. Aho bari basinziriye ntihari kure y'umusozi witwa i SHIDIKANYAMANA, wubatseho igihome, nyiracyo yari igihanda cyitwa BWIHEBE. Mu gikingi cyacyo niho bari basinziriye. Kibyuka kare mu gitondo, kigendagenda mu gikingi cyacyo, gisanga Mukristo na Byiringiro basinziriye. Kirabakankamira, kirabakangura, kibabaza aho baturutse n'icyo bakora mu gikingi cyacyo. Baragisubiza bati: Turi abagenzi, twayobye. Igihanda kirababwira kiti iri joro mwansuzuguye kuko mwandibatiye igikingi, mukagisinziriramo. Mwakoze icyaha: reka mbajyane iwanjye! Ntibabasha kwanga kuko cyabarushaga amaboko; kandi ntibabona icyo bavuga, kuko bari biyiziho icyaha. Nuko icyo gihanda kirabashorera kibajyana mu gihome cyacyo, kibafungira mu kazu kari hasi y'ubutaka, karimo umwijima mwinshi n'umunuko mubi ubababaza cyane. Bamaramo iminsi ine n'amajoro ane batarya batanywa, batabona umucyo cyangwa umuntu wabasuhuza; ni uko bari mu mubabaro, mwinshi, batandukanirijwe kure y'inshuti n'abakunzi babo *(Zab 88:18)*. Mukristo arusha mugenzi we agahinda, kuko ari we watumye bayoba bakajya muri ayo makuba.

Ijoro rya mbere

Icyo gihanda Bwihebe cyari gifite umugore w'igishegabo

witwa NYIRABYIRINGIROBIKE: kiryamye, kimubwira ibyo cyagiriye abo bagenzi. Kimubaza ikindi gikwiriye kubagirira. Akigira inama ati: Ni iby'ukuri mu gitondo, uzabakubite cyane we kubababarira.

Umunsi wa kabiri

Kibyutse mu gitondo, cyenda igikoni kinini, kiramanuka, cyinjira muri ka kazu barimo. Kibanza kubatuka nk'utuka imbwa, n'ubwo batagishubije ijambo ribi na rimwe. Kirabadukira, kibakubita cyane; ntibababasha kugira icyo bihereza, kandi aho bari baryamye ntibababasha kwihindukiza. Kiragenda kibasiga biganyira amaganya menshi no kuribwa kwabo; nuko biriza uwo umunsi basuhuza umutima baboroga cyane. Iryo joro, umugore w'icyo gihanda avugana nacyo, yumva ko bakiriho, abwira ikigabo cye ati: Uzababwire biyahure.

Umunsi wa gatatu

Nuko mu gitondo kijya aho bari, kibatukagura nk'ubwa mbere, gisanga bababazwa cyane na za nkoni, kirababwira kiti: Ubwo mutazasohoka ukundi aho muri, icyiza ni uko mwakwiyahuza intambi cyangwa umugozi cyangwa umuti wica. Mushakira iki kubaho, ubwo kurimo imibabaro ingana ityo?
Bacyinginga kubarekura: kibareba igitsure, kirabadukira, kirabaturumbukira, kiba cyarabishe rwose ni uko cyafashwe n'igicuri cyakundaga kugifata ubundi ku mucyo; kimara umwanya kirabya ukuboko; kiragenda kibasiga nka mbere, ngo bajye inama y'icyo bakora. Izo mbohe zirabazanya ziti: Dukore ibyo atubwiye, cyangwa turorere?

Mukristo abaza mugenzi we ati: Turakora iki? Kubaho kwacu kwa none ni kubi cyane. Ku bwanjye mpeze mu rungabangabo: sinzi yuko icyizere ari uko twabaho tumeze dutya, cyangwa ari uko twapfa nonaha. Umutima wanjye uhitamo kwiyahuza umugozi, bindutira kubaho: ikuzimu niho heza: harusha iyi nzu y'imbohe kunduhura.

Mbese, twumvire inama ya cya gihanda?

Byiringiro ati: Sinzi yuko tumerewe nabi cyane: nahitamo gupfa, bindutira kugumya kumera ntya iteka. Ariko reka twibwire:
Nyiri igihugu tujyamo yarategetse ati: Ntukice. Iryo tegeko ritubuza kwica undi, noneho ntiririrushaho kutubuza kwiyica? Uwica undi, aba yishe umubiri we gusa; ariko uwiyica, aba yicanye umubiri n'ubugingo. Kandi mwene Data, umva ko uvuze uti, ikuzimu harusha aha hantu kunduhura: ariko mbese wibagiye i Gehinomu, aho abicanyi batazabura kujya? Byanditswe ngo: Nta mwicanyi uhabwa ubugingo buhoraho *(1 Yoh 3:15).* Kandi twibwire yuko cya gihanda Bwihebe kidashobora byose, kuko numvise yuko n'abandi bafashwe nacyo bakagicika. Ahari Imana yaremye isi yabasha kucyica: cyangwa ahari yacyibagiza gufunga urugi; cyangwa ahari cyakongera kuzukirirwa n'igicuri imbere yacu, kikaharabira! Cyakongera kumera gityo, ngambiriye yuko nagira ubutwari ngakora icyo nshobora cyose ngo nkikize. Nabaye umupfu kuko kare ntagerageje kucyikiza. Ariko nshuti yanjye twihangane igihe gito, kuko ahari igihe cyasohora tugakira: ariko reka tureke kwiyahura tukihindura abicanyi. Byiringiro ahumurisha mugenzi we ayo magambo, aramugerura. Biriza uwo munsi bari mu mwijima bameze nabi. Bugiye kwira cya gihanda kirongera kiramanuka, cyinjira muri ka kazu ko munsi y'ubutaka ngo kimenye yuko bacyumviye. Kigezemo, gisanga bakiriho, kirarakara cyane, kirababwira kiti: kuko mutanyumviye, muzifuza muti iyo tutavuka. Bahinda imishyitsi cyane, Mukristo arahondobera; maze arahembuka, barongera bajya inama y'ibyo icyo gihanda cyabategetse. Mukristo arongera asa n'ushaka kucyumvira. Maze Byiringiro amusubiza ubwa

kabiri, ati: Mwene Data, wibagiwe uko wari intwari? Apoluoni ntiyakunesheje, cyangwa ibyakubereyeho muri cya gikombe cy'igicucu cy'urupfu nabyo ntibyakunesheje. Umaze kunyura mu miruho myinshi n'ibiteye ubwoba n'ibitangaza byinshi: none ucitse ubwoba? Dore ndi kumwe nawe muri aka kazu kabi, kandi undusha amagara cyane. Kandi twasangiye gukomereka no kugira inzara n'inyota no kuba mu mwijima, ariko dukomeze kwihangana. Ibuka uko wari umugabo muri rwa rurembo Mburamumaro, ntiwatinye iminyururu cyangwa ka kazitiro cyangwa urupfu n'agashinyaguro. Nuko twihangane uko dushoboye, kugira ngo twe gukorwa n'isoni zidakwiriye umukristo.

Nijoro cya gihanda n'umugore wacyo baryamye, akibaza iby'imbohe zacyo y'uko zumviye inama yacyo. Kiramusubiza kiti: Ibyo birimarima bifite imitima ikomeye: bihitamo kwihanganira ibyago byose bibirutira kwiyahura. Arakibwira ati: Ejo mu gitondo uzabajyane mu mbuga, ubereke amagufwa n'ibihanga by'abantu wishe kera, ubakangishe ubabwira uti: Iminsi irindwi itarashira, nzabatanyagura nk'uko natanyaguye bagenzi banyu aba.

Umunsi wa kane

Nuko mu gitondo, cya gihanda kirongera kijya aho bari, kibajyana mu mbuga, kibereka amagufwa nk'uko umugore wacyo yakigiriye inama. Kirababwira kiti: Aya ni amagufwa y'abagenzi bameze nkamwe, bandibatiye igikingi nkamwe, ndabafata; ngeze aho nashakiye, ndabatanyagura. Iminsi cumi itarashira, nzabagirira ntyo namwe. Nimugende, musubire mu isenga yanyu! Kivuze ibyo, kibasubizayo kigenda kibakubita.

Biriza uwi munsi barababara cyane. Bwije, icyo gihanda n'umugore wacyo Nyirabyiringirobike baryamye, barongera bajya inama y'imbohe zabo. Icyo gihanda gitangazwa n'uko kitabashije kubicisha inkoni cyangwa kubemeza kwiyica.

Umugore wacyo arakibwira ati: Ahari bihanganishwa no kwiringira yuko babona abantu babakuramo: cyangwa ahari bafite icyo kumena ibyuma bifunze inzugi, bakiringira ko cyabahesha gucika. Icyo gihanda kiramubwira kiti: ibyo nibyo uvuze, mukunzi wanjye! Nuko nzabasaka hose mu gitondo.

Maze mu gicuku za mbohe zitangira gusaba Imana, zikesha ijoro zisaba. Umuseke ugiye gutambika, Mukristo aratangara, arirakarira ati: Ndi umupfu ntya! Naryamye mu kazu k'imbohe kanuka, kandi mbasha kwikiza uwo mwanya! Mfite urufunguzo mu myambaro yanjye rwitwa IBYASEZERANIJWE, rubasha gufungura ibyuma bifunze inzugi zose z'iki gihome cy'i Shidikanyamana. Byiringiro aramusubiza ati: Uvuze inkuru nziza; rukuremo ugerageze.
Mukristo arukura mu myambaro ye, agerageza gufungura urugi rwa ka kazu ko munsi y'ubutaka. Rukinguka uwo mwanya rutamuruhije, bombi barasohoka, ajya ku rugi rundi rujya mu mbuga, narwo arufunguza rwa rufunguzo. Ajya ku rugi rw'icyuma rukinze irembo, maze urwo rufunguka rumuruhije cyane, ariko ntirwananira urwo rufunguzo. Basunika urwo rugi ngo bacike vuba; maze rugikinguka, rukaka cyane, cya gihanda Bwihebe kirakanguka. Kibyutswa vuba no kubakurikira ngo kibafate; kizukirwa n'igicuri kiraraba, nticyabasha kubakurikira. Bariruka, bagera ku nzira y'Umwami wabo, barakira, kuko bavuye mu butware bwa cya gihanda.

Maze bajya inama y'icyo bari bukore kugira ngo baburire abandi bazagera kuri rya rembo, badateshuka bagafatwa na cya gihanda. Bashinga inkingi kuri iryo rembo, bandikaho aya magambo, bati inzira icyamiye muri iri rembo ijya mu gihome cy'i Shidikanyamana. Nyiracyo ni igihanda cyitwa Bwihebe gisuzugura Umwami w'igihugu cyo mu ijuru, gishaka kurimbura abagenzi be bera.



Uko bacitse mu gihome cy'i Shidikanyamana

Nuko ababakurikiye benshi basoma ibyo byanditswe, bakira ayo makuba. Mukristo na Byiringiro bamaze gushinga iyo nkingi, bararirimba bati:

Twataye inzira nziza
Duca ahatanyurwa:
Icyo cyatumye ibyago
Bihadufatira.
Uzadukurikira
Agana mu ijuru
Azirinde igihanda
Gitera ubwihebe! (Ijwi 78)

20. IMISOZI Y'IGIKUNDIRO

BAKOMEZA urugendo bajya ku MISOZI Y'IGIKUNDIRO, nyirayo ni umwami nyiri wa musozi w'i Biruhanya. Baterera iyo misozi, babona imirima n'ibigombe by'ibiti byera imbuto ziribwa, babona n'inzabibu n'amasoko. Baranywa, bariyuhagira, barya imbuto z'inzabibu, uko bashatse. Mu mpinga z'iyo misozi hari abungeri baragira intama bahagaze iruhande rw'inzira. Ba bagenzi barabasanga, bishingikiriza inkoni zabo, nk'uko abagenzi barushye bakora, barababaza bati: Iyi misozi y'igikundiro ni iya nde? N'izi ntama zirisha ni izande? Abungeri bati iyi misozi ni iy'igihugu cy'Imanueli *(Mat 1:2)*, yitegeye ururembo rwe: izi ntama nazo ni ize, kandi yarazipfiriye (*Yoh 10:11-15*).

Mukristo ati: Iyi niyo nzira ijya mu rurembo rwo mu ijuru?

Abo bungeri bati: Niyo nta yindi.

Mukristo ati: ni kure kungana iki?

Abo bungeri bati: Urugendo ni urwo kunanira abatazagerayo by'ukuri.

Muri Bibiliya muri (Mat 1:2) haranditswe ngo: Aburahamu yabyaye Isaka, Isaka yabyaye Yakobo, Yakobo yabyaye Yuda na bene se

Mukristo ati: Iyi nzira irimo akaga, cyangwa ni nziza?
Abo bungeri bati: Ni inzira kubo yatunganirijwe, ariko abanyabyaha bazayigwamo *(Hosea 1:9).*

Mukristo ati: Hariho uburuhukiro, aho abagenzi barushye baruhukira? Abo bungeri bati: Umwami nyiri iyi misozi yadutegetse ko tutibagirwa gucumbikira abashyitsi tukabazimanira *(Abaheb 13:2).* Noneho ibyiza by'aha hantu byose ni ibyanyu. Kandi ndota yuko abo bungeri bamenye ko ari abagenzi babaza amagambo nk'ayo bajya babazwa n'abandi. Bati: murava he? Kandi bati mwinjiye muri iyi nzira mute? Kandi bati: Mwayikomeje mute? Ko abatangira kuza ino bakagera kuri iyi misozi ari mbarwa. Bumvise ibyo babashubije, abo bungeri barabishima, babarebana urukundo barababwira bati: Murakaza ku misozi y'igikundiro.
Amazina y'abo bungeri ni BWENGE na KAMENYERO na NTAGOHEKA na MUTARIGANYA. Babafata mu ntoke, babajyana mu mahema yabo, barabagaburira. Barababwira bati: turashaka ko mumarana natwe iminsi mike, kugira ngo tumenyane cyane, namwe murye ibyiza byo kuri iyi misozi y'igikundiro, mwidagadure. Barabyemera. Uwo mwanya bararyama, kuko ijoro ryari rishyize kera.

Maze ndota yuko mu gitondo abo bungeri bahamagaye Mukristo na Byiringiro, ngo bazererane nabo kuri iyo misozi. Nuko bamara umwanya bazererana, bitegera hose, basanga ari heza. Maze abo bungeri barabazanya bati: Twereke aba bagenzi ibitangaza? Bahuza inama yo kubibereka, babajyana mu mpinga y'umusozi witwa BUYOBE, ku ruhande rwo hirya yawo hari imanga ndende. Babageza hejuru y'iyo manga, babategeka kureba hasi, babona intumbi z'abantu bamwe bavunaguwe no kugwa muri iyo manga.

Mukristo ati: Ibi ni ibiki?
Abo bungeri bati: ntimwari mwumva ibya Humenayo na Fileto, uko bayobeje bamwe mu byerekeye umuzuko *(2 Tim 2:17-19)?*
Mukristo ati: Twarabyumvise. Abo bungeri bati bariya mubonye bavunaguwe no kugwa hasi nibo abo. Ntibarahambwa na bugingo

n'ubu, kugira ngo babere abandi akabarore, be kurira hejuru y'uyu musozi w'i Buyobe, be kwegera n'iyi manga. Baherako babajyana mu mpinga y'umusozi witwa MWIRINDE, babategeka kureba kure. Barareba, babona abantu bagendagenda mu bituro byari aho: babona ko ari impumyi kuko basitaraga kuri ibyo bituro hato na hato, ntibababashe kubivamo.

Mukristo arabaza ati: Bariya babaye bate?

Abo bungeri bati: Mutaragera kuri iyi misozi, ntimwabonye irembo ibumoso bw'inzira, rijya mu rwuri?

Mukristo ati: Ye, twararibonye.

Abo bungeri bati: Kuri iryo rembo hacyamiye inzira ijya mu gihome cyubatse ahitwa i Shidikanyamana, nyiracyo ni igihanda cyitwa Bwihebe, abo mureba bariya bari abagenzi nkamwe, bagera kuri iryo rembo. Bumva inzira nziza ihisha ibirenge byabo imputa, bateshwa iyo, barayoba, bajya muri muri rwa rwuri, icyo gihanda Bwihebe kibafatirayo, kibajyana mu gihome cyacyo cy'i Shidikanyamana, kibashyira mu kazu ko munsi y'ubutaka, kibatinzamo, hanyuma kibamena amaso kibajyana muri biriya bituro, kirabasiga ngo barindagire: bagejeje n'uyu munsi bakirindagira. Mukristo na Byiringiro bararebana amarira ngo bugubugu, ntibagira icyo basubiza abo bungeri.

Maze ndota abungeri babajyana ahandi hantu ho mu gikombe, hari urugi mu mucyamu w'umusozi. Bakingura urwo rugi, babategeka kurungurukamo. Barungurukamo, babonamo umwijima w'icuraburindi n'umwotsi mwinshi, bakeka ko bumvise umuriro ugurumana no gutaka kw'abababazwa n'umunuko w'amazuku. Mukristo arababaza ati: Ibi ni ibiki? Abo bungeri baramusubiza bati: Iyi ni inzira y'ubusamo ijya i Gehinomu: niyo indyarya zinyuramo zaguze imirage yabo y'abana b'imfura, nka Esawu *(Abaheb 12:16);* n'izaguze shebuja, nka Yuda *(Luka 22:3-6);* n'izabeshye zikaryarya, nka Ananiya n'umugore we Safira *(ibyak 5:1-2)*

Byiringiro abwira abo bungeri ati: mbonye yuko abo bose bishushanyaga nk'abagenzi baca mu nzira ijya mu ijuru, nk'uko natwe tuyicamo. Si ukuri?
Abo bungeri bati: Bamwe bagarukiye imbere; abandi ntibarakagera kuri iyi misozi.

Byiringiro ati: Bagarukiye he, babona kurimbuka?
Abo bagenzi baravuga bati: Dukwiriye gusaba imbaraga wa Munyembaraga. Abo bungeri bati: Ni koko; kandi uko muzazihabwa, muzaba mukwiriye kuzikoresha.

Maze abagenzi bashaka gukomeza urugendo, n'abungeri barabemerera: ariko barabanza barabaherekeza, babageza aho iyo misozi iherera, abo bungeri baravugana bati: Reka twereke aba bagenzi irembo ry'ururembo rwo mu ijuru, niba babasha kurirebesha darubini yacu. Abagenzi babyemera babikunze cyane, babatereza umusozi muremure witwaga AHITEGEYE, babaha darubini iyo ngo barebe. Bagerageza kuyirebesha, ariko amaboko yabo yahindaga umushyitsi, kuko bibukaga ibyo abungeri baherutse kubereka, ntibababasha kuyirebesha neza. Ariko bibwira yuko babonye igisa n'iryo rembo n'igice cy'ubwiza bwaho.

Bagiye kugenda, umwe muri abo bungeri abaha urwandiko rubayobora inzira. Undi babwira kwirinda abariganya. Undi arabahugura, ngo babe maso, be gusinziria ahantu haroga. Uwa kane arabasezerera ati: ku Mana. Nuko ndakanguka.

21. NTABWENGE NA NIZERABUHORO

NDASINZIRA, ndongera ndota mbona ba bagenzi bamanuka ya misozi, baca mu nzira ijya mu rurembo rwo mu ijuru. Hasi y'iyo misozi, ibumoso bw'inzira yabo hari igihugu cyitwa NYIRANDABIZI: muri icyo gihugu haturutse inzira nto y'ikigorogoro ihuye n'inzira abo bagenzi bacagamo. Mu mayirabiri bahahurira n'umusore uturutse muri icyo gihugu witwaga NTABWENGE. Mukristo aramuramutsa, aramubwira ati: urava he, ukajya he?

Ntabwenge ati: Navukiye muri kiriya gihugu, ndajya mu rurembo rwo mu ijuru.

Mukristo ati: Wibwira ko uzinjira mu irembo ryarwo ute? Ngira ngo nugerayo uzabona ibinanirana.

Ntabwenge ati: Nzarwinjiramo nk'uko abandi barwinjiramo.

Mukristo ati: Ufite iki, uzereka abo kuri iryo rembo, ngo bakugururire?

Ntabwenge ati: Nzi ibyo Umwami wacu akunda, ngira ingeso nziza, nishyura uwo mbereyemo umwenda wese; ndasenga, niyiriza ubusa, ntanga igice cya cumi cy'ibyanjye, kandi nasigiye igihugu cy'iwacu kugira ngo njye iyo ngiyo.

Mukristo ati: Ko utinjiye muri rya rembo rirasukirwaho ryo muri iyi nzira, ahubwo waciye muri iyo nzira nto y'ikigorogoro? Nicyo gitumye n'ubwo wiyogeza, ntinya yuko ku munsi w'urubanza utazinjizwa muri urwo rurembo, ahubwo urubanza ruzagutsindira ko uri umujura n'umunyazi *(Yoh 10:1)*

Ntabwenge ati: Yemwe bagabo, muri inzaduka simbazi! Mwemere gukurikiza idini y'iwanyu, nanjye ndakurikiza iy'iwacu. Niringiye yuko byose bizaba byiza. Iryo rembo muvuze, bose bazi yuko riri kure cyane y'iwacu. Nibwira yuko ari nta w'iwacu n'umwe uzi n'inzira irigeraho. Kandi ntacyo bitwaye, kuko dufite iyacu nzira ubonye nziza y'ubusamo, ihura n'iyi. Mukristo abonye yuko yiyita umunyabwenge, yongorera Byiringiro ati: Umupfu yarusha uyu kuba uwo gukira. Tugenze dute? Dukomeze kuvugana nawe, cyangwa

tujye imbere tumusige, abe yibwira ibyo tumubwiye; hanyuma duhagarare tumurinde, tumenye yuko ahari twamufasha dukomeje kuganira nawe ayo magambo hato na hato.

Byiringiro aravuga ati: Ku bwanjye si byiza kumubwira ibyo byose igihe kimwe. Tumusige, nubikunda tuganire nawe ubwa nyuma, nk'uko ashobora kwihanganira amagambo yacu. Nuko bajya imbere, Ntabwenge abakurikira ubwa nyuma. Bamaze kumujya imbere, bagera ahantu h'umwijima mwinshi, bahura n'umuntu abadayimoni barindwi bajyana kuri rwa rugi babonye mu mucyamu w'umusozi, bamuboheshe imigozi ikomeye irindwi. Bahinda umushyitsi bombi, ariko Mukristo arunguruka iyo mbohe bakiyijyana, kugira ngo arebe ko yayimenya; yibwira yuko ahari ari umuntu witwaga MUSUBIRINYUMA, utuye mu mudugudu witwa MUREKAMANA. Ariko ntiyamubona mu maso neza, kuko yarebaga hasi nk'umujura ufashwe. Abanyuzeho, Byiringiro aramukebuka, abona mu mugongo we urupapuro rwanditsweho ngo uyu yaturaga ko ari umukristo, akagira ingeso ziteye isoni, none aretse Imana rwose, aba uwo kurimbuka.

Mukristo abwira mugenzi we ati: Nibutse inkuru bambariye y'ibyabereye ku munyangeso nziza bugufi bw'aha, witwaga NIZERABUHORO. N'ubwo yitwaga atyo, yari umunyangeso nziza, yabaga mu rurembo rwitwa MUTARYARYA. Mu itangiriro ry'aha hantu hafunganye, hariho akayira guturutse ku irembo ry'inzira ngari ijyana abantu ku kurimbuka kwitwa AKAYIRA K'INTUMBI: bakitiriye batyo kuko gahora kicirwamo abantu. Nizerabuhoro uwo yari umugenzi nkatwe; yajyaga mu rurembo rwo mu ijuru; yicaye mu mayirabiri, arasinzira. Muri icyo gihe hanyura abambuzi batatu b'abanyamaboko baturutse ku irembo rya ya nzira ngari, umwe yitwaga MUTIMURABYE, undi yitwa MUTIRINGIRA, uwa gatatu yitwa MUSHINJWIBYAHA, ni abavandimwe. Babonye Nizerabuhoro aryamye, baza biruka.

Basanga uwo mugenzi agikanguka uwo mwanya ngo agende. Bamugezeho, baramukangisha ngo atiruka. Ahagarara ahinda umushyitsi, ntiyabasha kurwana cyangwa guhunga. Mutimurabye aramuturumbukira, ashora ukuboko mu myenda ye, akuramo uruhago rw'amafaranga. Nizerabuhoro avuza induru, ati: Ngaba abambuzi hano! Maze Mushinjwibyaha amukubita inshyimbo mu mutwe, agwa hasi, ararambarara, ava amaraso nk'uri bwicwe no kudatsina. Abo bambuzi bamuhagarara iruhande maze bumva abantu bagendagenda mu nzira nziza. Baratinya ngo ahari umwe muri bo yaba ari MUHABWABUNTUBWINSHI, utuye mu mudugudu witwa NIRINGIRIMANA, barahunga, basiga wa munyangeso nziza. Hashize umwanya, Nizerabuhoro arahembuka, arabyuka apfa kugenda atogota. Iyo niyo nkuru bambariye.

Byiringiro ati: Mbese, ntibamwambuye ibyo yari afite byose?

Mukristo ati: Oya yari afite amabuye y'igiciro cyinshi yahawe n'Umwami wacu. Kandi yari afite n'urwandiko rwe rwo kuzatanga ageze ku irembo ry'ururembo rw'i Siyoni. Ibyo yari yabihishe mu myambaro ye, ntibababibona. Ariko numvise yuko byamuteye agahinda kenshi kuko bamwibye amafaranga ye hafi yose. Yashigaje make cyane atashoboye kumutunga mu rugendo rwe rusigaye. Ndetse ngo yagombaga kugenda asabiriza kugira ngo abone utwo kurya: no gusonza yasonzaga kenshi mu rugendo mu rugendo rwe rusigaye.

Byiringiro ati: Ngira ngo yahumurijwe n'uko batamwibye ya mabuye ye?

Mukristo ati: Ni ukuri amabuye ye aba yaramuhumurije, iyo aba yarayakoresheje nk'uko bikwiriye. Ariko bambwiye yuko agahinda n'umutima uhagaze yagize kubwo kwibwa amafaranga byamubujije kunezererwa ayo mabuye kumara urugendo rwe rusigaye rwose. Ngo yajyaga yibagirwa ko ayafite ndetse.



Nizerabuhoro atewe n'abambuzi

Kandi n'aho ubundi yayibukaga, yateshwaga ibyo bitekerezo vuba no kongera kwibuka ibyo yambuwe; nuko iryo shimwe rye rikamirwa n'agahinda

Byiringiro ati: Yewe, yagize agahinda koko!

Mukristo ati: Ni koko. Guterwa atyo ari mu mahanga, akamburwa, agakomereka, byari bikwiriye kumubabaza. Ndeste byari ibyo kumwicisha agahinda. Bambwiye yuko byamuhinduye umunyamanyanga masa. Ngo uwamushyikiraga mu nzira wese, nta kindi yashoboraga kumuganiriza keretse kumubarira izo nkuru z'uko yibwe agakomereka, n'iz'ibyo yibwe, n'iz'abo bambuzi.

Byiringiro ati: Ariko ntangajwe n'uko ataguze ku mabuye y'igiciro cyinshi yari afite ngo abone amafaranga yo kumutunga mu rugendo.

Mukristo ati: Uti iki? Yayagura iki se? Yayagura na nde? Aho ntuzi yuko, muri icyo guhugu cyose aho yamburiwe batazi yuko ayo mabuye ari ay'igiciro? Kandi rero, ntabwo aba yaremeye kuyagura. Yari azi yuko yagera ku irembo ry'ururembo rwo mu ijuru atayafite, byazamubuza kuhaherwa gakondo. Ibyo biba byaramubabaje kuruta abambuzi inzovu.

Byiringiro ati: Ko urakaye se mwene Data? Mbese Esawu ntiyaguze umurage we w'umwana w'imfura, awugurana igaburo rimwe ndetse *(Abaheb 12:16-17)?* Uwo murage wari uhwanye n'ibuye ry'igiciro kinini kuruta ayandi. Ubwo yagize atyo, Nizerabuhoro nawe ntiyabikora se?

Mukristo ati: Ni ukuri Esawu yaguze umurage we, kandi hariho n'abandi benshi bagenza nkawe, bigatuma babura umugisha uruta iyindi. Ariko rero ukwiriye gutandukanya Esawu na Nizerabuhoro. Imana ya Esawu yari inda, ariko Nizerabuhoro siko amera. Esawu yarebaga ibiboneka by'igihe gito byo guhaza umubiri we. Nizerabuhoro we yarebaga ibitaboneka bigumaho kugeza iteka ryose *(2 Abakor 4:18);* yamenye neza umumaro mwinshi w'ayo mabuye ye, ari yo murage we utabasha kubora cyangwa

kugajuka *(1 Pet 1:4).* Ntabwo aba yarashoboye kugura uwo murage nk'uko Esawu yaguze uwe. Ni koko yari afite kwizera guke, ariko Esawu ntako yari afite, haba na guke. Utizera na buhoro agomba gutwarwa n'umubiri we rwose: uwo ntazabura kugura umurage we hamwe n'ubugingo bwe, abigura na Satani ubwe. Umaranira iby'isi ntawe uzamubuza kubironka. Ariko Nizerabuhoro siko yameraga: we yamaraniraga ibyo mu ijuru. Ntabwo aba yarashoboye kubigura iby'igihe gito bidahaza. Mbese inuma yashobora kurya amara nk'inkongoro? Abatizera nibo bonyine bashobora kugurana iby'iteka ryose ibinezeza umubiri by'akanya gato, nabo ndetse bakigura ubwabo. Abafite kwizera, n'aho kwaba guke, ntabwo babishobora. Ubwo wibwiye ko byamushobokera, wayobye rwose.

Byiringiro ati: Ndabyemeye; ariko rero byabanje kumerera nabi ko wampannye utyo cyane.

Mukristo ati: Erega, nashatse kuguhugura gusa. Ariko tubireke, dukomeze gutekereza kuri Nizerabuhoro n'abambuzi bamuteye. Nta kirimo cyo kudutandukanya.

Byiringiro ati: Ariko, Mukristo, ba bambuzi sinshidikanya ko atari abanyabwoba gusa. Iyo bataba abanyabwoba, baba barahunze bumvise ko hari umuntu umwe? Ni iki cyatumye Nizerabuhoro adakomeza umutima? Aba yarashwashwanije, akarwana akanya gato, akemera ko bamunyaga niba abonye ko atabasha kwikiza.

Mukristo ati: Benshi bavuze ko abo bambuzi ari abanyabwoba, ariko ababonye ko ari ko biri mu gihe cy'intambara ni bake. Umva ko wavuze ibyo gukomeza umutima: nta mutima ukomeye Nizerabuhoro yari afite. Nawe ubwawe mwene Data, iyaba ari wowe bateye, ndahamya yuko uba warashwashwanije, ukarwana akanya gato, ukananirwa. Ubwo butwari ufite batahari, wababona, nk'uko uwo yababonye, watekereza ukundi!

Ariko ite kuri ibi: abo bambuzi ntibiyamburira ubwabo, ahubwo ni intumwa z'umwami wa rwa rwobo rutagira akagero; kandi habaye impamvu, ubwe yabatabara, akaza yivuga nk'intare (*1 Pet 5:8)*. Nanjye natewe nk'uko Nizerabuhoro uwo yatewe, mbona yuko biteye ubwoba rwose. Abo bambuzi uko ari batatu baranteye: ntangira kubarwanya, nk'uko bikwiriye umukristo, batabaza rimwe gusa, shebuja araza. Mbona yuko urupfu rungezeho rwose: mba narapfuye koko, ni uko ku bw'imbabazi z'Imana nari nifurebye ibyuma byageragejwe. Kandi n'ubwo nari mbyifurebye, nabonye yuko kurwanisha ubutwari bikomeye cyane. Ntawe uzi iyo ntambara uko ikomeye, keretse uwayirwanye.

Byiringiro ati: Ariko baketse gusa yuko haje Muhabwabuntubwinshi, ntibahunga?

Mukristo ati: Nzi yuko bahungaga kenshi, bo na shebuja, iyo Muhabwabuntubwinshi yabonekaga gusa: ibyo ntibItangaza kuko ari intwari y'Umwami wacu na Nizerabuhoro. Kuko ingabo z'Umwami wacu atari intwari zose: ababasha gukora iby'ubutwari bihwanye n'ibya Muhabwabuntubwinshi si bose. Twatekereza yuko umwana muto yanesha Goliyati nk'uko Dawidi yamunesheje? Cyangwa ko ifundi igira amaboko nk'ay'imfizi? Bamwe bafite amaboko menshi, abandi bafite make: bamwe bafite kwizera kwinshi, abandi bafite guke. Nizerabuhoro uwo yari umunyamaboko make; nicyo cyatumye atsinwda.

Byiringiro ati: Iyaba Muhabwabuntubwinshi yaraje koko, ngo abatsinde!

Mukristo ati: kandi niyo aba we, ahari aba yarabonye intambara ishaka kumunanira, Muhabwabuntubwinshi arwanisha intwaro ze neza cyane, kandi akibasha kubakubitisha iruba ry'inkota, akababuza kugera ku karume, abasha kubatsinda kandi yabatsinze kenshi. Ariko bagera ku karume, n'aho yaba Mutimurabye cyangwa Mutiringira cyangwa wa wundi wa gatatu, ahari bamutsinda hasi, kandi utsinzwe hasi yakora iki?

Uwareba neza mu maso ha Muhabwabuntubwinshi yabonaho inkovu zerekana yuko ibyo mvuze ari ukuri. Numvise yuko yavuze akirwana ati: Twihebye yuko tudagikize *(2 Abakor 1:8).* Abo bambuzi b'abanyamaboko barwanyaga Dawidi, akarira, akaniha, akaboroga *(Zab 43). Na Eliyakimu (2 Abami 19)* na *Hezekia (2 Abami 19:20),* n'ubwo mu bihe byabo bari intwari, bagombaga gushikama cyane batabidebekeye, iyo baterwaga nabo, nyamara abo bambuzi bakabakubita cyane. Hari ubwo na Petero yagerageje kubarwanya: n'ubwo bamwe bamwita umutware w'intuma, hanyuma yo kurwana nabo yatinye umuja buja *(Mat 26:69-70).*

Kandi umwami wabo iminsi yose ahora yiteguye kubatabara; ntabwo aba aho atabasha kubumva batsindwa, ubwo agatabara, niba bishoboka. Umva uko igitabo cya Yobu kimuvuga ngo: n'aho hagira umwerekezaho inkota cyangwa icumu cyangwa umwambi cyangwa icumu ry'irihima, ntacyo byamara. Ngo ibyuma abireba nk'ibyatsi, kandi umuringa awugereranya nk'igiti kiboze, ngo umwambi ntiwamuhungisha; amabuye y'umuhumetso amubera nk'umurama, ngo ubuhiri abureba nk'ibikuri, aseka guhinda kw'icumu *(Yobu 41:26-29).* Umuntu yarwanya ate umeze atyo? Icyakora umuntu yagira ifarashi ya Yobu, ngo arwane intambara ahetswe nayo, ahari yo yamushoboza gukora iby'ibutwari. Byanditswe ngo Yambaye umugara uhungabana ku ijosi ryayo. Ngo ishobora gusimbuka nk'uruzige. Ngo kwivuga kwayo gutera ubwoba. Ikaraha mu gikombe, yishimira imbaraga zayo, ikajya gusanganira ingabo. Ngo isuzugura ubwoba ntacyo itinya: ndetse ntabwo ihindukira ngo ihunge inkota…

Ngo uburakari bwayo bukaze butuma iyogoza isi, kandi iyo yumvise ijwi ry'impanda, irivuga iti: Utyooo! Ngo irehera intambara ikiri kure guhinda kw'abagaba n'urusaku *(Yobu 39:19-25).* Ariko abarwanira ku birenge nkatwe, twe kwifuza guhura n'umubisha. Cyangwa iyo twumvise yuko abandi baneshejwe, twe kwirara, nk'aho tuba twarabashije kubarusha ubutwari; kuko

abameze batyo bakunda kuneshwa mu igeragezwa. Ibuka ibyo navuze kuri Petero ubwa mbere. Yakundaga kwirarira, akanga kubivaho; kwiyogeza kwe kukamutera kuvuga ko yarusha abandi bose ubutwari bwo kurwanirira Shebuja: ariko ni nde waneshejwe n'ah'abambuzi nkawe? Noneho iyo twumvise yuko abantu bamburiwe batyo mu nzira y'Umwami wacu, ibyo dukwiriye gukora ni bibiri: icya mbere ntitukagende tutifurebye ibyuma tudatwaye intwaro, kandi cyane cyane twe kubura gutwara ingabo, Pawulo yaravuze ati: Kuri ibyo byose mutware kwizera nk'ingabo: niko muzashobora kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro *(Abef 6:16).* Kandi ni byiza ko dusaba Umwami wacu uwo kujyana natwe, cyane cyane ngo ajyane natwe ubwe. Nicyo cyatumye Dawidi yishimira mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu *(Zab 23:4);* na none Mose yashatse gupfira aho yari ari, abirutisha kugenda intambwe imwe, atari kumwe n'Imana ye *(Kuva 33:15).* Mwene Data niba iyo igendana natwe, ntidukwiriye gutinya abantu inzovu baduhagurukiye *(Zab 3:5-8; 27:1-3).* Ariko abibone batayifite bagwa hasi, bakaba munsi y'intumbi *(Yesaya 10:4).*

Jyewe ubwanjye kera narwanye iyo ntambara, kandi n'ubwo ndi muzima, nk'uko undeba, ku bw'imbabazi z'Iruta bose, sinirata ubwanjye butwari. Nintongera kubona intambara nk'izo, nzishima, ariko ndatinya yuko tutaragera aho tutatererwa n'amakuba. Ubwo intare n'ingwe bitarandya, niringiye yuko Imana izadukiza umubisha wese tuzahura.

Maze Mukristo araririmba ati:

Yewe Nizerabuhoro,
Turakubabariye!
Koko wabonye amakuba
Ubwo bakunyagaga.
Bakunyaze ibyiza byawe,
Baranagukubita.
Aba bambuzi batatu
Mbese wabanesheje ute?
Uwizera Umwami Yesu
Ntawe uzamushobora.
Nimugwize kumwizera,
Mujye mumwiragiza.
Muzanesha abantu inzovu.
Naho utamwiringira
Ntiyashobora kunesha
Abatatu bonyine. (Ijwi 166)

22. MURIGANYA

NUKO bakomeza inzira, Ntabwenge arabakurikira. Bagera mu mayirabiri, aho indi nzira ihurira n'iyabo, igenda ibangikanye n'iyabo. Bayoberwa iyo bari bucemo, kuko zombi zari zirombereje imbere yabo: bahagarikwa no kujya inama. Bagitekereza iby'inzira, haza umuntu wirabura wambaye umwenda wera, arabasanga, ababaza ikibahagaritse. Baramusubiza bati: Turajya mu rurembo rwo mu ijuru, none muri izi nzira zombi ntituzi izatugezayo. Arababwira ati: nimunkurikire, kuko nanjye ari yo njya. Nuko baramukurikira, baca mu nzira yari ihuye n'iyabo, igenda izenguruka ho hato, nyuma ituma batera umugongo ururembo bashakaga kujyamo: maze bakomeza kumukurikira. Hanyuma abageza ku kigoyi batabizi, kibabohaboha bombi, babura icyo bakora. Uwo mwanya umwenda wera uva mu mugongo wa muntu wirabura, uragwa. Maze bamenya aho bari. Bamara umwanya baryamye barira, kuko batabashije kwikuramo.

Maze Mukristo abwira mugenzi we ati: none nimenyeho icyaha. Ba bungeri ko badutegetse kwirinda abariganya? Uyu munsi tubonye yuko amagambo ya wa Munyabwenge ari ukuri ngo, uriganya umuturanyi we aba amuteze ikigoyi *(Imigani 29:5)*. Byiringiro aramusubiza ati: Kandi ntibaduhaye urwandiko rutuyobora inzira, kugira ngo tutayoba? Maze twibagirwa kurusoma, ntitwirinda inzira z'umurimbuzi. Dawidi yaturushije ubwenge, kuko yavuze ati: ku bw'imirimo y'abantu, kwitondera ijambo ry'iminwa yawe niko kumpa kwirinda inzira z'abanyarugomo *(Zab 17:4)*. Nuko baryama mu kigoyi biganyira. Hanyuma babona umuntu urabagirana, aje aho bari, afite umugozi urimo myinshi bakoresha nk'ikiboko. Ageze aho bari, ababaza aho bava n'icyabazanye aho. Baramusubiza bati: Turi abagenzi bajya i Siyoni, ariko umuntu wirabura wambaye umwenda wera yatuyobeje, adutegetse kumukurikira, ngo niyo ajya. Uwari ufite icyo gisa n'ikiboko arabasubiza ati: Uwo muntu yitwa MURIGANYA, ni intumwa y'ibinyoma; yihinduye nka marayika w'umucyo *(2 Abakor 11:13-15)*, aca cya kigoyi, arababohora. Arababwira ati: Nimunkurikire, mbasubize mu nzira yanyu. Abasubiza mu nzira bavuyemo bagakurikira Muriganya.

Maze arababaza ati: Mwaraye he?

Bati twaraye mu bungeri ku misozi y'igikundiro.

Ati mbese ntibababahaye urwandiko rubayobora inzira?

Bati: Ye, baruduhaye.

Ati: Ubwo mwashidikanyaga, mbese ntimurakarusoma?

Bati: Oya.

Ati: Kuki?

Bati: Twari twibagiwe.

Ati: Ba bungeri ntibabategetse kwirinda abariganya?

Bati: Ye, ariko ntitwatekereje yuko uwo munyamvugo nziza ari we. Maze ndota abategeka kurambarara hasi, abakubitira cyane kugira ngo abigishe inzira nziza bakwiriye gucamo. Akibakubita aravuga ati: Abo nkunda, ndabacyaha, nkabahana ibihano; nuko rero, gira umwete wihane *(Ibyahish. 3:19)*. Maze abategeka gukomeza inzira bakita cyane ku by'abo bungeri bababwiye bindi.

Bamushimira ibyiza yabakoreye byose, bagenda mu nzira nziza bicishije bugufi, baririmba bati:

Mwa bagenzi mwe, nimuze,
Mwese tubabwirize
Uko biba ku bagenzi
Bemeye guteshuka.
Twe twafashwe n'ikigoyi
Kibi cya Muriganya.
Twari twibagiwe inama
Nziza batugiriye.
Hanyuma turagikira,
Maze turakubitwa:
Ntitugaya icyo gihano
Namwe kibaburire! (Ijwi 55)

23. MUHAKANAMANA

BAMARA umwanya bagenda, babona umuntu bagiye guhura ari wenyine.

Mukristo abwira mugenzi we ati: Dore umuntu tugiye guhura, ateye umugongo i Siyoni.

Byiringiro ati: Ndamubonye. Twirinde cyane; ahari nawe ni umuriganya.

Araza abageraho. Yitwaga MUHAKANAMANA ababaza aho bajya.

Mukristo ati: Turajya ku musozi Siyoni

Muhakanamana aseka cyane.

Mukristo ati: Usekejwe n'iki?

Muhakanamana ati: Ni uko mbonye yuko muri abanyabwenge buke, kuko murushywa n'urugendo runini, kandi muzahembwa urwo rugendo rwanyu gusa.

Mukristo ati: Ugira ngo ntituzakizwa?

Muhakanamana ati: simvuze ibyo kwakirwa. Muri iyi si yose nta hantu hariho hameze nk'aho mwibwira; mwaraharose.

Mukristo ati: ariko mu isi izaza hariho.

Muhakanamana ati: Nkiri iwacu mu gihugu cyacu numvise nk'ibyo uvuze ibyo, ngenda kuhashaka, mara imyaka makumyabiri nshaka urwo rurembo, sinarubona nk'uko na mbere ntarubonaga *(Umubwiriza 10:15).*

Mukristo ati: Twumvise yuko ruriho, na none turabyemera. Muhakanamana ati: Iyaba ntizeye ibyo nkiri iwacu, simba naririwe nkubita uru rugendo rurerure. Ndarubuze; iyo rubaho, mba nararubonye, kuko mbarushije kugarukira kure. None ndasubira aho mvuye. Nzashaka kwinezeresha ibyo natereye gushaka icyo mbonye ko kitariho.

Mukristo abaza mugenzi we Byiringiro ati: Ibyo uyu avuze ni iby'ukuri?

Byiringiro ati: Irinde; ni umuriganya. Ntiwibuka umubabaro twatewe no kumvira abahwanye nawe? Harya agize ngo nta musozi Siyoni uriho! Ubwo twari kuri ya misozi y'igikundiro, ntitwitegeye irembo ry'urwo rurembo? Kandi ntitwategetswe kugenda tuyoborwa no kwizera? *(2 Abakor 5:7).* Dukomeze urugendo kugira ngo wa muntu ufite ikiboko atongera kudusanga. Icyiza ni uko uba wanyigishije aya magambo ngiye kukubwira ngo Mwana wanjye, reka gupfa kumva ibyo ubwirizwa ngo wiyibagize amagambo y'ubwenge *(Imigani 19:27).* Nuko natwe turorere kumwumva, ahubwo twizere kugira ngo dukize ubugingo bwacu *(Abaheb 10:39).*

Mukristo ati: Mwene Data, icyatumye nkubaza ibyo si uko nashidikanyaga iby'ukuri twizera, ahubwo ni ukugira ngo nkugerageze, numve uko uhamya iby'ukuri bikurimo. Uyu mugabo nzi yuko inama y'iyi si yamuhumye umutima. Nuko dukomeze inzira, tuzi yuko twizera iby'ukuri, kandi yuko nta binyoma biva mu kuri *(1 Yoh 2:21).*

Byiringiro ati: Nishimiye ibyiringiro byo kuzabona ubwiza bw'Imana *(Abarom 5:2).* Baramusiga, baragenda, nawe agenda abaseka.

24. UBUHAMYA BWA BYIRINGIRO

BAKOMEZA inzira, bagera mu gihugu ikirere cyacyo gituma umunyamahanga ukijemo ashaka gusinzira, Byiringiro atangira kuremererwa n'ibitotsi, abwira Mukristo ati: Ndemerewe n'ibitotsi cyane, ndabumbura amaso binduhije cyane; reka turyame hano, dusinzire ho gato.

Mukristo ati: Ashwi; twasinzira ntitwakanguka ukundi.

Byiringiro ati: Ibitotsi ntibinezeza abakozi se? Gusinzira kwabasha kudusubizamo intege.

Mukristo ati: aho ntiwibagiwe ibyo umwe muri ba bungeri yatubwiye ko twirinda IGIHUGU KIROGA? Ayo magambo ntiyatubujije gusinzira se? Nuko twe gusinzira nka ba bandi, ahubwo tube maso, twirinde ibisindisha *(1 Abates 5:6)*

Byiringiro ati: Nemeye icyaha cyanjye! Iyo mba njyenyine, mba nishyize mu kaga k'urupfu kubwo gusinzira. Mbonye yuko ibyo wa munyabwenge yavuze ari iby'ukuri ngo ababiri baruta umwe *(Umubwiriza 4:9).* Kugeza ubu kubana nawe kwambereye umwigisha, uzagororerwa neza imirimo yawe.

Mukristo ati: Noneho tuganire ibyiza, kugira ngo tutaganzwa n'ibitotsi by'aha hantu.

Mukristo ati: Dutangirire ku ki?

Byiringiro ati: Dutangirire aho Imana yatangiriye kuduhindura. Ariko ndashaka ko ari wowe ubanza.

Mukristo ati: Nuko, mbanze nkuririmbire iyi ndirimbo:

Ibitotsi bibi
Biturembeje
Twabirwanya dute,
Ntidusinzire?

Mwumve icyaba cyiza:
Ni ukuganira
Amagambo meza
Noneho tujyane,
Mwa bagenzi mwe,
Iby'Imana yacu
Tubifatanye
Nuko tukigenda,
Turabwirana
Uko Umwami Yesu
Yadukijije
Nitugenza dutyo
Tukigendana,
Turatsinda inama
Z'umuhankanyi. (Ijwi 171)

Nuko Mukristo atangira atya, ati reka nkubaze ijambo. Ni iki cyabanje kugushakisha kugenda uru rugendo?

Byiringiro ati: Umbajije icyabanje kuntera gushaka icyakiza ubugingo bwanjye?

Mukristo ati: Ni cyo mbajije.

Byiringiro ati: Namaze igihe kirekire nishimira ibiboneka bikagurirwa mu iguriro ryacu. Ariko none nemeye yuko ibyo bintu byari kuzandimbuza, iyo nkomeza kubikunda.

Mukristo ati: Ni ibiki?

Byiringiro ati: Ni ubutunzi bwose bw'iyi si. Nishimiraga cyane ibiganiro bibi no gusinda no kurahirira Imana ubusa no gutukana no kubeshya no gusambana no kwica isabato n'ibindi bisa bityo bishaka kurimbuza ubugingo bw'umuntu.
Maze numva iby'Imana, mbirwirwa nawe na mwene Data Mwizerwa wiciwe mu iguriro ry'i Mburamumaro bamuhora kwizeza kwe n'ingeso ze nziza. Ubwo butumwa mwambwiye bumenyesha yuko amaherezo ya bya bindi ari urupfu *(Abarom. 6:21-23)*, kandi ko ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira *(Abef 5:6)*.

Mukristo ati: Mbese uwo mwanya wamenye ibyo wumvise ngo bikwereke uko wari umeze?

Byiringiro ati: Oya. Sinemeye uwo mwanya kumenya uko ibyaha ari bibi, cyangwa yuko Bizana gucirwaho iteka. Icyakora natangiye guterwa ubwoba n'ijambo ry'Imana: mperako ngerageza guhumiriza ngo ntavirwa n'umucyo waryo!

Mukristo ati: Ariko ni iki cyatumye ugenza utyo, ko Umwuka wera yari atangiye kukwigisha?

Byiringiro ati: Impamvu ni izi: Iya mbere sinari nzi yuko ibyo ari umurimo w'Imana undimo. Sinatekereje na hato yuko Imana ishatse guhindura umunyabyaha ibanza kumwemeza ibyaha bye ko ari bibi. Iya kabiri: kamere yanjye yari ikiryohehewe n'ibyaha: sinashakaga kubireka. Iya gatatu: nananirwaga guta inshuti zanjye za kera, kuko nakundaga kubana nazo no gukora nkazo. Iya kane: ibyo bihe numvaga ko ndi umunyabyaha uzacirwaho iteka byanteraga ubwoba no guhagarika umutima cyane; nicyo cyatumye ubwa nyuma ntashaka no kwibuka ibyo bihe na gato.

Mukristo ati: Mbese hari ubwo washoboraga kwibagirwa koko agahinda kawe n'ibyakaguteraga?

Byiringiro ati: Ye, ariko hanyuma kakongera kugaruka, kakantera umutima uhagaze kuruta mbere.

Mukristo ati: ni iki cyongeraga kukwibutsa ibyaha byawe?

Byiringiro ati: Ibyabinyibutsaga ni byinshi. Nabyibukaga

1. Iyo nahuriraga n'umunyangeso nziza mu nzira,
2. Iyo numvaga umuntu asoma igitaba cy'Imana,
3. Iyo nababaraga umutwe,
4. Iyo numvaga yuko bamwe mu baturanyi banjye barwaye,
5. Iyo nahuraga n'abagiye guhamba umuntu,
6. Iyo numvaga yuko umuntu akindutse,
7. Iyo nibukaga yuko nanjye nzapfa,
8. Cyane cyane iyo nibukaga yuko ntazabura gicirwa urubanza vuba.

Mukristo ati: Iyo wibutswaga n'ibyo yuko uriho urubanza rw'ibyaha, wabashaga kubyibagirwa vuba?

Byiringiro ati: Oya, si cyane kuko muri ibyo bihe, numvaga umutima wanjye urushaho kundega, kandi iyo natekerezaga kwisubirira mu byaha, narushagaho kugira agahinda n'ubwenge bwanjye bwashakaga kubyanga.

Mukristo ati: Maze ugakora iki?

Byiringiro ati: Natekerezaga yuko nkwiriye kugerageza gutunganya ingeso zanjye: nagira ngo ntazitunganya, sinabura kuzacirwaho iteka.

Mukristo ati: Wagerageje kuzitunganya?

Byiringiro ati: Ye, narabigeragezaga, nihunzaga ibyaha byanjye n'inshuti zanjye zikora nabi, ngakora imirimo ikwiriye abubaha Imana, nko gusenga, nko gusoma, uko kuririra ibyaha byanjye, nko kubwira bagenzi banjye iby'ukuri. Ibyo byose nabikoranaga n'ibindi byinshi kuruta uko nabikubwira nonaha.

Mukristo ati: ugikora ibyo, wibwiraga ko uzakira?
Byiringiro ati: namaze umwanya mbyibwira. Hanyuma ka gahinda kanjye kongera kumfata nka mbere, ntikabuzwe n'uko natunganije ingeso zanjye kose.

Mukristo ati: Kuki se? Ko wari umaze gutunganya ingeso zawe? Byiringiro ati: Ibyabinteraga ni byinshi. Cyane cyane ni ukwibuka amagambo nk'aya ngo: Ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bufite ibizinga *(Yesaya 64:5)*, kandi ngo: nta muntu utsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ubwo tukiri abagaragu batagira umumaro, tumaze gukora ibyo twabwiwe byose, ni ubupfu gusa gukomeza kwibwira ko nzinjizwa mu ijuru no kumvira amategeko.

Kandi nibwira n'ibi nti: Umuntu yajyamo umwenda w'amafaranga ibihumbi makumyabiri ya nyiri iduka, nyuma akajya yishyurira ibyo aguze byose, wa mwenda wa kera waba ukiri mu gitabo cya nyiri iduka uwo utarishyurwa, kandi yabasha kumurega, akamushyirisha mu nzu y'imbohe, akageza aho azarangiriza kuwishyura wose.

Mukristo ati: Wagereranije ute iby'uwo muntu n'ibyawe?

Byiringiro ati: Nibwiye ibi nti: Ku bw'ibyaha byanjye bya kera, nishyuzwa n'Imana umwenda munini cyane, wanditswe mu gitabo cyayo cy'abanyamyenda. Kandi simbasha kwishyurisha uwo mwenda wa kera gutunganya ingeso zanjye, ngikwiriye kwibwira nti Nakurwahonte urubanza rw'ibicumuro byanjye bya kera?

Mukristo ati: Wabigereranije n'ibyawe neza cyane: ariko ndakwinginze, komeza untekerereze.

Byiringiro ati: ikindi gihora kimbabaza, uhereye aho natunganyirije ingeso zanjye ukageza none ni iki: iyo nitegereje cyane ibyo nkora none birusha ibindi kuba byiza, ndacyabona ibyaha bivanze n'ibyo byiza. Nicyo gituma ntabura kwibwira yuko ibyaha byivanga n'umurimo mwiza wose bihagije kunshyirisha i Gehinomu, n'aho ibyo nakoze kera byose byaba byarabaye byiza.

Mukristo ati: Umenye ibyo, ukora iki?

Byiringiro ati: Nananirwaga kumenya icyo nakora, ngeza aho nabibwiriye Mwizerwa, kuko twari tuziranye neza. Ambwira yuko nintabasha kubarwaho gukiranuka k'umuntu utigeze akora icyaha, ntabwo nashobora kwikirisha ukwanjye gukiranuka cyangwa ukw'abandi bo mu isi yose.

Mukristo ati: Wemeye yuko yavuze ukuri?

Byiringiro ati: Iyaba yarambwiye ibyo, nkishimira kwitunganya kwanjye, nkibwira ko guhagije, mba naramwise umupfu. Ariko noneho, kuko namenye intege nke zanjye n'ibyaha bivanze n'ibyiza nkora byose, sinabura kwemera ibyo yavuze.

Mukristo ati: ariko ubwo yatangiraga kubikubwira, wemeye yuko koko haboneka umuntu utigeze gukora icyaha?

Byiringiro ati: Ndemera yuko ayo magambo yabanje kuntangaza, maze nongeye kubana na Mwizerwa no kuganira nawe ho gato, mperako mbyemera rwose.

Mukristo ati: Wamubajije uwo muntu uwo ari we, n'uburyo ukwiriye gutsindishirizwa nawe?

Byiringiro ati: Narabimubajije, ambwira yuko ari Umwami Yesu, wicaye iburyo bw'Imana isumba byose *(Abaheb 10:12).* Kandi arambwira ati: Uburyo ukwiriye gutsindishirizwa nawe, ni ukwizera ibyo yakoze ubwe, akiri mu isi, n'ibyo yababajwe, ubwo bamubambaga ku musaraba *(Abarom 4:5; Abakol 1:14; 1 Pet 1:19).* Ndamubaza nti: Gukiranuka k'uwo muntu kubasha gute gutsindishiriza undi mu maso y'Imana? Aransubiza ati: Yesu uwo ni Imana ishobora byose, kandi ibyo yakoze n'urupfu yapfuye, ntiyabyikoreye, ahubwo yarabigukoreye; nuko rero numwizera, ibyiza yakoze byose no gutungana kwe kose bizakubarwaho nk'aho ari wowe wabikoze!

Mukristo ati: Wumvise ibyo ukora iki?

Byiringiro ati: Ambwira kumusanga ngo nanjye nirebere. Nanjye nti: Si uguhangara ibidakwiriye? Ati: Oya, kuko yaguhamagaye ngo uze aho ari *(Mat 11:29).* Maze ampa igitabo cyandikishijwe na Yesu, ngo kimpumurize, njya aho ari. Ambwira yuko inyuguti yose yo muri icyo gitabo irusha ijuru n'isi gukomera *(Mat. 24.35).* Maze mubaza ibyo nkwiriye gukora ninjya aho ari; aransubiza ati ukwiriye gupfukamira Data wa twese, ukamwingingisha umutima wawe wose kukumenyesha umwana we *(Zab 95:6; Mat 11:25-27).* Ndamubaza nti: Sinzi icyo ndi buvuge mugezeho. Antegeka kuvuga nk'ibi nti Mana, mbabarira ndi umunyabyaha, umpe kumenya no kwizera Yesu Kristo.

Nutampa gukiranuka kwe mu cyimbo cyo gukiranirwa kwanjye, ndi uwo kurimbuka rwose. Mwami, numvise ko uri umunyebambe kandi ko watanze Umwana wawe ngo abe Umukiza w'abari mu isi, ngo umunyabyaha w'indembe nkanjye amuhabweho impano. Dore ndi umunyabyaha koko ukwiriye Ubuntu bwawe. Mwami, ubwo buntu ubunsazeho, unkize ku bw'Umwana wawe Yesu Kristo. Amen.

Mukristo ati: wasenze nk'uko yakubwiye?

Byiringiro ati: Ye, nasengaga ntyo hato na hato.

Mukristo ati: Maze Data wa twese aguhishurira umwana we?

Byiringiro ati: N'ubwo nasenze kenshi, ntiyamumpishuriye uwo mwanya, nk'uko nabyifuzaga.

Mukristo ati: Maze ukora iki?

Byiringiro ati: Nayobewe icyo nakora.

Mukristo ati: Ntiwatekereje kurorera gusenga?

Byiringiro ati: Nabitekereje kenshi cyane.

Mukristo ati: Ni iki cyatumye utarorera?

Byiringiro ati: Ni uko nari maze kumenya neza ibyo nabwiwe ko ari ukuri ngo sinabasha gukizwa n'ikindi kintu cyose cyo mu isi, keretse gukiranuka kwa Kristo. Nicyo cyatumye nibwira nti: Nindorera nzapfa, ariko ningumya gusenga n'aho napfa, napfira imbere y'intebe y'imbabazi. Kandi n'irindi jambo rinza mu mutima ngo n'aho byatinda ubitegereze; kuko kuza ko bizaza. Ntibizahera *(Habakuki 2:3)*. Nicyo cyatumye nkomeza gusenga, ngeza aho Data wa twese yampishuriye Umwana we.

Mukristo ati: Wamuhishuriwe ute?

Byiringiro ati: Sinamurebesheje amaso y'umubiri, ahubwo namurebesheje ay'umutima *(Abef 1:18-19)*. Byagenze bitya: Uwo munsi nagize agahinda kuruta ako nigeze kugira mu bindi bihe byose. Ako gahinda nakamenyeshejwe no kurushaho kumenyeshwa uko ibyaha byanjye bikomeye kandi ari bibi. Nta kindi nari ntegereje uretse kuzashyirwa muri Gehinomu nkarimbuka iteka ryose. Uwo mwanya nibwira ko mbonye Umwami Yesu, andunguruka ari mu ijuru.

Arambwira ati: Izere Umwami Yesu, urakira *(Ibyak 16:31)*. Ndamusubiza nti ariko Mwami, ko ndi umunyabyaha bikabije cyane! Aransubiza ati: Ubuntu bwanjye buraguhagije *(2 Abakor 12:9)*. Nanjye nti, Mwami nakwizera nte? Maze nibuka ijambo ngo Uza aho ndi ntazasonza na gato; unyizera ntabwo azagira inyota na gato *(Yoh. 6:35)*. Bimenyesha yuko kwizera Yesu no kujya aho ari ari bimwe. Ujya aho Kristo ari, niko kumusanga yifuza gukizwa na we kuruta ibindi byose: uwo niwe uba yizeye Kristo by'ukuri. Maze amarira arazenga, ndabaza nti Mwami, umunyabyaha bikomeye nkanjye wamwemera koko, ukamukiza? Aransubiza ati: Uza aho ndi sinzamwirukana na hato *(Yoh 6:37)*; Ndamubaza nti Mwami, ninza aho uri, nkwiriye kuza ngutekereza nte, kugira ngo nkwizere nk'uko bikwiriye? Aransubiza ati: Kristo Yesu yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha *(1 Tim 2:15)*. Kristo niwe amategeko asohoraho, kandi niwe uhesha uwizera wese gukiranuka *(Abarom 10:4)*. Yatangiwe ibicumuro byacu, azuririwa kugira ngo dutsindishirizwe *(Abarom 4:25)*. Aradukunda, kandi yatwejeshejeho ibyaha byacu amaraso ye *(Ibyahish 1:5)*. Ni umuhuza w'Imana natwe *(1 Tim 2:5)*. Ahoraho iteka ngo adusabire *(Abaheb 7:25)*. Ibyo byose byamenyeshe yuko Yesu ari we mukiranutsi wampesha nanjye gukiranukira Imana no guhongererwa ibyaha byanjye n'amaraso ye. Kandi binyereka yuko umurimo w'agakiza Yesu yawurangije ku musaraba, we yumvira amategeko ya Se ahorwa twebwe abayishe. Kandi menya ko uwo murimo atawikoreye, ahubwo yawukoreye umuntu wese wemera gukizwa ku bwawo, akawumushimira. Menya ibyo, umutima wanjye wuzura umunezero, amaso yanjye azengamo amarira, ndushaho gukunda izina rya Yesu Kristo n'abantu be n'ibyo ashaka ko dukora.

Mukristo ati: Wahishuriwe Kristo koko! Mbwira: ibyo byatumye umera ute hanyuma?

Byiringiro ati: Byamenyesheje yuko ab'isi bose, n'ubwo bibwira ko batunganye cyane, bari mu rubanza rwo gucirwaho iteka. Kandi yanyeretse uko Imana Data wa twese n'ubwo ica imanza zitabera,

ibasha gutsindishiriza umunyabyaha ujya aho iri, ntice urubanza rubera. Kandi natewe isoni n'ibyaha byanjye bya kera, mpagarikishwa umutima n'uko menye ko mfite ubwenge buke. Kuko ibyo nahishuriwe byarushije ibyo nibwiraga uhereye kera kose kunyereka ubwiza bwa Yesu Kristo. Byatumye nkunda ingeso zikwiriye abera, nkifuza kugira icyo nkora ngo ngwize icyubahiro n'ubwiza by'Umwami Yesu. Kandi nibwiye yuko iyo ngira amaraso angana n'amazi yo mu nyanja, nayavushwa yose ku bw'izina ry'Umwami Yesu.

25. NTABWENGE YANGA KUGIRWA INAMA

MAZE ndota Byiringiro areba inyuma, abona Ntabwenge basize, abakurikiye. Abwira Mukristo ati: Dore uko uriya musore asigaye kure.

Mukristo ati: Ndamubonye, ntakunda kujyana natwe,

Byiringiro ati: Ariko ngira ngo iyo agendana natwe, akageza none, biba byamugiriye akamaro.

Mukristo ati: Uvuze ukuri, ariko sinshidikanya yuko adatekereza ibindi.

Byiringiro ati: Nanjye niko mbibonye, ariko tumurinde. Baramurinda, abageraho.

Mukristo aramubwira ati: Banguka, tujyane! Ni iki gitumye usigara inyuma cyane?

Ntabwenge ati: Ndashaka kugenda jyenyine; bindutira kujyana n'abandi, keretse mbakunze cyane.

Mukristo yongorerea Byiringiro ati: Sinakubwiye yuko adashaka kujyana natwe? Ariko ubwo aha hantu hatari abantu, reka tuganire na we, igihe kidapfa ubusa. Maze abaza Ntabwenge ati: Uri amahoro? Umutima wawe umeze ute ku Mana kuri ubu?

Ntabwenge ati: Niringiye yuko meze neza, kuko mpora ntekereza ibyiza, bikampumuriza ngenda.

Mukristo ati: Ni ibiki? Bitubwire.

Ntabwenge ati: Nibwira iby'Imana n'iby'ijuru.

Mukristo ati: N'abadayimoni, n'abazimu barimbutse nabo nibyo bibwira.

Ntabwenge ati: ariko jyeweho ndabyibwira nkabyifuza.

Mukristo ati: Iby'ijuru byifuzwa na benshi batazagerayo. Byanditswe ngo umutima w'umunyabute urifuza, ntugire icyo ubona *(Imigani 13:4).*

Ntabwenge ati: Ariko jyeweho, uko mbyibwira kwandekesheje byose kugira ngo mbibone.

Mukristo ati: Sinemeye yuko waretse byose: kuko kureka byose ari ikintu gikomeye cyane, kuruta uko benshi bibwira. Ariko ni iki kitubwira ko waretse byose ku bw'Imana n'iby'ijuru? Ntabwenge ati: Umutima wanjye niwo wabimbwiye.

Mukristo ati: Wa munyabwenge yaravuze ati: uwiringiye umutima we ni umupfu *(Imigani 28:26).*

Ntabwenge ati: Ibyo bivugwa ku ufite umutima udatunganye: ariko uwanjye umeze neza.

Mukristo ati: Ufite mpamvu ki zikwemeza ibyo?

Ntabwenge ati: Ni uko umutima wanjye uhora umpumuriza, untera ibyiringiro byo kuzajya mu ijuru.

Mukristo ati: Ahari igituma uguhumuriza utyo bwaba ari uburiganya bwawo: kuko ushobora kuguhumuriza ukakwiringiza ibyo udafitiye impamvu zo kwiringira.

Ntabwenge ati: Ariko jyeweho umutima wanjye uhuye n'ingeso zanjye, noneho ibyiringiro byanjye byishingikirije ku by'ukuri. Mukristo ati: Ninde wakubwiye yuko umutima wawe uhuye n'ingeso zawe?

Ntabwenge ati: Umutima wanjye niwo ubimbwira.

Mukristo ati: Umugani ntuvuga ngo, baza inshuti yanjye yuko ndi umujura? Umva ko umutima wawe ubikubwira! Ijambo ry'Imana niridahamya ibyo, guhamya kw'ibindi ntacyo kumaze.

Ntabwenge ati: Ariko se, umutima wibwira ibyiza si umutima utunganye? Kandi ingeso zihuje n'amategeko y'Imama. Si nziza se?

Mukristo ati: Ye, umutima wibwira ibyiza ni umutima utuganye koko, kandi ingeso zihuje n'amategeko y'Imana ni nziza: ariko kubigira no kubivugaho si bimwe.

Ntabwenge ati: ndakwinginze mbwira: ibyo wita kwibwira ibyiza n'ingeso zihuje n'amategeko y'Imana ni ibiki?

Mukristo ati: Hariho kwibwira ibyiza k'uburyo bwinshi: ibyiza twibwira biduherereyeho, n'ibyiza twibwira ku Mana, n'ibyo twibwira kuri Kristo, n'ibyo twibwira ku bindi byose.

Ntabwenge ati: Ibyiza dukwiriye kwibwira biduherereyeho ni ibiki?

Mukristo ati: Ni ibihura n'ibyanditswe mu Ijambo ry'Imana.

Ntabwenge ati: Ibyo twibwira biduherereyeho bihura ryari n'ibyanditswe mu Ijambo ry'Imana?

Mukristo ati: Bihura iyo twicira urubanza rumwe n'urw'ijambo ry'Imana riducira. Reka mbisobanure: ijambo ry'Imana rivuga ku bantu bagikurikiza kamere yabo ya kavukire, ngo ntawe ukiranuka, ntawe ukora ibyiza. Kandi ngo ibyo umutima w'umuntu wibwira byose ni bibi gusa iteka ryose *(Itang 6:5; Abaroma 3:10-12)*; kandi ngo gutekereza kw'imitima y'abantu ni kubi uhereye mu bwana bwabo *(Itang 8-21)*. Nuko rero, niba natwe duhamya ibyo ngibyo biduherereyeho ko ari iby'ukuri koko, niko kwibwira ibitunganye kuko bihuye n'ibyo mu Ijambo ry'Imana.

Ntabwenge ati: sinemera na gato ko umutima wanjye ari mubi bikabije, nk'uko uvuze.

Mukristo ati: Nuko rero ubwo bimeze bityo, ntiwigeze kwibwira icyiza na kimwe kiguherereyeho, ariko reka nkomeze nkubwire. Nk'uko Ijambo ry'Imana ricira imitima yacu urubanza, niko rirucira n'ingeso zacu. Ibyo twibwira ku mitima yacu no ku ngeso zacu, ibyo bihuje n'urubanza Ijambo ry'Imana ribicira byombi, ni uko ibyo twibwira kuri byombi biba ari iby'ukuri.

Ntabwenge ati: Nsobanurira ibyo.

Mukristo ati: Ijambo ry'Imana rivuga ingeso z'umuntu n'inzira ze zose yuko zigoramye, zitaboneye, kandi yuko nta n'umwe uri mu

nzira nziza, ndetse ko nta n'uyizi kubwa kamere. *(Zab 125:5; Abarom 3:12).* Iyo umuntu yitegereje iby'inzira ze n'ingeso ze yicishije bugufi, akemera yuko ari ko biri koko, nk'uko Imana ibivuga, aba abitekereje mu buryo bw'ukuri, kuko ibyo yibwira bihuye n'ibyaciwe n'urubanza rw'Ijambo ry'Imana.

Ntabwenge ati: Ibyiza twibwira ku Mana ni ibiki?

Mukristo ati: Nk'uko navuze kuri twe ubwacu, niko biri no ku Mana. Ibyo twibwira ku Mana biba ari iby'ukuri, iyo bihuje n'iby'Ijambo ryayo riyivugaho, tukibwira uko iri n'uko imeze nk'uko Ijambo ryayo ritwigisha. Sinarondora iby'imimerere yose y'Imana nonaha, keretse kuvuga uko itumerera twebwe abantu. Tuba tugize ibitekerezo bitunganye biherereye ku Mana, iyo twemeye ko ituzi birusha uko twiyizi, ikabasha kuturebamo ibyaha tutiyiziho, kandi izi ibyo twibwira bihishwe rwose; kandi ko imitima yacu iyigaragarira iteka ryose n'ibiri mu bwigobeko bwayo, kandi yuko ibyo dukiranuka byose biyinukira nabi, bigatuma idashaka ko tuyihagarara imbere twiringiye ibyo twakoze ubwacu, n'aho byaba ari byiza cyane.

Ntabwenge ati: Mbese ugira ngo ndi umunyabwenge buke wibwira yuko Imana itandusha kumenya ibihishwe, cyangwa yuko najya aho iri niringira ibyiza nakoze?

Mukristo ati: Ibyo gukizwa ubitekereza ute?

Ntabwenge ati: Kubivuga mu magambo make, ntekereza yuko nkwiriye kwizera Kristo ngo ansindishirize.

Mukristo ati: Ugize ngo iki? Wakwizera Kristo ute utazi ko umukeneye? Ntiwemera yuko ufite ibyaha, ari ibya kavukire cyangwa ibyo wakoze ubwawe. Ahubwo uko wiyogeza, ukogeza n'ibyo ukora byerekana yuko uri umuntu utigeze kumenya ko ukennye gukiranuka kwa Kristo ko kugutsindishiriza imbere y'Imana. None se uko kwizera Kristo kwawe ni ukuhe?

Ntabwenge ati: Mwizera neza n'ubwo ushaka kubihakana

Mukristo ati: Umwizera buryo ki?

Ntabwenge ati: Nizera yuko Kristo yapfiriye abanyabyaha, kandi yuko jyewe nzatsindishirizwa imbere y'Imana, ngakurwaho umuvumo w'ibyaha kuko Kristo azaba angiriye Ubuntu, akemera uko numviye

amategeko y'Imana. Cyangwa se, kubivuga ukundi, ingeso zanjye zo ku bafite Imana. Kristo azazigerekaho ibyiza bye no gukiranuka kwe. Nicyo kizatuma Imana izemera, nanjye ikansindishiriza.

Mukristo ati: Watuye kwizera kawe; reka ngusubize.

1. Kwizera kwawe ni uguhimbano, kuko kutavugwa mu Ijambo ry'Imana.

2. Kwizera kwawe ni ukw'ibinyoma, kuko mu cyimbo cyo gukiranuka kwa Kristo ushyizemo gukiranuka kwawe, ngo abe ari ko kugutsindishiriza.

3. Wibwira yuko Kristo azabanza gutsindishiriza ibyo ukora, nyuma abone kugutsindishiriza ubwawe, ariko rero urayobye siko bigenda.

4. Noneho, ibyo wizera biragushuka; ntibizagukingira na gato umujinya w'Imana Ishobora byose ku munsi uzahagarara imbere yayo. Kwizera k'umuntu gutuma atsindishirizwa koko kumwemeza yuko ari uwo kurimbuka kuko yishe amategeko y'Imana, bigatuma ahungira kuri Kristo ngo amwambike gukiranuka kwe. Kandi uko gukiranuka kwa Kristo, umurimo wako si ukweza ibyo wowe wakoze ngo Imana ibyemere, igutsindishirize, ahubwo ni ugutura Imana ibyo Kristo yakoze n'uko we yumviye amategeko y'Imana, ntayicemo na rimwe, ikemera ibyo yakoze n'ibyo yababajwe mu cyimbo cy'ibyo tutakoze no kutumvira kwacu. Uwizeye Kristo atyo azahinguka imbere y'Imana yambaye umwenda wera wo gukiranuka kwa Kristo utariho ikizinga na kimwe. Uwo nguwo Imana izamwemera koko, imutsindishirize, ye gucirwaho iteka na gato.

Ntabwenge ati: Uti iki? Urashaka ko twiringira ibyo Kristo yakoze ubwe, udashyizeho ibyo natwe dukora? Kwemera ibyo kwatuma dukurikiza ibyo kamere yacu yifuza tutirinze, tugakora ibyo dushaka byose. Nta cyatuma dutunganya ingeso zacu, tukirinda ibyaha, niba ari ukuri yuko tubasha gukora ibibi byose dushaka, hanyuma tugapfa kwizera Kristo ngo tubarweho gukiranuka kwe, tugatsindishirizwa!

Mukristo ati: Witwa Ntabwenge, kandi izina niryo muntu! Ibyo unshubije byerekana ko uri we koko.

Nta bwenge ufite bwo kumenya gukiranuka Imana yemera ngo itsindishirize umuntu, uko gusa n'uko kungana. Nta bwenge ufite bwo kumenya yuko wowe ubwawe udafite uko ukiranuka gushakwa n'Imana kandi yuko, nutakubona, utazakira umujinya w'inkazi w'Imana yera. Kandi rero nta bwenge ufite bwo kumenya yuko umuntu wizeye Kristo muri ubwo buryo, agakizwa koko, akambara umwambaro wera wo gukiranuka kwe, uwo nguwo aba ahindutse icyaremye gishya! Ibyo yizera bigomba kunesha umutima we, bikawugomorororera Imana yiyerekaniye muri Kristo, bigatuma akunda izina ryayo n'Ijambo ryayo n'inzira yayo n'abantu bayo. Icyakora, ibyo byose, ntaho bihuriye n'ibyo wowe wemejwe n'ubwo buswa bwawe!

Byiringiro ati: Mubaze yuko yigeze guhishurirwa Kristo ari mu ijuru.

Ntabwenge ati: Ngabo! Niko mumera, muhora muvuga ko muhishurirwa! Nibwira yuko ibyo mwebwe n'abandi nkamwe muvuga kuri ibyo, bikomoka ku busazi gusa.

Byiringiro ati: Yoo! Aho ntuzi yuko ubwenge bw'abantu bwa kavukire budashobora kumenya Kristo kuko Imana yamubahishe? Nta wamumenya ngo akizwe nawe, keretse Imana Data wa twese imumuhishuriye *(1 Abakor 2:6-16; Mat 11:27; Yoh 6).*

Ntabwenge ati: Ibyo nibyo mwemezwa n'idini yanyu. Iyanjye iri ukundi, ariko iyanjye ntirutwa n'iyanyu, n'ubwo ntibwira byinshi bimeze nk'inzozi nkamwe.

Mukristo ati: Reka mvuge irindi jambo. Ayo magambo ni ayo kwitonderwa cyane: we kuyasuzugura. Sintinya kuvuga, nk'uko inshuti yanjye yavuze, yuko ari nta muntu ubasha kumenya Yesu Kristo, atamuhishuriwe na Data wa twese, kandi kwizera Kristo bituma umuntu amugeraho akamukomeza, nako nta kindi cyamumuhesha kitari ubuntu n'imbaraga by'Imana ishobora byose *(Mat 11:27; 1 Abakor 12:3; Abef 1:17-19).* Kandi, Ntabwenge, ndakubabariye, kuko utazi iby'uko ukwizera gukora. Noneho kanguka, umenye yuko uri umutindi wo kubabarirwa, uhungire ku Mwami Yesu.

Nugira utyo uzakizwa urubanza rw'ibyaha byawe, ubiheshejwe no gukiranuka kwa Kristo (Ni ko gukiranuka kw'Imana, kuko Yesu ari Imana rwose).

Ntabwenge ati: Murihuta cyane: simbasha kugendana namwe. Nimujye imbere, ndasigara inyuma. Maze Mukristo na Byiringiro babararirimba bati:

Mbese, Ntabwenge, koko uracyakunze
Ubupfu bwawe no gusuzugura
Inama nziza tujya tukugira?
Nuhora uzanga uzaba urimbutse.

Ni iki gituma witeza amakuba?
Ntutinde, wibuke amagambo yacu.
Kandi witinya kwicisha bugufi:
Mbese uzageza he kunangirwa?

Mbega ibyo byiza byawe ujya wirata:
Ni umwenda ucitse wuzuye ibizinga!
Emera ibyaha n'ubukene byawe:
Sanga umukiza wagupfiriye! (Ijwi 277)

Maze Mukristo abwira mugenzi we ati: Byiringiro, dutambuke: mbonye yuko dukwiriye kongera kugenda twenyine.

26. IBYO GUTINYA KWIZA N'IBY'ABASUBIRA INYUMA

NDOTA bajya imbere bihuta, Ntabwenge abakurikira acumbagira. Mukristo abwira inshuti ye ati: Uriya muntu ni umutindi ku bw'Imana ndamubabariye cyane, kuko ku munsi w'amateka, urubanza rutazabura kumutsinda.

Byiringiro ati: Ni ishyano! Mu mudugudu w'iwacu harimo benshi bameze batyo: hariho imiryango, irimo abantu bose bameze batyo n'ubwo ari abagenzi. None se, ubwo iwacu abameze batyo ari benshi, iwabo ntibarushaho kuba benshi?

Mukristo ati: Ijambo ry'Imana ryaravuze ngo yabahumye amaso ngo be kurebesha imitima *(Yoh 12:40).* Ariko none ubwo twiherereye, ndakubaza icyo wibwira kuri bene abo bantu. Mbese ntabwo bemezwa yuko ari abanyabyaha ngo batinye yuko bari mu kaga?

Byiringiro ati: Ahubwo ba ari wowe usubiza ibyo, kuko unduta ubukuru.

Mukristo ati: Nibwira ahari yuko hari ubwo babyemezwa, maze kuko ari abanyabwenge buke kubwa kamere yabo ya kavukire, ntibamenya yuko kwemezwa kw'ibyo kwabagirira umumaro. Nicyo gituma bagerageza kubyiyibagiza, bagakomeza kwishuka, bakishimira inzira zikundwa na kamere yabo.

Byiringiro ati: Nk'uko uvuze, nibwira yuko gutinya kubasha kugirira abantu umumaro mwinshi, kukabemeza gutangira urugendo rwo kujya mu ijuru.

Mukristo ati: Ntibishidikanywa ko atari ko biri, niba ari ugutinya kwiza: kuko ari ko Ijambo ry'Imana rivuga, ngo gutinya Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge *(Zab 111:10).*

Byiringiro ati: Wasobanura ute gutinya kwiza uko ari ko?

Mukristo ati: Gutinya kwiza nyakuri gufite ibimenyetso bitatu.

Icya mbere ni inkomoko yako: Gukomoka ku ukwemezwa yuko uri umunyabyaha kandi yuko ukwiriye kubikizwa.

Icya kabiri ni uko gutera umuntu kwisunga Kristo ngo amukize.

Icya gatatu: uko gutinya kwiza gutuma umuntu yubaha cyane Imana n'Ijambo ryayo n'inzira yayo, kukamukomezamo uko kubaha, kukamubuza gusubira kunangirwa. Kandi kumutinyisha guteshuka muri iyo nzira ngo ace iburyo cyangwa ibumoso ashaka ikintu cyose kibasha kugayisha Imana cyangwa kwangiza amahoro ye cyangwa kubabaza Umwuka Wera cyangwa gutuma abanzi b'Imana bayituka.

Byiringiro ati: Uvuze neza: ngira ngo ibyo uvuze ni ukuri koko. Mbese tugiye kurangiza igihugu kiroga?

Mukristo ati: Ubibarije iki? Urambiwe n'ibi biganiro?

Byiringiro ati: Oya, sindambiwe na gato: ahubwo ni uko nshaka kumenya aho tugeze.

Mukristo ati: Urugendo dusigaje tukakimara ni nk'igice cy'isaha. Ariko reka dusubire ku biganiro byacu. Abanyabwenge buke ntibazi yuko ibibemeza yuko ari abanyabyaha bikabatera ubwoba bibasha kubagirira umumaro; nicyo gituma bagerageza kubyiyibagiza.

Byiringiro ati: Bagerageza bate kubyiyibagiza?

Mukristo ati: 1. Bibwira yuko gutinya guturuka kuri Satani (kandi kuva ku Mana!). Nicyo gituma bakurwanya nk'igishaka kubarimbuza.

2. Bibwira yuko gutinya gushaka konona kwizera kwabo. Ni ishyano! Ni abo kubabarirwa cyane! Ko badafite kwizera na guke. Hari icyakonona ibitariho? Nuko ibyo nabyo bibatera kwinangira imitima kugira ngo bashire ubwoba.

3. Bibwira yuko gutinya atari ikintu kibakwiriye; nicyo gituma n'ubwo biyumvamo ubwo bwoba, bakomeza gutinyuka kwiyiringira.

4. Babona yuko ubwo bwoba bushaka kubagayisha gukiranuka kwabo kudashyitse gukomoka kubyo bakoze ubwabo: nicyo gituma babwirukana uko bashobora kose.

Byiringiro ati: Nanjye nzi yuko ari ko biri, kuko ari ko nameraga ntaramenya uko ndi.

Mukristo ati: Noneho tureke ibya Ntabwenge. Tuganire ibindi byatugirira akamaro.

Byiringiro ati: Ndabyemeye rwose: ariko na none ba ari wowe ubanza.

Mukristo ati: hashize imyaka nka cumi, mbese ntiwari uzi umuntu witwaga MUKOMERAKANYA, washishikariraga kubaha Imana muri icyo gihe?

Byiringiro ati: Nari muzi; yari atuye mu mudugudu witwa NTABUNTU uhanye intera n'undi witwa BUKIRANUTSI urugendo rw'igice cy'isaha: yari aturanye n'uwitwaga MUSUBIRANYUMA.

Mukristo ati: Niwe uwo, ndetse bari bateraniye mu rugo rumwe.

Icyo gihe yari akangutse cyane, ngira ngo yari atangiye kubona ibyaha bye n'ibihembo bizamuhesha *(Abarom 6:23).*

Byiringiro ati: Nanjye namumenye nk'uko uvuze, kuko yazaga kenshi kunsura, arira amarira menshi. Naramubabariraga, nkamwiringiraho gato kuko azakizwa: ariko tuzi yuko abavuga bati, Mwami, Mwami, badakizwa bose *(Mat 7:21).*

Mukristo ati: Ubundi yambwiye ko yagambiriye kugenda urugendo rujya mu ijuru, nk'urwo tugenda uru: maze nyuma acudika n'uwitwa NZIGIRA bituma dutandukana.

Byiringiro ati: Ubwo tuvuga ibye, twibaze icyamuteye gusubira inyuma atyo tutabitekerezaga, n'ikibitera abandi bamera nkawe.

Mukristo ati: Byatugirira umumaro mwinshi. Noneho, ba ari wowe ubanza!

Byiringiro ati: Ku bwanjye impamvu z'uko gusubira inyuma ni enye:

1. Nubwo batangiye kumva batsinzwe n'urubanza rw'ibyaha byabo, imitima yabo ubwayo ntihinduka. Nicyo gituma gukunda Imana kwabo gushira, iyo ubwo bwoba baterwa n'ibyaha byabo bugabanutse. Nuko ntiwatangara ko basubira mu ngeso zabo za kera. Bahwana n'imbwa ijorowe n'ibyo yariye. Kuko ifite iseseme, iruka byose: si uko ishaka kubiruka, ahubwo ni uko biyibabaza mu nda. Maze iseseme yashira, inda iguwe neza, irahindukira ikajabagira ibyo birutsi byose, kuko itabyanga. Ibyo Petero yavuze ni iby'ukuri ngo Imbwa isubiye ku birutsi byayo *(2 Pet 2:22).* Nta kindi kibifurisha ijuru keretse kwemezwa yuko Gehinomu iriho no gutinya kuzababarizwayo. Uko gutinya Gehinomu n'iteka bazacirwaho kugabanutse, niko gukunda ibyo mu ijuru n'iby'Agakiza kugabanuka, bagasubira mu ngeso zabo za kera.

2. Kandi bafite n'ubwoba bw'ubundi buryo bubategeka: ni ubwo gutinya abantu. Byaranditswe ngo gutinya abantu kugusha mu mutego *(Imigani 29:25*). Koko bifuza ijuru bacyumva kugurumana k'umuriro w'i Gehinomu, ariko ubwo bwoba butangiye kugabanuka, ubwo gutinya ab'isi butangira kugwira muri bo. Bamenya yuko bakwiriye kugira ubwenge, ntibigerezeho ngo bateshwe iby'isi byose

no gushaka ibyo batazi, ndetse ubwo bwihare bubazanire n'ibyago. Nicyo gituma basubira mu by'iyi Si.

3. Ikindi kibatera gusubira inyuma ni uko badashobora kwihanganira gukorwa n'isoni, bazira kubaha Imana, ni abibone bihimbaza: ku bwabo, iby'Imana ni iby'icyubahiro gike bizana igisuzuguriro. Maze batagiterwa ubwoba nka mbere n'ibya Gehinomu n'iby'umujinya wenda gutera, basubira mu ngeso zabo za kera.

4. Nubwo bumva urubanza rubatsinze, bagatinya umunsi w'amateka, banga cyane icyabibibutsa cyose, ntibakunde gutekereza umubabaro bazabona batarawugeraho. Icyampa bagakunda kuwutekereza, bigatuma bahungira aho abakiranutsi bahungira bagakira! Ariko nk'uko mvuze, kuko bahora bihunza ibyo byiyumviro by'urubanza n'ubwoba bw'ibizaba, nuko bamara gusinziriza imitima yabo ngo irorere kubyibwira, bishimira kuyinangira, bagakunda n'ingeso zirushaho kuyinangira.

Mukristo ati: Ugeze bugufi bwabyo. Impamvu iruta izindi ibatera gusubira inyuma ni uko imitima yabo no kwifuza kwabo bitahindutse. Wabagereranya n'umujura uhagaze imbere y'umucamanza: aratinya, agahinda umushyitsi, agasa nk'uwihannye cyane. Ariko ikibimutera cyane cyane ni ugutinya kumanikwa; si ukwanga icyaha cye. Biragaragara ko ari ko biri, kuko wamurekura, yagumya kuba umujura; ariko iyo umutima we uhinduka, ntiyakongera kumera atyo.

Byiringiro ati: Maze kukubwira impamvu zo gusubira inyuma kwabo: nawe umbwire uburyo bwako.

Mukristo ati: Ndabukubwira mbikunze.

Intambwe ya mbere yo gusubira inyuma kwabo ni uko biyibagiza uko bashobora iby'Imana n'urupfu no kuzacirwaho iteka.

Iya kabiri ni uko bareka buhoro buhoro gukora ibibakwiriye mu rwihisho, nko gusenga no gusoma Igitabo cy'Imana bari bonyine, nko kudategekwa n'ibyo imitima yabo yifuza, nko kuba maso bakirinda Satani, nko kubabazwa n'ibyaha n'ibindi nk'ibyo.

Iya gatatu ni uko bihunza abakristo bakijijwe by'ukuri.

Iya kane ni uko bacogora, ntibakunde gukora ibibakwiriye imbere y'abantu, nko kumva ijambo ry'Imana, nko kurisoma bafatanije n'abandi, nko kuganira iby'Imana, n'ibindi nk'ibyo.

Iya gatanu ni uko batangira kugenzura bamwe mu bubaha Imana ngo babone icyo babagaya. Ariko impamvu zibibatera zituruka kuri Satani. Babagenzurira kugira ngo babone inenge muri bo yababera urwitwazo rwo kureka kubaha Imana.

Iya gatandatu ni uko batangira kubana n'abantu bakunda iby'iyi si n'inzoga n'ubusambanyi n'ibindi byaha.

Iya karindwi ni uko baganira iby'iyi si n'ibiteye isoni rwihishwa, kandi iyo babonye abitwa ko bubaha Imana babikora, barabyishimira, kuko bibamara isoni zo kubikora cyane.

Intambwe ya munani, ni uko batangira gukinisha ibyaha bito ku mugaragaro.

Iya cyenda: bamaze kwinangira, biyerekana uko bari. Nuko bitsurira mu ruzi ruzabatembana, rubageze mu gahinda no mu makuba; Imana nitabibuza ku bw'imbabazi zayo, bazarimbuzwa iteka ryose n'uko kwishuka kwabo.

27. IGUHUGU CYITWA BEULA

NDOTA abo bagenzi barangije igihugu kiroga, bageze mu gihugu cyitwa BEULA, risobanura ngo Uwashyingiwe *(Yesaya 62:4; Indirimbo ya Salomo 2:10-12).* Icyo gihugu kirimo ikirere cyiza cyane kinezeza ugihumeka. Inzira yabo yakinyuragamo; bamara iminsi baharuhukiye. Bumvaga inyoni zijwigira iteka, bakabona iminsi yose uburabyo burabya, bakumva inuma ziguguza. Muri icyo gihugu izuba riva ku manywa na nijoro; abakigezemo baba barenze igikombe cy'igicucu cy'urupfu. Kandi cya gihanda Bwihebe ntikibasha kuhagera; ndetse abo bagenzi bahageze ntibabashaga no kureba igihome cyacyo cy'i Shidikanyamana. Kandi bari bageze aho bitegeye

ururembo bajyagamo, ndetse bahahurira na bamwe bo muri urwo rurembo, kuko abarabagirana bamenyereye kugendagenda muri icyo gihugu, kuko gifatanye n'icyo mu ijuru.

Bagenda muri icyo gihugu banezerewe umunezero mwinshi uruta uwo bari bafite bakiri mu bihugu bitari bugufi bw'Ubwami bajyagamo. Bageze bugufi bwa rwa rurembo, barushaho kurureba neza. Rwubakishijwe imaragarita n'amabuye y'igiciro cyinshi, kandi mu nzira zo muri rwo, hasigirijwe izahabu nziza *(Ibyahish 21:21)*. Nuko ubwiza bwarwo bufatanije n'izuba rirurasiyemo bituma Mukristo arwazwa n'ubwuzu; na Byiringiro nawe ni uko. Bamara iminsi barwaye batyo, bifuza cyane kugera mu ijuru bati: Nimubona umukunzi wanjye, mumubwire yuko urukundo rwansabye *(Indirimbo 5:8)*. Maze basubijwemo intege ho gato, bihanganira iyo ndwara, bakomeza urugendo, barushaho kugera bugufi bwa rwa rurembo, babona udushyamba tw'ibiti byera imbuto ziribwa n'inzabibu n'imirima y'uburabyo; kandi amarembo y'utwo dushyamba n'izo nzabibu yari iruhande rw'inzira yabo. Babyegereye basanga umuhinzi wabyo ahagaze mu nzira, baramubaza bati: Izi nzabibu nziza n'utu dushyamba twiza ni ibya nde? Arabasubiza ati: ni iby'Umwami: yabitereye hano kugira ngo bimunezeze, kandi biruhure n'abagenzi. Abajyana muri izo nzabibu, abategeka gusoroma kugira ngo barye ku mbuto nziza zaho. Abereka inzira z'Umwami n'amazu ye akunda kwiririrwamo: barahiririrwa, baraharara.

Bakangutse bitegura kuzamuka ngo bajye muri rwa rurembo. Nk'uko navuze, rufite ubwiza burabagirana cyane, kuko rwubakishijwe izahabu nziza *(Ibyahish 21:21)*. Izuba rirasiye muri izo nzabibu ryatumye batabasha kurureba ubwarwo, mu maso habo hadatwikiriwe, ahubwo barurebeshaga indorerwamo zibigenewe *(2 Abakor. 3.18)*. Maze bakigenda bahura n'abantu babiri bambaye imyenda irabagirana nk'izahabu, kandi mu maso habo harabagirana nk'izuba. Abo bantu bababaza aho baturutse, barabasubiza. Maze bababaza aho baraye, bababaza n'imiruho n'amakuba babonye mu nzira, hamwe n'ibyiza byababafashije; barabibasubiza. Nuko barababwira bati:

haracyari ibintu bibiri biruhije, mukabona gusohora muri rwa rurembo.

Mukristo na mugenzi we babasaba kujyana nabo, barabemerera, ariko barababwira bati: Mukwiriye kuhagezwa no kwizera kwanyu. Bose barajyana, bagera aho bitegeye irembo ry'urwo rurembo.

28. URUZI NIRWO RUPFU

MBONA yuko hagati yabo n'iryo rembo hari uruzi rudatinzwe, kandi urwo ruzi rwari rurerure cyane. Abo bagenzi barubonye barumirwa cyane, maze abo bari kumwe barababwira bati: Mutarwambuka, ntimwabasha kugera kuri ririya rembo. Maze bababaza ko hari indi nzira ijya kuri ryo. Barabasubiza bati iriho, ariko uhereye aho isi yabereyeho, nta muntu wemerwe kuyicamo, keretse babiri, Henoki na Eliya, kandi nta wundi uzabyemererwa, kugeza ubwo impanda y'imperuka izavugira. Bumvise ibyo, abo bagenzi batangira gukuka umutima, cyane cyane Mukristo. Barakebaguza, ntibabona indi nzira yabakirisha urwo ruzi. Babaza ba bantu barabagirana yuko uburebure bw'amazi buhwanye hose. Barabasubiza bati: Oya, ariko ntitubasha kubafasha muri ibyo, kuko kwizera Umwami nyiri ururembo kwanyu ari ko kuri butume mubona aharehare cyangwa ahagufi.

Baramanuka, baravogera, Mukristo atangira kurengerwa, atakira Byiringiro ati: Ndengewe n'amazi maremare: ibigogo by'Imana n'umuraba wayo byose birandengeye *(Zab 42:7).*
Byiringiro ati: Humura, mwene Data, nshyikije ibirenge hasi kandi ni heza.

Mukristo ati: Nshuti yanjye, ingoyi z'urupfu zirangose *(Zab 18:5);* sinzabona igihugu cyuzuye amata n'ubuki.
Uwo mwanya, Mukristo yumva ageze mu mwijima w'icuraburindi, umutera ubwoba cyane, ntiyabasha kureba iyo ajya. Kandi ubwenge bwe burazinduka, aba atakibasha kwibuka ibyo yabonaga mu nzira

byamunezezaga bikamuhumuriza. Kandi yatakaga yuko abadayimoni n'abazimu babi bamubonekera, bakamutera ubwoba.

Nicyo cyatumye Byiringiro arushywa cyane no kugerageza kuramira Mukristo ngo atarengerwa. Ubundi yarengerwaga rwose, maze hashira akanya, akibiruka arembye, kandi Byiringiro akagerageza kumuhumuriza ati: Mbonye rya rembo ririho abantu biteguye kutwakira. Maze Mukristo akamusubiza ati: Ni wowe, ni wowe gusa bategereje, kuko ari wowe ujya wiringira, uhereye aho twabonaniye. Undi ati: Nawe ni uko. Mukristo ati: Iyo ntunganira Imana, ntiba ihagurutse ngo intabare? Nyuma Byiringiro aramubwira ati: Mwene Data, wibagiwe rwose ya magambo yavuzwe ku banyabyaha ngo Ntibababazwa mu ipfa ryabo, ahubwo imbaraga zabo zirakomera; ntibagira imibabaro nk'abandi, ntibaterwa n'ibyago nk'abandi *(Zab 73:4-5*). Aya makuba ugiriye muri aya mazi si ikimenyetso cy'uko Imana ikuretse: ahubwo ni ayo kukugerageza ngo wibuke ibyiza yajyaga igukorera n'imbabazi yakugiriraga; bitume umwisunga muri aya makuba.

Maze Mukristo amara umwanya atekereza, Byiringiro arongera aramubwira ati: Humura, Yesu Kristo aragukiza. Uwo mwanya Mukristo avuga ijwi rirenga ati: Nongeye kumureba; kandi arambwiye ati: Nunyura mu mazi, nzaba ndi kumwe nawe; nuca no mu migezi, ntizagutembana *(Yes 43.2).* Bombi barakomera: wa mubisha wabo arajunjama, barinda bambuka. Uwo mwanya Mukristo abona aho ashyitsa ibirenge, ahasigaye h'urwo ruzi hagira amazi magufi. Nuko barambuka.

29. URUREMBO SIYONI

HAKURYA y'urwo ruzi, babona ba bantu barabagirana bahagaze ku nkombe babategereje. Bakutse, abo barabagirana barabaramutsa, barababwira bati: Turi abagaragu b'Umwami Imana: dutumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza *(Abaheb 1:14).* Nuko bagenda mu nzira ijya kuri rya rembo.

Kandi urwo rurembo Siyoni rwubatswe ku musozi muremure cyane, ariko abo bagenzi bawuterera neza cyane, kuko ba bantu barabagirana babaramiraga babafashe amaboko: kandi bari basize muri rwa ruzi imyenda yabo yo gupfa, kuko n'ubwo bavogereye bayambaye, bakutse batakiyambaye. Nicyo cyatumye bazamuka vuba cyane, n'ubwo urufatiro urwo rurembo rwubatsweho rwari hejuru y'ibicu.

Nuko barazamuka, banyura mu kirere bagenda baganira ibyiza, banejejwe n'uko bambutse rwa ruzi amahoro, bakaba bari kumwe n'abo bera barabagirana, bagenda baganira n'abo barabagirana iby'ubwiza bw'urwo rurembo. Barababwira bati: Ubwiza n'icyubahiro byarwo ntibigira uko byavugwa. Niwo musozi Siyoni, Yelusalemu yo mu ijuru; hariyo n'iteraniro rya ba maraika batabarika n'imyuka y'abakiranutsi batunganijwe rwose *(Abaheb 12:22-24).* Murajya muri Paradiso y'Imana, muri bubonemo cya giti cy'ubugingo, murye imbuto zacyo zitabora. Nimugerayo, muri buhabwe imyenda yera, muzajya mugendana n'Umwami muganira, iminsi yose y'iteka ryose *(Ibyahish 2:7; 3:5; 22:5).* Kandi ntimuzabonayo ibyo mwabonaga mukiri mu isi: umubabaro n'indwara n'ibyago n'amakuba n'urupfu; kuko ibya mbere bishize *(Ibyahish 21:4).* Mugiye gusanga Aburahamu na Isaka na Yakobo na ba bahanuzi bose, abo Imana yakuye mu isi y'umubabaro ikabageza mu mahoro no mu buruhukiro bwayo, kuko bakiri mu isi, umuntu wese muri bo yagendaga akiranuka *(Yes 57:2).* Abo bagenzi barababaza bati: Dukwiriye kugenza dute nitugera aho hantu hera? Barabasubiza bati: Muri buherweyo ibyo kubaruhura mu cyimbo cy'imiruho yanyu yose, n'ibyishimo mu cyimbo cy'imibabaro yanyu, muri busarure ibyo mwabibye, imbuto ziva ku gusenga n'amarira yanyu n'imibabaro mwababarijwe mu nzira babahora Umwami (*Abagal 6:7-8).* Aho hantu muzajya muhambarira amakamba y'izahabu, kandi muzajya munezerwa no kureba Uwera, kuko muzamureba uko ari *(1 Yoh 3:2).* Kandi muzajya mumukorera iteka, mumushima muvuza impundu mumuhimbariza

ibyo yabakoreye, uwo mwashakaga gukorera mukiri mu isi, ariko byabarushyaga cyane ku bw'intege nke z'imibiri yanyu. Amaso yanyu azashimishwa no kureba Ushoborabyose, amatwi yanyu azashimishwa no kumva ijwi rye ryiza. Ni ho muzabana mwishimye n'inshuti zanyu zababanjirije kugerayo, kandi muzajya mwakirana ibyishimo abazabakurikira bose bajya aho hera.

Bageze bugufi bw'irembo ry'urwo rurembo, umutwe w'ingabo zo mu ijuru uza kubasanganira, ba bandi barabagirana babiri barababwira bati: Aba ni abantu bakundaga Umwami wacu bakiri mu isi, bagasiga byose ku bw'izina rye ryera. Yadutumye ngo tubazane; noneho tubasohoje hano barangije urugendo rwabo, ngo binjire barebe Umucunguzi wabo mu maso banezerewe. Maze ingabo zo mu ijuru zivuga ijwi rirenga ziti: Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama. Kandi hasohoka umutwe w'abavugiriza Umwami impanda benshi ngo babasanganire, bambaye imyenda yera irabagirana; bazivuza neza cyane, ijuru ryose rirarangira. Abo baramutsa Mukristo na mugenzi we, bababwira hato na hato bati: Murakaza, mwe abavuye mu isi mwe! Babyumvikanisha amajwi y'impundu n'ay'impanda. Maze babagota impande zose, bamwe babajya imbere, abandi barabakurikira, abandi babajya iburyo n'ibumoso nk'ababarinda, banyura ahantu ho mu ijuru, bagenda babavugiriza impanda z'amajwi arenga meza: uwabibona yagira ngo ijuru ubwaryo ryamanutse rije kubasanganira. Nuko barajyana. Bakigenda, bakomeza kubavugiriza impanda neza cyane, babarembuza, bakeye mu maso, babereka uko bishimiye kubasanganira n'uko bakunze kubakira. Byasaga n'aho abo bantu bombi binjiye mu ijuru kandi bataragerayo, kuko kubona abamarayika no kumva amajwi yabo meza kwashakaga kubicisha ibyishimo. Kandi bari bageze aho bareba urwo rurembo bugufi, bibwira ko bumva inzogera zaho zose bazivuza ku bwabo kuko bahageze. Kandi bakibwira ko bazabaho iteka ryose, babanye n'abameze batyo, imitima yabo yuzura umunezero utavugwa utakwandikwa. Nuko bagera kuri rya rembo.

Bagezeho, babona ibyanditswe hejuru yaryo, byandikishijwe inyuguti z'izahabu, ngo *hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri uru rurembo (Ibyahish 22:14)*

Ndota ba barabagirana babategeka kuvunyishiriza kuri iryo rembo. Barahavunyishiriza, abantu babarungurukira hejuru y'irembo, nibo Henoki na Mose na Eliya n'abandi. Ba barabagirana barababwira bati: Aba bagenzi bavanywe mu mudugudu w'i Rimbukiro n'urukundo bakunze Umwami w'uru rurembo. Maze abo bagenzi babaha za nzandiko bahawe katanga ka mbere, bazishyira Umwami arazisoma: arabaza ati: Ba nyirazo bari he? Baramusubiza bati: Bahagaze ku irembo. Umwami arategeka ati: Nimwugurure kugira ngo ishyanga rikiranuka rikomeza iby'ukuri ryinjire *(Yesaya 26:2).* Ndota abo bombi binjira muri iryo rembo: bakinjira, ishusho yabo ihinduka ukundi, bambikwa imyenda irabagirana nk'izahabu. Barabasanganira, babaha inanga zo gushimisha Imana, n'amakamba ngo abe ikimenyetso cy'icyubahiro. Numva bongera kuvuza inzogera zo muri urwo rurembo ku bw'ibyishimo, babwira abo bagenzi bati: Nimwinjire mu munezero wa Shobuja *(Mat 25:23)*. Kandi numva abo bagenzi ubwabo bariririmbisha ijwi rirenga bati: Iyicaye ku ntebe n'Umwana w'Intama, ishimwe ribe iryabo no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware, iteka ryose (Ibyahish 5:13).

Bamaze kugurura amarembo kugira ngo abo bagenzi binjire, mbakurikije amaso, mbona urwo rurembo rwose rurabagirana nk'izuba, mu nzira zo muri rwo hasigirijwe izahabu: mbona abantu benshi bagenda muri izo nzira bambaye amakamba ku mitwe, bafite amashami y'imikindo mu ntoke n'inanga z'izahabu zo gucuranga baririmba indirimbo z'ishimwe. Bamwe muribo bari bafite amababa, baririmba indirimbo zisubizanya urudaca bati: Uwera, Uwera, Uwera niwe Mwami wacu.

Maze barugarira. Mbibonye, nifuza kubanayo nabo.

30. ITEKA NTABWENGE YACIRIWEHO

NUKO nkebutse, mbona Ntabwenge ageze kuri rwa ruzi, arwambuka vuba, we bitamuruhije nka ba bandi, kuko yahasanze umusare witwaga MWIRINGIRUBUSA. Amwambukiriza mu bwato bwe. Maze aterera wa musozi nka ba bandi ngo ajye kuri rya rembo. Ariko agenda wenyine, ntihagira ujya kumusanganira ngo amuramutse cyangwa amuhumurize na hato.



Binjira mu rurembo Siyoni

Ageze kuri rya rembo, arararama, areba ibyanditswe hejuru yaryo, akomanga yibwira ko bamwugururira vuba. Maze ba bantu bamurungurukira hejuru y'irembo, baramubaza bati: Urava he? Urashaka iki? Arabasubiza ati: Twariraga imbere y'Umwami, tukanywera imbere ye, akigishiriza mu nzira z'iwacu. Maze bamubaza urwandiko rwe ngo barujyane, barushyire Umwami: ashakashaka mu myambaro ye, ararubura. Baramubaza bati: Ntarwo ufite? Ntiyagira icyo abasubiza na gito. Babibwira Umwami; ntiyakunda kuza kumureba, ategeka ba barabagirana babiri bazanye Mukristo na Byiringiro muri urwo rurembo gusohoka ngo bafate Ntabwenge, bamubohe amaboko n'amaguru, bamukureho. Baramuterura, bamunyuza mu kirere, bamugeza kuri rwa rugi nabonye mu mucyamu w'umusozi, bamushyiramo. Menya yuko hari inzira ijya muri Gehinomu, ituruka ku irembo ry'urembo rwo mu ijuru, atari ituruka mu mudugudu witwa Kurimbuka gusa. Ndakanguka, menya yuko ari inzozi.

UMUGENZI

INDIRIMBO Y'UMUGENZI

Uwaba atinyutse
ibyago byose
Naze akurikire
Umwami Yesu!
Nta cyamurekesha
Iyo migambi ye
Yo guca mu nzira
Ijya mu ijuru

Ntabwo azacogozwa
N'inshamugongo:
Abazimubwira
Nibo bazagwa!
Abanzi be bose
Ntibamugarura
Mu nzira ahisemo
Ijya mu ijuru.

Mwami ujye undindisha
Umwuka wawe
Mbone kuzaragwa
Kubahwa iteka.
Have, wa bwoba we!
Nimunyihorere!
Namaramaje pe
Kujya mu ijuru! (207)